

REPUBLIC OF RWANDA SUPREME COURT P.o. Box. 2197 KIGALI www.judiciary.gov.rw



ICYEGERANYO CY'IBYEMEZO BY'INKIKO

Icyegeranyo V. 1 - 2020 Mutarama, 2020



RWANDA LAW REPORTS

Law Report V. 1 - 2020 January, 2020





ICYEGERANYO CY'IBYEMEZO BY'INKIKO

Icyegeranyo V. 1 - 2020 Mutarama, 2020



RWANDA LAW REPORTS

Law Report V. 1 - 2020 January, 2020

ICYEGERANYO CY'IBYEMEZO BY'INKIKO

IKINYARWANDA

ISHAKIRO

ABAGIZE KOMITE Y'UBWANDITSIiii
KOMITE YEMEZA IMANZAiv
IRIBURIROvii
IBIKUBIYE MURI IKI CYEGERANYOviii
INYITOviii
AMATEGEKO YASHINGIWEHOix
IMANZA ZIFASHISHIJWExiii
AMAGAMBO MPINExv
Re. MURANGWA1
MPORANYI v. USENGIMANA63
PASSAG COMPANY Ltd v. GTBANK Ltd N'UNDI79
TUYISENGE v. MUKARONI97
DEVELOPMENT BANK OF RWANDA LTD (BRD Ltd) v. SPLENDID KALISIMBI Ltd115
IKIGO CY'UBWITEGANYIRIZE MU RWANDA (RSSB) v. TWAGIRAMUNGU129
UBUSHINJACYAHA v. NSENGIYUMVA N'ABANDI155

ABAGIZE KOMITE Y'UBWANDITSI

ITSINDA RY'ABANYAMATEGEKO BATEGUYE IMANZA

KAGABO U. Stephanie

KAVUTSE M. Claude

KUBWIMANA Jean Claude

MUJABI K. Naphtal

NINAHAZWA Roselyne

KOMITE YEMEZA IMANZA

Prof. Dr. NGAGI M. Alphonse	: Perezida wa Komite, Umucamanza mu Rukiko rw'Ubujurire			
Dr. MUHIRE G. Yves	: Visi Perezida wa Komite, Umwalimu muri Kaminuza y'u Rwanda			
BUKUBA Claire	: Umwanditsi wa Komite, Umugenzuzi w'Inkiko			
Dr. KARIMUNDA M. Aimé	: Perezida w'Urukiko rw'Ubujurire			
RUKUNDAKUVUGA F. Regis	: Umucamanza mu Rukiko rw'Ikirenga			
NDAHAYO Xavier	: Perezida w'Urukiko Rukuru			
RUTAZANA Angeline	: Umugenzuzi Mukuru w'Inkiko			
KALIWABO Charles	: Umucamanza mu Urukiko rw'Ubujurire			
Dr. KAYIHURA Didas	: Umuyobozi wa ILPD			
BWIZA N. Blanche	: Umugenzuzi w'Inkiko			
KIBUKA Jean Luc	: Umucamanza w'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi			

HABARUREMA Jean Pierre	: Umushinjacyaha ku Rwego rw'Igihugu
BUNYOYE Grace	: Umushinjacyaha ku Rwego rw'Igihugu
KABIBI Specioza	: Intumwa ya Leta
MUREREREHE Saouda	: Umucamanza mu Rukiko Rukuru
Lt. col. MADUDU A. Charles	: Umucamanza mu Rukiko rwa Gisirikare
UWANTEGE Yvette	: Umwanditsi Mukuru mu Rukiko rw'Ubujurire
GIRANEZA Clémentine	: Umucamanza mu Rukiko Rwisumbuye
BAGABO Faustin	: Avoka mu Rugaga rw'Abavoka

IRIBURIRO

Basomyi bacu,

Urwego rw'Ubucamanza runejejwe no gutangaza Volime ya mbere y'Icyegeranyo cy'Ibyemezo by'Inkiko mu mwaka wa 2020.

Dukomeje kubashimira, ko mudahwema kutugezaho ibitekerezo byanyu, munatwereka aho mwifuzako hanozwa kurushaho. Ibi bizatuma turushaho kubagezaho Icyegeranyo gikozwe neza kandi gifitiye akamaro abantu b'ingeri zitandukanye bahura n'ibibazo by'amategeko mu mwuga wabo.

Muri iyi Volime y'Icyegeranyo cy'Ibyemezo by'Inkiko murasangamo, imanza zirindwi (7) zirimo ebyiri (2) zerekeranye n'imiburanishirize y'imanza, mu gihe izindi eshanu (5) zaburanishijwe mu mizi ari izi zikurikira: urubanza rumwe (1) rw'imbonezamubano, urubanza rumwe (1) rw'ubucuruzi, urubanza rumwe (1) rw'ubutegetsi, urubanza rumwe (1) nshinjabyaha n'urundi rumwe (1) rurebana n'ikirego gisaba kwemeza ko itegeko rinyuranye n'Itegeko Nshinga.

Tuboneyeho kubibutsa ko imanza ziri muri iki cyegeranyo ziboneka no kurubuga rwa murandasi rw'Urukiko rw'Ikirenga munyuze kuri <u>http://decisia.lexum.com/rlr/kn/nav.do.</u>

Dukomeje gushishikariza abantu bose bifashisha amatageko mu kazi kwitabira gukoresha iki cyegeranyo.

Dr NTEZILYAYO Faustin Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga akaba na Perezida w'Inama Nkuru y'Ubucamanza

IBIKUBIYE MURI IKI CYEGERANYO

Iki cyegeranyo gikubiyemo imanza zaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga n'Urukiko rw'Ubujurire zikoreshwa hakurikijwe inyito ivugwa hasi.

INYITO

Imanza ziri muri iyi volime zikoreshwa muri ubu buryo: [2020] 1 RLR

AMATEGEKO YASHINGIWEHO

Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, ingingo ya 1649
Itangazo ry'Umuryango w'Abibumbye ku burenganzira bwa muntu ryo mu mwaka wa 1948, ingingo ya 7 n'iya 179
Amasezerano Mpuzamahanga ku burenganzira Mbonezamubano n'ubwa Politiki yo mu mwaka wa 1966, ingingo ya 269
African Charter on Human and Peoples' Rights, ingingo 149
Amasezerano yerekeye icuruzwa rikorerwa hagati y'ibihugu ku bwoko bw'inyamaswa n'ibimera mu gasozi byenda gucika yabereye i Washington ku wa 3/03/1973, ingingo ya 1,2 n'iya 3
Itegeko ry'Umuryango w'Afurika y'Iburasirazuba rigenga imicungire ya za Gasutamo, ingingo ya 200 (d) (i) (ii)
Itegeko N°22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi,
ingingo ya 281
ingingo ya 1 n'iya 154158
ingingo ya 12
ingingo ya 111117
Itegeko N° 35/2013 ryo ku wa 29/05/2013 rihindura kandi ryuzuza Itegeko N° 12/2009 ryo ku wa 26/05/2009 ryerekeye izahura ry'ubucuruzi n'irangiza ry'ibibazo biturutse ku gihombo,

ingingo ya 4......117

x _____

Itegeko N°22/99 ryo ku wa 12/11/1999 ryuzuza Igitabo cya mbere cy'Urwunge rw'Amategeko mbonezamubano kandi rishyiraho igice cya gatatu cyerekeye imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe, impano n'izungura, ingingo ya 37, 38, 40100
Itegeko ryo ku wa 30 Nyakanga 1888 ryerekeye ibyerekeye imirimo nshinganwa cyangwa amasezerano, ingingo ya 259
Itegeko – Teka ryo ku wa 22/8/1974 rigena ubwiteganyirize bw'abakozi, nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu, ingingo ya 22 n'iya 23132
Iteka rya Minisitiri N° 1931 bis/06 ryo ku wa 08/12/1987 rishyiraho uburyo bwo kumenyesha impanuka n`indwara zikomoka ku kazi, ingingo ya 6 igika cya 4132.
Code Civil Français, ingingo ya 956100
American Convention on Human Rights, ingingo. 21
European Convention on Human Rights, Protocol No. 1, ingingo ya 19

IMANZA ZIFASHISHIJWE

Association Momentanée SOBETRA SARL & SOBTRA (U) Ltd v Office Rwandais des Recettes (RRA), RCOMA 0064/11/CS rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 28/11/2012, igika cya 16.
Communication N° 172/1984 S.W.M. Broeks v The Netherlands (views adopted on 9 April 1987) in UN Doc. GOAR, A/42/40 P.1509
Free Zone, Co, Ltd v Association Momentanée (Joint Venture) «H3E»RCOMA 0064/12/CS rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 03/06/2016, igika cya 3965
Julia Shop v Ecobank Rwanda Ltd, RCOMAA 0042/14/CS, rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 18/03/2016 igika cya 19 na 2265
Madden v. Kentucky, 309 U.S. 83, 87-88 (1940)
ReAKAGERABUSINESSGROUP(ABG),RS/SPEC/0001/16/CSrwaciwen'Urukikorw'Ikirengakuwa23/09/2016
Supreme Court of United States, BELL'S GAP RAILROAD COMPANY v. PENNSYLVANIA, 134 U.S. 232 (1890)9
Supreme Court of the United States, Nordlinger v. Hahn, June 18, 1992, 112 S. Ct. (1992)9
Supreme Court of the United States, Regan v. Taxation with Representation of Wash., 461 U.S. 540
Ubushinjacyaha vs Mukashema na Bihimana, RPA 0176/11/CS rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga, Icyegeranyo cy'ibyemezo by'inkiko, V.1-2017, P147-160159

Ubushinjacy	aha vs CPL	Ngabonz	ziza	na SGT	Biziya	remye,	RPAA
<i>0117/07/CS</i>	rwaciwe	n'Uruki	ko	rw'Ikir	enga,	Icyege	eranyo
cy'ibyemezo	by'inkiko,	Igitabo	суа	kabiri	2011,	Nº 9,	P.57-
62							159

Ubushinjacyaha vs Uwamurengeye, RPAA 0110/10/CS rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga, Icyegeranyo cy'ibyemezo by'inkiko V.1,

AMAGAMBO MPINE

Amategeko agenga amasezerano – Amasezerano y'impano – Gusesa amasezerano – Iyo uwahawe impano agahabwa n'inshingano akazemera no ariko ntiyuzuze izo nshingano, n'impamvu ihagije y'iseswa ry'amasezerano y'impano kuko aba ahindutse amasezerano magirirane

TUYISENGE v. MUKARONI......97

Gusesa amasezerano – N'ubwo amategeko ateganya ko iseswa ry'amasezerano rigomba kuregerwa inkiko, ntibiba bikiri ngombwa kuyaregera iyo abayagiranye bemeranya kuyasesa no kwirengera ingaruka yabyo

TUYISENGE v. MUKARONI......97

Amategeko agenga amasosiyete – Umunyamigabane – Ububasha bwo kuregera inyungu za sosiyete – Umunyamigabane ushaka kurengera inyungu za sosiyete agomba kubanza kubiherwa uruhushya n'Urukiko – Umunyamigabane wabyemerewe n'Urukiko kuregera inyungu za sosiyete, ntatanga ikirego mw'izina rye bwite ahubwo agitanga mw'izina rya sosiyete abereye Umunyamigabane.

PASSAG COMPANY Ltd v. GTBANK Ltd N'UNDI......97

Amategeko agenga imiburanishirize y'imanza z'ubucuruzi – Izina ry'ubucuruzi – Ububasha bwo kurega mu Rukiko – Izina ry'ubucuruzi ntirigira ubuzimanagatozi ku buryo ryatanga ikirego mu rukiko, ahubwo ikirego gitangwa na nyir'ubucuruzi mw'izina rye kuko ari we ufite ubuzimagatozi bumuhesha ububasha bwo kurega arengera inyungu z'ubucuruzi bwe akorera muri iryo zina.

MPORANYI v. USENGIMANA......63

Amategeko agenga umurimo – Impanuka y'akazi – Ubumuga bwo mu mutwe – Ibarwa ry'indishyi zihabwa uwagize ubumuga bwo mu mutwe bukomoka ku mpanuka y'akazi, rikorwa kimwe n'izishingiye k'ubumuga bw'umubiri bwatewe n'impanuka y'akazi ziteganywa n'Iteka rya Perezida.

IKIGO CY'UBWITEGANYIRIZE MU RWANDA (RSSB) v. TWAGIRAMUNGU......129

Amategeko mpanabyaha – Gucuruza amahembe y'inzovu – Gucuruza amahembe y'inzovu no kuyashakira isoko ntibigize icyaha cyo gushimuta, kwica, gukomeretsa cyangwa gucuruza inzovu nta n'ubwo bigize kuba icyitso mu gushimuta, kwica, gukomeretsa cyangwa gucuruza inzovu ahubwo bigize icyaha cyo kwakira, gutunga, guhisha cyangwa gutanga ngo bahishe ibicuruzwa bazi neza ko bibujijwe cyangwa bisabirwa uruhushya byatumijwe cyangwa byinjijwe mu buryo bunyuranije n'amategeko – Itegeko ry'Umuryango w'Afurika y'Iburasirazuba rigenga imicungire ya za Gasutamo, Ingingo ya 200 (d) (i) (ii).

Amategeko yerekeranye n'imanza z'ubucuruzi – Sosiyete – Igihombo – Iyo hamaze kwemezwa ikurikirana ry'igihombo cya sosiyete, nta mutungo wayo wakurwa mu yindi mbere y'igabana ry'ababerewemo imyenda nubwo waba waratanzweho ingwate. Itegeko № 35/2013 ryo ku wa 29/05/2013 rihindura kandi ryuzuza Itegeko №12/2009 ryo ku wa 26/05/2009 ryerekeye izahura ry'ubucuruzi n'irangiza ry'ibibazo biturutse ku gihombo, ingingo ya 4.

DEVELOPMENT BANK OF RWANDA LTD (BRD Ltd) v. SPLENDID KALISIMBI Ltd.....115

Itegeko Nshinga – Gutandukanya abantu – N'ubwo abantu bagomba kureshya imbere y'amategeko, kubatandukanya cyangwa kubashyira mu byiciro ntabwo buri gihe biba ivangura, kuko iyo hari impamvu zumvikana zishingiye ku ntego ifite ireme (legitimate or rational purpose) gutandukanya abantu cyangwa ibyiciro by'abantu bishobora kuba ngombwa.

Re. MURANGWA.....1

Ikirego gisaba kwemeza ko ingingo cyangwa Itegeko rinyuranye n'Itegeko Nshinga – Uwatanze ikirego mu manza zisaba kuvanaho ingingo z'itegeko zinyuranye n'itegeko nshinga, agomba kugaragaza ko itegeko cyangwa ingingo binyuranye n'Itegeko Nshinga mu buryo buziguye cyangwa butaziguye.

Re. MURANGWA.....1

IKIREGO GISABA KWEMEZA KO ITEGEKO RINYURANYE N'ITEGEKO NSHINGA

Re. MURANGWA

[Rwanda URUKIKO RW'IKIRENGA – RS/INCONST/SPEC 00001/2019/SC – (Rugege, P.J., Nyirinkwaya, Cyanzayire, Hitiyaremye, Rukundakuvuga, J.) 29 Ugushyingo 2019]

Itegeko Nshinga – Gudatandukanya abantu – Nubwo abantu bagomba kureshya imbere y'amategeko, kubatandukanya cyangwa kubashyira mu byiciro ntabwo buri gihe biba ivangura, kuko iyo hari impamvu zumvikana zishingiye ku ntego ifite ireme (legitimate or rational purpose) gutandukanya abantu cyangwa ibyiciro by'abantu bishobora kuba ngombwa.

Itegeko Nshinga – Ikirego gisaba kwemeza ko ingingo cyangwa Itegeko rinyuranye n'Itegeko Nshinga – Uwatanze ikirego mu manza zisaba kuvanaho ingingo z'itegeko zinyuranye n'itegeko nshinga, agomba kugaragaza ko itegeko cyangwa ingingo binyuranye n'Itegeko Nshinga mu buryo buziguye cyangwa butaziguye.

Incamake y'ikibazo: Nyuma yaho hatangarijwe mu Igazeti ya Leta N° 44 yo ku wa 29/10/2018, Itegeko N° 75/2018 ryo ku wa 07/09/2018, rigena inkomoko y'imari n'umutungo by'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage, Murangwa yatanze ikirego mu Rukiko rw'Ikirenga avuga ko ingingo zaryo za 16, iya 17, iya 19 n'iya 20, zinyuranyije n'ingingo za 15, 16, 34 n'iya 35 z'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo muri 2003 ryavuguruwe mu mwaka wa 2015. Urukiko rw'Ikirenga mbere y'uko ruburanisha rwasabye abifuza gutanga ibitekerezo muri uru rubanza nk'inshuti z'urukiko (Amicus Curiae) kandi babifitiye ubumenyi ko babisaba; nyuma Urukiko rwemereye Ishuli ry'Amategeko rya Kaminuza y'u Rwanda

(School of Law), Transparency International Rwanda, Me Dieudonne Nzafashwanayo, Me Twiringiyemungu Joseph na Ntibaziyaremye Innocent kuba' inshuti z'urukiko.

Ingingo ziregerwa zikaba ziri mu byiciro bitatu:

Iki cyiciro cya mbere kigizwe n'ingingo ebyiri, iya 16 na 17, aho urega agaragaza ko ibyo ingingo ya 16 iteganya binyuranyije n'Itegeko Nshinga kuko uretse no kuba ikandamiza icviciro kimwe cyiswe icy'inyubako zo guturamo, avuga ko iyo ngingo iteganya umusoro munini kandi aricyo kidafite ubushobozi ukigereranyije n'icyiciro cy'ubucuruzi, n'inganda, cyo gishyirirwaho umusoro muto kandi abanyenganda aribo bafite ubushobozi ku buryo ibyo bishobora kubangamira gahunda ya Leta yo gutuza neza abanyarwanda, akomeza avuga ko niba nk'igihe umuntu yiyemeje kubaka amazu yo guturamo, undi akubaka amazu y'ubucuruzi naho undi akubaka amazu y'inganda, bose bagombye gufatwa nk'abashoramari ku buryo kubazanamo ibice ugamije kubasoresha nta kintu na gito bisobanuye kandi abantu bareshya imbere y'amategeko, ahubwo ko buri wese yagombye gusora hagendewe ku cyo yinjiza. Yongeraho ko ingingo ya 17 mu bika byayo byose yuzuzanya n'iya 16, nayo ikavangura abantu ishingiye ku byiciro by'ubukungu n'umutungo, ku buryo izo ngingo zombi zitareshyeshya abantu imbere y'amategeko ndetse zitanabarengera kimwe nk'uko Itegeko Nshinga ribiteganya mu ngingo zaryo za 15 na 16.

Ishuri ry'Amategeko rya Kaminuza y'u Rwanda risobanura ko ibiteganywa n'ingingo ya 16 binyuranye n'ihame ryo kubaka Leta iharanira imibereho myiza y'abaturage no gushyiraho uburyo bukwiye kugira ngo bagire amahirwe angana mu mibereho yabo, kuko iyo ngingo iteganya gusoresha umusoro munini inzu yo guturamo aho gusoresha umusoro munini inzu

2

z'ubucuruzi ari nazo zitanga inyungu nyinshi kandi ko kuba iyo ngingo iteganya umusoro munini ku mazu yo guturamo bizaca intege abayubaka kandi hari abantu benshi bagikeneye amacumbi, ubwabyo bikaba bitanajyanye na gahunda ya Leta yo gukemura ikibazo cy'amacumbi.

Transparency International Rwanda ivuga ko izo ngingo zigaragaramo ivangura kandi ko iyo usomye ingingo ya 16 usanga umushingamategeko yaratekerezaga ku guteza imbere ishoramari, ariko ko bitari ngombwa gutandukanya inzu z'ubucuruzi n'izo guturamo, kuko yirengagije imibereho y'abanyarwanda benshi bakeneye gutura ndetse n'inshingano za Leta zo gutuza buri munyarwanda, aho Leta yiyemeje korohereza buri muntu gutunga inyubako.

Inshuti y'Urukiko Ntibaziyaremye Innocent, ivuga ko umusoro ku nzu ikodeshwa utagombye gutandukana n'umusoro ku nzu y'ubucuruzi, kuko buri wese ariyo "business" aba yarahisemo. Akomeza avuga ko umusoro wagombye kugenda ugabanuka hakurikijwe gusaza kw' inzu (amortissement), kandi uwo musoro ukabarwa nyuma y'uko nyiri iyo nzu arangije kwishyura imyenda yafashe agura ikibanza cyangwa acyubaka, cyangwa se agaciro k'umutungo kakagenwa nyuma yo gukurwamo umwenda nyiri umutungo yafashe yubaka kugeza urangiye.

Leta y'u Rwanda ivuga ko nta vangura rishingiye ku bukungu kuko icyashyizwe mu byiciro n'imitungo (inyubako) atari abantu kandi ko inyubako imwe nyirayo yagenewe guturamo nk'icumbi rye, hamwe n'inyubako ziyunganira mu kibanza cyagenewe guturwamo n'umuryango umwe zisonewe umusoro, mu gihe izindi nyubako z'ubucuruzi n'inganda nta n'imwe isonewe, ariyo mpamvu izindi nyubako zo guturamo umuntu yaba afite zafatwa nka prestige/luxury.

3

Inshuti y'Urukiko Me Twiringiyemungu Joseph avuga ko umusoro wose washyizweho uba wubahirije amategeko kuko uba washyizweho n'Itegeko riteganya uzawakwa n'uburyo azawakwa, ku buryo kunenga umusoro ko udakurikije Itegeko Nshinga bigoye kuko ujyaho ku bw'Itegeko Nshinga. Avuga ko amategeko atari ngombwa ko buri gihe areba abantu bose.

Icyiciro cya kabiri kigizwe n'ingingo ya 19 ivuga ku bijyanye n'igipimo cy'umusoro utangwa ku butaka burenga ku bipimo fatizo bw'ikibanza urega avuga ko inyuranyije n'ingingo ya 15 y'Itegeko Nshinga. Kuri iyi ngingo avuga ko hagendewe ku kuba ubutaka bw'u Rwanda buhererekanywa mu buryo bwinshi butandukanye bigaragara ko hari ukutareshyeshya ababonye ubutaka mbere na nyuma y'uko Itegeko riregerwa rijyaho.

Ishuli ryigisha amategeko muri Kaminuza y'u Rwanda rivuga ko ingingo ya 19 inyuranyije n'Itegeko Nshinga mu ngingo yaryo ya 15 kuko gusoresha ku buryo butandukanye ibibanza hashingiwe gusa ko igihe usora yakiboneye atari impamvu ifatika yatuma habaho iryo tandukaniro. Naho ku birebana n'ikibanza cyabonetse mbere cyangwa nyuma y'ikurikizwa ry'Itegeko, bavuga ko ihame ryo kudasubira inyuma kw'itegeko (nonrétroactivité de la loi) nk'impamvu zo gutandukanya ba nyir'ibibanza, itareberwa igihe ikibanza cyaguriwe cyangwa cyatangiwe gukoreshwa ahubwo yareberwa igihe uburenganzira ku kibanza bwatangiriye (igihe ubwo butaka bwatangiye gukoreshwa).

Transparency International Rwanda, ivuga ko ibiteganywa niyo ngingo biteye ikibazo ku baturage, cyo kumenya uko bizajya bigenda ku waguze cyangwa uwazunguye ubutaka n'uwari usanzwe abutunze, niba azajya abanza kubugabanya; ndetse hakibazwa n'impamvu umushingamategeko avangura utunze ubutaka n'uzabutunga ejo, ufite bunini n'ufite buto. Ko uyu musoro bawufata nk'umusoro gihano unyuranye n'amahame y'amategeko.

Me Twiringiyemungu Joseph avuga ko kuba iyo ingingo igena umusoro ku bipimo by'inyongera ari ibintu bisanzwe, atanga urugero rw'umusoro ku mushahara aho uhembwa 100.000 Frw no munsi asora 20%, naho urengeje agasoreshwa 30%, ko rero urengeje ibipimo biteganywa n'itegeko aba agomba kwirengera ingaruka kuri uwo murengera. Ku birebana nuko ingingo ya 19 ivuga ko uwo musoro utareba abari basanganywe ibibanza mbere y'uko itegeko rijyaho, avuga ko ibyo bijyanye n'ihame ry'uburenganzira umuntu aba yarabonye mbere y'uko itegeko rijyaho budashobora guhungabanywa, ko itegeko rishya ridashobora kwambura umuntu ibintu yari atunze mbere y'uko rijyaho.

Leta y'u Rwanda ivuga ko kuba harabaye gutandukanya ibyiciro by'abantu barebwa n'ibipimo bitandukanye by'umusoro bitafatwa nko kwica ihame ry'uko abantu bareshya imbere y'amategeko, mu gihe hari impamvu ifatika kandi ifitiwe ibisobanuro (legitimate and rational purpose). Yongeraho ko kuvuga kandi ko ihame ryo kureshya imbere y'amategeko rishamikiyeho andi mahame nko kuba abantu bagomba gufatwa kimwe iyo bari mu bihe bimwe (equal treatment in equal circumstances), kudafatwa byanze bikunze mu buryo bumwe (Preferential treatment), cyangwa se ibyiciro bitandukanye by'abantu bigira amategeko yihariye (Specificity and special rules).

Icyiciro cya gatatu kigizwe n'ingingo ya 20, ivuga ku birebana n'igipimo cy'umusoro utangwa ku kibanza kidakoreshwa, uwatanze ikirego avuga ko iyo ngingo ibangamiye ibiteganywa n'ingingo ya 34 n'iya 35 z'Itegeko Nshinga kuko iteganya umusoro w'inyongera ya 100% ku butaka bwitwa ko budakoreshwa hatitawe ku kureba niba nyirabwo abifitiye ubushobozi, bityo asanga uyu musoro ari umurengera kandi ko uzananira benshi. Akomeza avuga ko hashingiwe k' uburenganzira ku mutungo utimukanwa n'uburenganzira ku butaka ari ntavogerwa (fundamental rights), ndetse hanashingiwe no ku mahame agenderwaho mu gushyiraho umusoro, asanga ingingo ya 20 inyuranije n'uburenganzira bugenwa n'ingingo ya 34 n'iya 35 z'Itegeko Nshinga.

Ishuli ryigisha amategeko muri kaminuza y'u Rwanda rivuga ko ingingo ya 19 n'iya 20 zimeze nk'aho zirimo guhana kuko imwe yongeraho 50%, indi ikongeraho 100%, ibi bikaba binyuranye n'amahame rusange agenga amategeko kuko umuntu ahanwa kuko atakoze ibyo amategeko amutegeka cyangwa yakoze ibyo amategeko amubuza, hakibazwa icyo umuturage yaba yakoze cyangwa atakoze mu biteganywa n'itegeko kugira ngo ahanwe. Ko kandi ibyo binyuranyije n'amahame agenga imibereho myiza y'abaturage, kandi ko umuturage ariwe uzikorera umutwaro w'umusoro, kuko uwasoreye ikibanza najva kugurisha azawongeraho ndetse n'ukodesha azongeraho uwo musoro, bitume ubuzima buhenda kandi ko Leta idashobora kugeza abantu kuri "social justice" abaturage badafite uburenganzira ku mutungo, badahabwa amahirwe angana, batanareshya imbere y'amategeko.

Inshuti y'Urukiko Me Dieudonne Nzafashwanayo, avuga ko ibiteganywa n'iyo ngingo ya 20 binyuranye n'Itegeko Nshinga, kuko ivangura umuntu ufite ikibanza gikoreshwa n'ufite ikibanza kidakoreshwa usabwa kwishyura umusoro w'inyongera kandi ko inazitira uburenganzira buteganyijwe mu ngingo ya 34 n'iya 35 z'Itegeko Nshinga kuko umuntu ashobora kwamburwa ubutaka mu gihe ananiwe kwishyura umusoro, ko rero ishyirwaho ryayo rititaye ku ngaruka izagira ku batunze ubutaka badakoresha.

6

Akomeza avuga ko bitari ngombwa gushyiraho iyo ngingo mu rwego rwo gukemura ikibazo cy'abatunga ibibanza byinshi bagamije kuzabigurisha ku giciro kinini (speculation), kuko icyo kibazo gikemurwa n'ingingo ya 58 y'Itegeko ry'Ubutaka.

Inshuti y'urukiko Transparency International Rwanda, ivuga ko ingingo ya 20 ibangamiye amahame y'uburenganzira ku mutungo bwite w'ubutaka, kuko umusoro uteganywa n'iyo ngingo uteye ikibazo ku muturage ufite amikoro make, bavuga ko basanga umubera umusoro gihano ku kibanza cyangwa ubutaka adakoresha bitewe no kubura amikoro, kandi ko natabasha kwishyura uwo musoro ibyo atunze birimo n'ubwo butaka bizatezwa cyamunara hishyurwa umusoro, bityo akaba yambuwe uburenganzira ku mutungo buteganywa n'Itegeko Nshinga.

Ntibaziyaremye Innocent avuga ko bidakwiye guca umusoro wa 100% ku kibanza cyose kidakoreshwa kuko hari impamvu nyinshi zishobora gutuma kitarubatswe, cyane cyane kubura amikoro. Akomeza avuga ko hari igihe umuntu ufite ubutaka bumutunze bugashyirwa mu miturire ahita abusorera kandi butakivamo ibimutunga ndetse agahita agira n'umutwaro wo kubusorera ku buryo ashobora no kugera ubwo aburaga abana bakabwanga kuko buriho imisoro batashobora kwishyura.

Leta y'u Rwanda ivuga ko ingingo ya 20 itabangamiye uburenganzira ku mutungo utimukanwa n'uburenganzira ku butaka buteganywa n'Itegeko Nshinga, kuko iyo ngingo yaje gutandukanya abantu bakoresha ubutaka icyo bwagenewe n'abatabukoresha, bugakomeza kubaho butanahawe ufite ubushake n'ubushobozi bwo kubukoresha, mu gihe igihugu gikeneye gutera imbere kibyaza umusaruro ubutaka buto gifite. **Incamake y'icyemezo:** 1. Uwatanze ikirego mu manza zisaba kuvanaho ingingo z'itegeko zinyuranye n'itegeko Nshinga, agomba kugaragaza ko itegeko cyangwa ingingo zinyuranye n'Itegeko Nshinga mu buryo buziguye cyangwa butaziguye.

2. Nubwo abantu bagomba kureshya imbere y'amategeko, kubatandukanya cyangwa kubashyira mu byiciro ntabwo buri gihe byakwitwa ivangura, kuko iyo hari impamvu zumvikana zishingiye ku ntego ifite ireme (legitimate or rational purpose) gutandukanya abantu cyangwa ibyiciro by'abantu bishobora kuba ngombwa.

3.Nubwo ingingo ya 20 y'Itegeko N° 75/2018 itanyuranye n'Itegeko Nshinga, imyandikire yayo ikwiye kuzuzwa hagashyirwamo ibirebana n'igihe ubutaka bwamara budakoreshwa bukabona gusoreshwa umusoro w'inyongera, no kuba umusoro w'inyongera utatangwa igihe bigaragara ko hari impamvu yumvikana ituma budakoreshwa.

Ingingo ya 16 n'iya 17 y'Itegeko N° 75/2018 ryo ku wa 07/09/2018 rigena inkomoko y'imari n'umutungo by'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage, ntizinyuranyije n'ingingo ya 15 n'iya 16 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda. Ingingo ya 19 y'Itegeko N° 75/2018 ryo ku wa 07/09/2018 rigena inkomoko y'imari n'umutungo by'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage, inyuranyije n'ingingo ya 15 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda. Ingingo ya 20 y'Itegeko N° 75/2018 ryo ku wa 07/09/2018 rigena inkomoko y'imari n'umutungo by'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage,

ntinyuranyije n'ingingo ya 34 n'iya 35 z'Itegeko Nshinga.

Amategeko yashingiweho:

Ayo mu Rwanda :

Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, ingingo ya 164 Itangazo ry'Umuryango w'Abibumbye ku burenganzira bwa muntu ryo mu mwaka wa 1948, ingingo ya 7 n'iya 17 Amasezerano Mpuzamahanga ku burenganzira Mbonezamubano n'ubwa Politiki yo mu mwaka wa 1966, ingingo ya 26

African Charter on Human and Peoples' Rights, ingingo 14.

Ayo mu mahanga:

European Convention on Human Rights, Protocol No. 1, ingingo ya 1 American Convention on Human Rights, ingingo. 21

Imanza zifashishijwe:

Re AKAGERA BUSINESS GROUP (ABG), RS/SPEC/0001/16/CS rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 23/09/2016

Izo mu mahanga:

Supreme Court of the United States, Regan v. Taxation with Representation of Wash., 461 U.S. 540. Madden v. Kentucky, 309 U.S. 83, 87-88 (1940) Supreme Court of United States, BELL'S GAP RAILROAD COMPANY v. PENNSYLVANIA, 134 U.S. 232 (1890).

- Supreme Court of the United States, Nordlinger v. Hahn, June 18, 1992, 112 S. Ct. (1992).
- Communication N° 172/1984 S.W.M. Broeks v The Netherlands (views adopted on 9 April 1987) in UN Doc. GOAR, A/42/40 P.150.

Inyandiko zabahanga:

- Erwin Chemerinsky, In Defense of Equality: A Reply to Professor Westin, 81 MICH. L. REv. 575, 578 n.17 (1983)
- Levell, P., Roantree, B., & Shaw, J.). Mobility and the Lifetime Distributional Impact of Tax and Transfer Reforms, 2016, p32.,

Urubanza

I. MITERERE Y'URUBANZA

[1] Murangwa Edward yatanze ikirego mu Rukiko rw'Ikirenga avuga ko nyuma y'uko hatangarijwe mu Igazeti ya Leta N° 44 yo ku wa 29/10/2018, Itegeko N° 75/2018 ryo ku wa 07/09/2018, rigena inkomoko y'imari n'umutungo by'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage, yarisomye agasanga ingingo zaryo za 16, iya 17, iya 19 n'iya 20, zinyuranyije n'ingingo za 15, 16, 34 n'iya 35 z'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo muri 2003 ryavuguruwe mu mwaka wa 2015. Avuga ko yatanze ikirego yisunze ingingo ya 43 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda igira iti: "Ubutegetsi bw'Ubucamanza ni bwo murinzi w'uburenganzira n'ubwisanzure bwa muntu".

10

[2] Ingingo Murangwa Edward aregera ko zinyuranyije n'Itegeko Nshinga ni enye (4), ziri mu byiciro bitatu: icyiciro cya mbere kigizwe n'ingingo ebyiri (2): iya 16 na 17 z'Itegeko N° 75/2018 ryavuzwe haruguru. Ingingo ya 16 iteganya ko: igipimo cy'umusoro ku nyubako gishyizweho kuri rimwe ku ijana (1%) by'agaciro ku isoko k'inyubako yagenewe guturwamo, zeru n'ibice bitanu ku ijana (0,5%) by'agaciro ku isoko k'inyubako ku nyubako z'ubucuruzi, zeru n'igice kimwe ku ijana (0,1%) by'agaciro ku isoko k'inyubako zagenewe inganda, iz'ibigo by'ubucuruzi bito n'ibiciriritse n'izagenewe ibindi bikorwa bitavuzwe muri iyi ngingo. Naho ingingo ya 17 iteganya ko: uretse igipimo cy'umusoro cya zeru n'igice kimwe ku ijana (0,1%), ibipimo by'umusoro bigenwa n'ingingo ya 16 y'iri tegeko bigenda bizamuka mu buryo bukurikira:

1° ku nyubako zo guturamo, igipimo cy'umusoro kigenda kizamuka mu buryo bukurikira:

- a) zeru n'ibice makumyabiri na bitanu ku ijana (0,25%) kuva ku mwaka wa mbere nyuma y'uko iri tegeko ritangiye gukurikizwa;
- b) zeru n'ibice mirongo itanu ku ijana (0,50%) kuva ku mwaka wa kabiri nyuma y'uko iri tegeko ritangiye gukurikizwa;
- c) zeru n'ibice mirongo irindwi na bitanu ku ijana (0,75%) kuva ku mwaka wa gatatu nyuma y'uko iri tegeko ritangiye gukurikizwa;
- d) rimwe ku ijana (1%) kuva ku mwaka wa kane nyuma y'uko iri tegeko ritangiye gukurikizwa;

2° ku nyubako z'ubucuruzi, igipimo cy'umusoro kigenda kizamuka mu buryo bukurikira:

- a) zeru n'ibice bibiri ku ijana (0.2%) by'agaciro k'inyubako ku isoko gikoreshwa ku mwaka wa mbere nyuma y'uko iri tegeko ritangiye gukurikizwa;
- b) zeru n'ibice bitatu ku ijana (0.3%) ku mwaka wa kabiri iri tegeko ritangiye gukurikizwa;
- c) zeru n'ibice bine ku ijana (0.4%) ku mwaka wa gatatu iri tegeko ritangiye gukurikizwa;
- d) zeru n'ibice bitanu ku ijana (0.5%) ku mwaka wa kane iri tegeko ritangiye gukurikizwa.

Inyubako zigeretse zo guturwamo zifite kuva ku magorofa ane, habariwemo n'ari munsi y'ubutaka, zigabanyirizwa ibipimo by'umusoro ku kigero cya mirongo itanu ku ijana (50%) by'igipimo gisanzwe".

[3] Murangwa Edward avuga ko ibyo ingingo ya 16 iteganya binyuranyije n'Itegeko Nshinga kuko uretse no kuba ikandamiza icyiciro kimwe cyiswe icy'inyubako zo guturamo, iyo ngingo igiteganyiriza umusoro munini kandi aricyo kidafite ubushobozi n'icyiciro cy'ubucuruzi, ukigereranyije n'inganda. cyo gishyirirwaho umusoro muto kandi abanyenganda aribo bafite ubushobozi. Avuga ko n'ingingo ya 17 n'uduka twayo twose yuzuzanya n'iya 16, nayo iyangura abantu ishingiye ku byiciro by'ubukungu n'umutungo, ku buryo asanga izo ngingo zombi abantu imbere y'amategeko ndetse zitareshyeshya zitanabarengera kimwe nk'uko Itegeko Nshinga ribiteganya mu ngingo zaryo za 15 na 16.

Icyiciro cya kabiri cy'ikirego kigizwe n'ingingo ya 19 [4] y'Itegeko N° 75/2018 ryavuzwe haruguru, iteganya ko: "Igipimo cy'umusoro cyagenwe n'Inama Njyanama y'Akarere kuri buri metero kare y'ubutaka hashingiwe ku biteganywa mu ngingo ya 18 y'iri tegeko¹ cyiyongeraho mirongo itanu ku ijana (50%) asorerwa ubutaka burenga ku bipimo fatizo by'ikibanza cyagenewe inyubako. Ibipimo fatizo by'ikibanza cyagenewe inyubako bigenwa n'iteka rya Minisitiri ufite imiturire mu nshingano ze. Igipimo cy'umusoro cy'inyongera kivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ntikireba ikibanza gitunzwe n'uwakibonye mbere y'uko iri tegeko ritangira gukurikizwa". Murangwa avuga ko ibyo ingingo ya 19 iteganya mu gika cya mbere n'icya gatatu binyuranyije n'ingingo ya 15 y'Itegeko Nshinga iteganya ko abantu bose bareshya imbere y'amategeko kandi ko Itegeko ribarengera ku buryo bumwe, kuko hagendewe kukuba ubutaka bw'u Rwanda buhererekanywa mu buryo bwinshi butandukanye nko mu mpano, mu izungura, mu kuraga, mu kugura no kugurisha, bigaragara ko hari ukutareshyeshya ababonye ubutaka mbere na nyuma y'uko Itegeko N° 75/2018 riregerwa rijyaho.

[5] Icyiciro cya gatatu kigizwe n'ingingo ya 20 y'Itegeko N° 75/2018 ryavuzwe haruguru, ivuga ku birebana n'igipimo cy'umusoro utangwa ku kibanza kidakoreshwa, iteganya ko: "Ikibanza cyose kidakoreshwa gicibwa umusoro w'inyongera

¹ Ingingo ya 18 ivuga ku birebana n'igipimo cy'umusoro ku kibanza, muri aya magambo: "Igipimo cy'umusoro ku kibanza kiri hagati ya zeru (0) n'amafaranga y'u Rwanda magana atatu (300 FRW) kuri metero kare. Inama Njyanama y'Akarere igena umusoro wishyurwa kuri metero kare y'ubutaka ishingiye ku bipimo fatizo n'ibindi bikurikizwa bigenwa n'iteka rya Minisitiri ufite imisoro mu nshingano ze".

w'ijana ku ijana (100%) urenga ku gipimo cy'umusoro kivugwa mu ngingo ya 18 y'iri tegeko". Murangwa avuga ko ibyo ingingo ya 20 iteganya bibangamiye ibiteganywa n'ingingo ya 34 n'iya 35 z'Itegeko Nshinga, ziteganya ko uburenganzira ku mutungo utimukanwa n'uburenganzira ku butaka ari ntavogerwa, kandi abanyarwanda ari wo mutungo wa mbere w'Igihugu, uwa kabiri ukaba ubutaka batuyeho, bakoreraho, kandi bukaba bubatunze, ko rero kuba iyo ngingo iteganya umusoro w'inyongera ya 100% ku butaka bwitwa ko budakoreshwa hatitawe ku kureba niba nyirabwo abifitiye ubushobozi, agasanga uyu musoro ari umurengera kandi ko uzananira benshi.

[6] Ingingo ya 34 iteganya ko: "buri muntu afite uburenganzira ku mutungo bwite, waba uwe ku giti cye cyangwa uwo asangiye n'abandi. Umutungo bwite, uw'umuntu ku giti cye cyangwa uwo asangiye n'abandi ntuvogerwa. Uburenganzira ku mutungo ntibuhungabanywa keretse ku mpamvu z'inyungu rusange kandi hakurikijwe ibiteganywa n'amategeko". Naho ingingo ya 35 igateganya ko: " Umutungo bwite w'ubutaka n'ubundi burenganzira ku butaka bitangwa na Leta. Itegeko rigena uburyo bwo kubutanga, kubuhererekanya no kubukoresha".

[7] Uhagarariye Leta y'u Rwanda avuga ko ibivugwa ko ingingo ya 16 n'iya 17 z'Itegeko N° 75/2018 ryo ku wa 07/09/2018, ryavuzwe haruguru, bibangamiye ihame ryo kurindwa ivangura riteganywa n'Itegeko Nshinga, ataribyo kuko uyu musoro ari umusoro ku mutungo kandi icyashyizwe mu byiciro akaba ari imitungo (inyubako) atari abantu, kandi ko kuba inyubako zashyirwa mu byiciro kugira ngo zisoreshwe, atari ivangura rishingiye ku bukungu.

[8] Ku ngingo ya 19, avuga ko itabangamira ihame ryo kureshya imbere y'amategeko riteganywa n'ingingo ya 15 y'Itegeko Nshinga ndetse n'ihame ryo kurindwa ivangura riteganywa n'ingingo ya 16 y'Itegeko Nshinga kuko ingingo ya 19 yaje gushimangira andi mahame y'amategeko, cyane cyane ihame ry'uburenganzira ku butabera buboneye ndetse n'uko itegeko ridashobora gusubira inyuma (La non-rétroactivité de la loi).

[9] Uhagarariye Leta y'u Rwanda akomeza avuga ko ingingo ya 20 itabangamiye uburenganzira ku mutungo utimukanwa n'uburenganzira ku butaka (fundamental rights) buteganywa n'ingingo ya 34 n'iya 35 z'Itegeko Nshinga nkuko Murangwa abivuga, kuko iyo ngingo ya 20 yaje gutandukanya abantu bakoresha ubutaka icyo bwagenewe n'abatabukoresha, bugakomeza kubaho butanahawe ufite ubushake n'ubushobozi bwo kubukoresha, mu gihe igihugu gikeneye gutera imbere kibyaza umusaruro ubutaka buto gifite.

[10] Mbere yo gukomeza iburanisha mu mizi, Urukiko rwasanze, kubera uburemere bw'ibibazo bizasuzumwa muri uru rubanza, ari ngombwa ko abantu n'ibigo cyangwa imiryango itegamiye kuri Leta bifuza gutanga ibitekerezo muri uru rubanza nk'inshuti z'urukiko (Amicus Curiae) kandi babifitiye ubumenyi, babisaba binyujijwe ku Bwanditsi bw'Urukiko rw'Ikirenga, bakanatanga n'imyanzuro yabo.

[11] Nyuma yo kubona inyandiko zinyuranye z'abashaka kuba muri uru rubanza nk'inshuti z'urukiko (Amicus Curiae) mu rwego rwo gutanga ibitekerezo, Urukiko rwarazisesenguye maze rwemeza ko aba bakurikira aribo bujuje ibisabwa akaba aribo bagomba kwitaba urukiko mu iburanisha ry'uru rubanza nk'inshuti z'urukiko (Amicus Curiae), aribo: Ishuri ry'Amategeko rya Kaminuza y'u Rwanda (School of Law), Transparency International Rwanda, Me Dieudonne Nzafashwanayo, Me Twiringiyemungu Joseph na Ntibaziyaremye Innocent, maze bakora imyanzuro ikubiyemo ibitekerezo ku kirego cya Murangwa Edward nkuko biri bugaragazwe.

[12] Urubanza rwaburanishijwe ku wa 1/11/2019, Murangwa Edward yunganiwe na Me Rugemintwaza Jean Marie Vianney na Me Bahati Vedaste, Leta ihagarariwe na Me Cyubahiro Fiat na Me Ntarugera Nicolas, Ishuri ry'Amategeko rya Kaminuza y'u Rwanda (School of Law) rihagarariwe na Turatsinze Emmanuel, Bagabo Faustin na Habimana Pie, Transparency International Rwanda ihagarariwe n'Umuyobozi wayo Ingabire Marie Immaculée yunganiwe na Me Habumuremyi Anglebert, hari kandi Me Dieudonne Nzafashwanayo, Me Twiringiyemungu Joseph na Ntibaziyaremye Innocent.

II. IBIBAZO BIGIZE URUBANZA N'ISESENGURA RYABYO

Kumenya niba ingingo ya 16 n'iya 17 z'Itegeko N° 75/2018 ryo ku wa 07/09/2018 rigena inkomoko y'imari n'umutungo by'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage, zinyuranyije n'ingingo ya 15 n'iya 16 z'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda.

[13] Murangwa Edward n'abamwunganira bavuga ko Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda, mu ngingo ya 10, igika cya 5, handitse amagambo akurikira: "Leta y'u Rwanda yiyemeje kubaka Leta iharanira imibereho myiza y'abaturage no gushyiraho uburyo bukwiye kugira ngo bagire amahirwe angana

16 ____

mu mibereho yabo", naho mu gika cya 6 bandika ko: "Leta y'u Rwanda yiyemeje gushaka buri gihe umuti w'ibibazo binyuze mu nzira y'ibiganiro n'ubwumvikane busesuye". Bavuga ko ibyo aya mahame ateganya bishimangirwa n'ibiteganywa n'ingingo ya 15 y'Itegeko Nshinga ivuga ko abantu bose bareshya imbere y'amategeko kandi barengerwa ku buryo bungana, naho ingingo ya 16 ikavuga ko abanyarwanda bavuka kandi bagakomeza kugira uburenganzira n'ubwisanzure bingana, nta vangura iryo ari ryo ryose².

[14] Basobanura ko ibiteganywa n'ingingo ya 16 n'iya 17 z'Itegeko N° 75/2018 ryo ku wa 07/09/2018 ryavuzwe haruguru binyuranyije n'amahame remezo ateganywa n'Itegeko Nshinga, mu ngingo ya 15 n'iya 16 zavuzweharuguru, kuko uretse no kuba izo ngingo ziregerwa zikandamiza icyiciro kimwe cyiswe icy'inyubako zo guturamo, inagiteganyiriza umusoro munini kandi icyo cyiciro kigizwe n'abadafite ubushobozi ugereranyije n'abagize icyiciro cy'ubucuruzi n'inganda, bafite ubushobozi, ariko cyo kigashyirirwaho umusoro muto, ku buryo ibyo bishobora kubangamira gahunda ya Leta yo gutuza neza abanyarwanda.

[15] Bavuga ko niba umuntu yiyemeje kubaka amazu yo guturamo, undi akubaka amazu y'ubucuruzi naho undi akubaka amazu y'inganda, bose bagombye gufatwa nk'abashoramari ku buryo kubazanamo ibice ugamije kubasoresha nta kintu na gito

² Abanyarwanda bose bavukana kandi bagakomeza kugira uburenganzira n'ubwisanzure bingana. Ivangura iryo ari ryo ryose cyangwa kurikwirakwiza byaba bishingiye ku bwoko, ku muryango cyangwa ku gisekuru, ku nzu, ku ibara ry'umubiri, ku gitsina, ku karere, ku byiciro by'ubukungu, ku idini cyangwa ukwemera, ku bitekerezo, ku mutungo, ku itandukaniro ry'umuco, ku rurimi, ku bukungu, ku bumuga bw'umubiri cyangwa ubwo mu mutwe no ku rindi vangura iryo ari ryo ryose, birabujijwe kandi bihanwa n'amategeko.

bisobanuye kandi abantu bareshya imbere y'amategeko, ahubwo ko buri wese yagombye gusora hagendewe ku cyo yinjiza, kuko uwubatse umudugudu munini wo guturamo yakunguka kurusha uwubatse uruganda rwe ruto.

[16] Murangwa Edward n'abamwunganira bakomeza bavuga ko mu ngingo ya 17, umushingamategeko yerekanye uburyo umusoro uzagenda wiyongera buri mwaka, ariko ko atigeze agaragaza impamvu azaheraho yongera umusoro, ko icyari kuba cyiza cyari kugaragaza ayo umuntu azunguka ku mwaka wa mbere no ku mwaka wa kabiri, ku buryo iyo nyungu ariyo yaherwaho umusoro wongerwa, naho ubundi ibyo yakoze ntaho bitaniye no gukenesha abaturage.

[17] Turatsinze Emmanuel, Bagabo Faustin na Habimana Pie, mu izina ry'Ishuri ryigisha amategeko muri Kaminuza y'u Rwanda (University of Rwanda/ School of Law) bavuga ko ibyo Leta yakora byose bitubahirije ihame ryo kubaka Leta iharanira imibereho myiza y'abaturage byaba binyuranye n'Itegeko Nshinga.

[18] Basobanura ko ibiteganywa n'ingingo ya 16 binyuranye n'ihame ryo kubaka Leta iharanira imibereho myiza y'abaturage no gushyiraho uburyo bukwiye kugira ngo bagire amahirwe angana mu mibereho yabo, kuko iyo ngingo iteganya gusoresha umusoro munini inzu yo guturamo aho gusoresha umusoro munini inzu z'ubucuruzi ari nazo zitanga inyungu nyinshi. Bavuga ko kuba uwubatse inzu yo guturamo aba yarubatse kugirango igire icyo imwinjiriza, n'inzu y'ubucuruzi nayo ikaba yarubatswe kugirango ikodeshwe, basanga nta mpamvu zihari zifatika mu gusoresha ku buryo butandukanye ayo mazu cyane cyane ko abayubaka baba bagamije ko hari icyo azabinjiriza. Bavuga kandi ko kuba iyo ngingo iteganya umusoro munini ku mazu yo guturamo bizagabanya/ bizaca intege abayubaka kandi hari abantu benshi bagikeneye amacumbi, ubwabyo bikaba bitanajyanye na gahunda ya Leta yo gukemura ikibazo cy'amacumbi.

Bavuga ko ubusanzwe uburyo bwo gusoresha bugomba [19] guhura n'uburenganzira bw'abasoreshwa aribo abaturage, n'uko igihugu gisaranganya umutungo wacyo, ku buryo umusoro utagombye kuremerera abaturage, ariko ko mu busesenguzi bakoze basanze umusoro w'inzu yagenewe inyubako yo guturamo ukubye inshuro ebyiri uw'ubucuruzi, ugakuba inshuro 10 uw'inganda, ku buryo ihame ryo kuba abaturage bafite amahirwe angana, bahabwa uburenganzira bungana ridahura n'iryo tegeko; ko rero umusoro utagombye kumvikana nk'uburyo bwo gushaka amafaranga gusa ahubwo wagombye kuba uburyo Leta vifashisha mu kubungabunga imibereho myiza v'abaturage. Bavuga kandi ko kuba mu isobanura mpamvu ry'iryo tegeko bavuga ko ari ugushyigikira iterambere ry'imijyi n'inganda, iyo mpamvu yaba idahagije kuko uyu musoro n'ubwo uzaremerera abubaka amazu akodeshwa, utazabuza bake kubaka maze ahubwo bikazabera umutwaro abakodesha, kandi ko inyubako z'ubucuruzi n'inganda zitateza imigi imbere mu gihe abantu badafite aho batuye.

[20] Bavuga ko ikindi kiboneka mu isobanura mpamvu ari uko icyatumye uwo musoro ushyirwaho ari uko mu Karere u Rwanda ruherereyemo, arirwo rufite umusoro uri hasi, ugereranyije n'ibindi bihugu; ibi akaba nta kuri kurimo kuko mu bihugu byo mu karere u Rwanda ruza ku mwanya wa kane mu bukungu n'ibyinjizwa n'umuturage (GDP), ku buryo kuzamura umusoro kandi bigaragara ko ibyo umuturage yinjiza ari bike bituma atakaza ubushobozi bwo kugira ibyo ahaha. Batanga urugero rw'Igihugu cya Kenya aho umuturage yinjiza 1507 USD ku mwaka mu gihe mu Rwanda ari 780 USD ku mwaka, bivuze rero ko isobanura mpamvu y'iri tegeko itari ukuri.

[21] Bakomeza bavuga ko abantu bari mu cyiciro kimwe cyangwa bafite icyo bahuriyeho bagomba gucibwa umusoro ungana, ndetse ko bidakwiye gucibwa umusoro umwe ku bantu batari mu rwego rumwe, mu gihe usoresha atagaragaje impamvu ikomeye yo gutandukanya abantu.

[22] Ku biteganywa n'ingingo ya 17, bavuga ko ari ishyira mu bikorwa ibiteganywa n'ingingo ya 16, ku buryo kuba ibiri muri iyo ngingo ya 16 binyuranye n'Itegeko Nshinga, n'ingngo ya 17 yavaho kuko ibyo ishyira mu bikorwa bidahwitse. Banzura bavuga ko izo ngingo zombi zinyuranye n'ingingo ya 15 n'iya 16 z'Itegeko Nshinga kuko zivangura abasoreshwa, kandi ibyo ziteganya bikaba bihabanye n'ihame ry'uko Leta ifite inshingano yo guteza imbere imibereho myiza y'abaturage.

[23] Ingabire Marie Immaculée n'umwunganira mu izina rya Transparency International Rwanda, bavuga ko ingingo ya 16 n'iya 17 z'Itegeko N° 75/2018 ryavuzwe haruguru, zaregewe ko zigaragaramo ivangura hagati y'abafite inyubako zitwa izo guturamo n'abafite inyubako z'ubucuruzi, basanga ari iby'ukuri, kuko zinyuranyije n'amahame y'Itegeko Nshinga. Basobanura ko iyo usomye ingingo ya 16 usanga umushingamategeko yaratekerezaga ku guteza imbere ishoramari, ariko ko bitari ngombwa gutandukanya inzu z'ubucuruzi n'izo guturamo, kuko yirengagije imibereho y'abanyarwanda benshi bakeneye gutura ndetse n'inshingano za Leta zo gutuza buri munyarwanda, aho Leta yiyemeje korohereza buri muntu gutunga inyubako. Ko rero umusoro uteganywa n'iyo ngingo ari mwinshi ku buryo ubangamiye imibereho myiza y'abaturage na politiki y'Igihugu y'imiturire yagiyeho mu mwaka wa 2015³, bikaba binyuranye n'ingingo ya 10,50 y'Itegeko Nshinga.

[24] Bavuga kandi ko ibiteganywa n'ingingo ya 17 bihuje n'ibivugwa mu ngingo ya 16 yavuzwe mu gika kibanziriza iki, bivuze ko nayo igaragaramo ivangura kandi ibangamiye imibereho myiza y'abaturage kuko igaragaza uko uwo musoro uzatangwa, ariyo mpamvu basaba ko mu gihe ingingo ya 16 yaba ivanyweho, n'iya 17 yavaho kuko ntacyo yaba ishingiyeho, ariyo mpamvu zombi zigomba kuvanwaho. Bavuga kandi ko kuba Umushingamategeko yarateganyije ko umusoro uzajya wishyurwa mu byiciro, ubwabyo ari ikimenyetso ko nawe yabonye ko ari munini ugereranyije n'amikoro y 'abanyarwanda, ibyo bakaba ntacyo byafashije abanyarwanda, icyiza kwari ukureka kuwuca.

[25] Ntibaziyaremye Innocent avuga ko umusoro ku nzu ikodeshwa utagombye gutandukana n'umusoro ku nzu y'ubucuruzi, kuko buri wese ariyo "business" aba yarahisemo. Akomeza avuga ko umusoro wagombye kugenda ugabanuka hakurikijwe ubwisazire bw 'inzu (amortissement), kandi uwo musoro ukabarwa nyuma y'uko nyiri iyo nzu arangije kwishyura imyenda yafashe agura ikibanza cyangwa acyubaka, cyangwa se agaciro k'umutungo kakagenwa nyuma yo gukurwamo umwenda nyiri umutungo yafashe yubaka kugeza urangiye. Avuga kandi ko umusoro ku nzu wagombye kujyana n'ubwisazire bwayo "amortisement", kuko nko mu myaka 100, umuntu ashobora kuba yishyuye umusoro uruta agaciro k'inzu asorera, ariyo mpamvu abona ko uwo musoro ari umurengera wagora abaturage.

³ Reba Ministry of Infrastructure, National Housing Policy, 2015

[26] Avuga kandi ko umutungo umwe utagombye kubarirwa imisoro myinshi (umusoro ku butaka, umusoro ku nyungu z'ubukode, umusoro ku mutungo, kuko imisoro myinshi yica umusoro (beaucoup d'impôts tuent l'impôt). Asanga inzu ubwayo ari umutwaro (charges) itari ikwiye kubarirwa umusoro mu buryo buteganywa n'Itegeko N°75/2018, ahubwo hasoreshwa icyo yinjiza, dore ko hari n'inzu ya kabiri ishobora kubakwa mu rwego rwo gufasha abatishoboye, nk'iy'umwana yubakiye ababyeyi nyuma yo kurangiza amashuli barimazeho utwabo bamwishyurira, nawe akabubakira inzu nziza nk 'inyiturano ariko ntibadikweho kugira ngo itazazungurwa n'abandi.

[27] Uhagarariye Leta y'u Rwanda avuga ko ibivugwa ko ingingo ya 16 n'iya 17 z'Itegeko N° 75/2018 ryo ku wa 07/09/2018, ryavuzwe haruguru, zibangamiye ihame ryo kurindwa ivangura riteganywa n'Itegeko Nshinga, ataribyo kuko uyu musoro ari umusoro ku mutungo kandi icyashyizwe mu byiciro ari imitungo (inyubako) atari abantu, kandi ko kuba inyubako zashyirwa mu byiciro kugira ngo zisoreshwe, atari ivangura rishingiye ku bukungu. Avuga kandi ko n'ubwo byafatwa nko gushyira abantu mu byiciro (kuko aribo bishyura uwo musoro) nanone bitafatwa nko kuvangura, cyane cyane iyo ibyo byiciro byashyizweho hagamijwe kugera ku ntego yumvikana, igaragarira buri wese, ishingiye ku mategeko kandi ibyashingiweho bikaba bifite ireme mu nyungu rusange.

[28] Avuga kandi ko ibivugwa ko inyubako zo guturamo zasoreshejwe umusoro munini ugereranyijwe n'inyubako z'ubucuzi ndetse n'iz'inganda kandi abafite inyubako zo guturamo aribo bafite amikoro make nabyo bidakwiye guhabwa ishingiro kubera impamvu zikurikira: a) Nta bushakashatsi ubivuga yakoze bwerekana ko abafite inzu zo guturamo bafite amikoro make ugereranyije n'abafite inyubako z'ubucuruzi. b) Kabone n'ubwo abafite inyubako zo guturamo baba aribo bafite amikoro make koko, nabyo ntibyaba impamvu yo kuvuga ko iri soresha rivangura kubera ko habaho uburyo bwinshi bw'isoresha (proportional, progressive and regressive) hakurikijwe politike y'imisoro, ubukungu n'iterambere igihugu cyifuza.

[29] Uhagarariye Leta y'u Rwanda yibutsa ko inyubako imwe nyirayo yageneye guturamo nk'icumbi rye, hamwe n'inyubako ziyunganira mu kibanza cyagenewe guturwamo n'umuryango umwe zisonewe umusoro (ingingo ya 12), mu gihe izindi nyubako z'ubucuruzi n'inganda nta n 'imwe isonewe, ariyo mpamvu izindi nyubako zo guturamo umuntu yaba afite zafatwa nka *prestige/luxury*, ikimenyetso kigaragaza ko ari umukungu, ku buryo atafatwa nk'ufite amikoro make.

[30] Me Twiringiyemungu Joseph avuga ko umusoro wose washyizweho uba wubahirije amategeko kuko uba washyizweho n'Itegeko riteganya uzawakwa n'uburyo azawakwa, ku buryo kunenga umusoro ko udakurikije Itegeko Nshinga bigoye kuko ujyaho ku bw'Itegeko Nshinga. Avuga ko amategeko atari ngombwa ko buri gihe areba abantu bose, atanga urugero rw'Itegeko ry'umurimo ko ritareba abantu bose ahubwo ko rireba abakora umurimo wa Leta gusa.

[31] Avuga ko amategeko y'umusoro agena ibyiciro hagendewe kuri politiki ishaka kugerwaho, ko urebye nk'ingingo ya 21 y'Itegeko N° 16/2018 rishyiraho umusoro ku musaruro, ivuga ko umusaruro w'ubuhinzi utazasorerwa kugera kuri 20.000.000Frw, ariko nka Avoka iyo abonye umusaruro wa 12.000.000Frw awusorera mu gihe umuhinzi atawusorera, kandi ibyo bikaba bitafatwa nk'ivangura, bityo akaba abona ingingo ya 16 n'iya17 itanyuranyije n'Itegeko Nshinga.

UKO URUKIKO RUBIBONA

Mu gusesengura ikibazo cyo kumenya niba ingingo ya 16 [32] y'Itegeko N° 75/2018 ryo ku wa 07/09/2018 inyuranye n'Itegeko Nshinga mu ngingo yaryo ya 15 n'iya 16, hagomba guzusumwa mbere na mbere uko izo ngingo zumvikana n'itandukaniro hagati yazo. Nk'uko byavuzwe mu rubanza RS/SPEC/0001/16/CS rwaciwe n'uru Rukiko kuwa 23/09/2016⁴, ingingo ya 15 n'iya 16 z'Itegeko Nshinga zifitanye isano ku buryo gusobanura icyo zishatse kuvuga uzitandukanyije, bigoye. Nk'uko byasobanuwe kandi muri urwo rubanza, ingingo ya 15 ivuga ko abantu bose bareshya imbere y'amategeko kandi bakarengerwa n'amategeko mu buryo bumwe. Ni ukuvuga ko hatagomba kubaho ivangura rituma abantu batarengerwa mu buryo bumwe cyangwa kutagira uburenganzira aho bakabugize. Naho ingingo ya 16 ikomerezaho ivuga uburyo gutandukanya abantu bifatwa nk'ivangura kandi ko bitemewe n'Itegeko Nshinga. Izi ngingo zombi zafatwa nk'izikubiyemo ihame rimwe ririmo uduce tubiri dufitanye isano.

[33] Ingingo z'amasezerano mpuzamahanga u Rwanda rwashyizeho umukono, nazo zigaragaza ko ihame ryo kureshya imbere y'amategeko no kurindwa ivangura zigize ihame rimwe. Hari ingingo ya 7 y'Itangazo ry'Umuryango w'Abibumbye ku burenganzira bwa muntu, Universal Declaration of Human

 $^{^4}$ Urubanza RS/SPEC/0001/16/CS AKAGERA BUSINESS GROUP (ABG), para 15.

Rights, ryo mu mwaka wa 1948, igira iti: "All are equal before the law and are entitled without any discrimination to equal protection of the law. All are entitled to equal protection against discrimination in violation of this Declaration and against any incitement to such discrimination". Hari kandi n'ingingo ya 26 y'Amasezerano Mpuzamahanga burenganzira ku Mbonezamubano n'ubwa Politiki (International Covenant on Civil and Political Rights, 1966) igira iti: "All persons are equal before the law and are entitled without any discrimination to equal protection of the law. In this respect, the law shall prohibit any discrimination and guarantee to all persons equal and effective protection against discrimination on any ground such as race, colour, language, religion, political or other opinion, national or social origin, property, birth or other status".

[34] Mu buryo bworoshye, ihame ry'uko abantu bareshya imbere y'amategeko rivuze ko abantu bafatwa kimwe imbere y'itegeko, nta busumbane cyangwa ivangura. Ndetse n'itegeko rigiyeho rigafata kimwe abo rireba. Uwitwa Erwin Chemerinsky abisobanura mu magambo akurikira : "*Things that are alike should be treated alike, and things that are unalike should be treated unalike in proportion to their unalikeness*⁵. Ibintu bimeze kimwe bifatwa kimwe, naho ibintu bitandukanye bifatwa ku buryo butandukanye hakurikijwe itandukaniro ryabyo.

[35] Nubwo abantu bagomba kureshya imbere y'amategeko, kubatandukanya cyangwa kubashyira mu byiciro ntabwo buri gihe biba ivangura. Gutandukanya abantu cyangwa ibyiciro by'abantu bishobora kuba ngombwa bitewe n'ikigambiriwe, hari impamvu zumvikana zishingiye ku ntego ifite ireme (legitimate

⁵ Erwin Chemerinsky, In Defense of Equality: A Reply to Professor Westin, 81 MICH. L. REv. 575, 578 n.17 (1983)

or rational purpose). Muri icyi cyerekezo, Akanama k'Umuryango w'Abibumbye (Human Rights Committee) kavuze ko: "*The right to equality before the law and equal protection of the law without any discrimination, does not make all differences of treatment discriminatory. A differentiation based on reasonable and objective criteria does not amount to prohibited discrimination within the meaning of Article 26⁶". Mu kinyarwanda bisobanuye ko uburenganzira bwo kureshya imbere y'amategeko no kurengerwa n'amategeko mu buryo bungana nta vangura, ntibivuze ko gufata abantu mu buryo butandukanye buri gihe biba ari ivangura. Gutandukanya abantu bishingiye ku mpamvu zumvikana kandi zisobanutse ntabwo ari ivangura ribujijwe n'ingingo ya 26 y'Amasezerano Mpuzamahanga ku burenganzira Mbonezamubano n'ubwa Politiki.*

[36] Nubwo gufata abantu mu buryo butandukanye byemewe nk'uko bivugwa mu gika kibanziriza iki, kubatandukanya hashingiwe ku mpamvu ziteganywa n'ingingo ya 16⁷ y'Itegeko ntibyemewe. Akanama k'Umuryango Nshinga byo w'Abibumbye nako, ntikemera ko gutandukanya abantu byashingira ku mpamvu zivugwa mu ngingo ya 26 Mpuzamahanga y'Amasezerano ku burenganzira Mbonezamubano n'ubwa Politiki. Ibyo byavuzwe mu rubanza Muller and Engelhard v Namibia aho kagize kati: "A differentiation based on reasonable and objective criteria does not amount to prohibited discrimination within the meaning of

26

⁶ Communication No 172/1984 S.W.M. Broeks v The Netherlands (views adopted on 9 April 1987) in UN Doc. GOAR, A/42/40 P.150, para 13

⁷ Ku bwoko, ku muryango cyangwa ku gisekuru, ku nzu, ku ibara ry''umubiri, ku gitsina, ku karere, ku byiciro by''ubukungu, ku idini cyangwa ukwemera, ku bitekerezo, ku mutungo, ku itandukaniro ry''umuco, ku rurimi, ku bukungu, ku bumuga bw''umubiri cyangwa ubwo mu mutwe no ku rindi vangura iryo ari ryo ryose.

Article 26. A different treatment based on one of the specific grounds enumerated in Article 26, clause 2 of the Covenant, however, places a heavy burden on the State party to explain the reason for the differentiation⁸".

Ingingo ya 16 y'Itegeko N° 75/2018 ryo ku wa [37] 07/09/2018, ishyiraho igipimo cy'umusoro ku nyubako yagenewe guturwamo gitandukanye n'igipimo cy'umusoro ku z'ubucuruzi, ndetse kinatandukanye n'igipimo nyubako inganda. nvubako zagenewe iz'ibigo cv'umusoro ku by'ubucuruzi n'izagenewe ibindi bikorwa bitavugwa muri iyo ngingo. Urukiko rusanga hakurikijwe imiterere y'ingingo ya 16 ivugwa muri iki gika, hari itandukaniro ku gipimo cy'umusoro ku nyubako rishingiye ku cyo inyubako igenewe gukorerwamo (guturamo, ubucuruzi, inganda n'ibindi). Uburanira Leta yavuze ko iri tandukaniro rishingiye ku kuba Leta ishaka guteza imbere inyubako z'ubucuruzi kurusha uko bimeze ku nyubako zo guturamo.

[38] Nk'uko byasobanuwe mu rubanza RS/SPEC/0001/16/CS⁹ rwaciwe n'uru Rukiko kuwa 23/09/2016, kureshya imbere y'amategeko no kutavangura ntibivuze ko gutandukanya abantu ubwabyo mu bihe byose ari ivangura. Gutandukanya abantu cyangwa gushyiraho ibyiciro by'abantu bishobora kuba ngombwa bitewe n'ikigambiriwe, hari impamvu zumvikana zishingiye ku ntego ifite ireme (legitimate or rational purpose). Muri uru rubanza, gutandukanya igipimo cy'umusoro bishingiye ku kuba Leta ishaka guteza imbere inyubako

⁸ HRC, Muller and Engelhard v Namibia (Communication No. 919/00), para 6.7

 $^{^9}$ Urubanza No RS/SPEC/0001/16/CS AKAGERA BUSINESS GROUP (ABG

z'ubucuruzi kurusha inyubako zo guturamo nk'uko uyihagarariye yabivuze mu iburanisha.

Mu birebana n'imisoro, umushingamategeko afite [39] ubwisanzure bwo gushyira abasoreshwa mu byiciro cyane cyane ko ari mu mwanya mwiza kurusha inkiko, wo kumenya ibyo abaturage na Leta bakeneye akabiheraho ashyiraho ibyiciro n'igipimo cy'isoresha, ibyo akaba abyemerewe, keretse bigaragaye ko byakozwe hashingiwe ku ivangura rigamije gukandamiza bamwe. bisa n'ibyavuzwe n'Urukiko Ibi rw'Ikirenga rwa Leta Zunze Ubumwe z'Amerika mu rubanza Regan v. Taxation with Representation of Wash, aho rwavuze ko: "The broad discretion as to classification possessed by a legislature in the field of taxation has long been recognized [T]he passage of time has only served to underscore the wisdom of that recognition of the large area of discretion which is needed by a legislature in formulating sound tax policies. Traditionally classification has been a device for fitting tax programs to local needs and usages in order to achieve an equitable distribution of the tax burden. It has, because of this, been pointed out that in taxation, even more than in other fields, legislatures possess the greatest freedom in classification. Since the members of a legislature necessarily enjoy a familiarity with local conditions Court cannot have. the presumption of which this constitutionality can be overcome only by the most explicit demonstration that a classification is a hostile and oppressive discrimination against particular persons and classes. The burden is on the one attacking the legislative arrangement to negative every conceivable basis which might support it^{"10}. Ku

¹⁰ Supreme Court of the United States, Regan v. Taxation with Representation of Wash., 461 U.S. 540. See also Madden v. Kentucky, 309 U.S. 83, 87-88 (1940)

birebana n'impamvu yo guteza imbere inyubako zagenewe ubucuruzi n'inganda, Urukiko rusanga yumvikana kandi ntaho inyuranye n'amategeko cyane ko uwatanze ikirego n'inshuti z'Urukiko zishyigikiye ibitekerezo bye, batagaragaza ko icyari kigamijwe ari ukuvangura abasoreshwa hagamijwe gukandamiza abafite inyubako zagenewe guturwamo.

Mu nyungu rusange, Leta ishobora gutandukanya [40] abasoreshwa igamije kugira icyiciro iteza imbere, no guca intege ibidakenewe bigakorwa hirindwa ariko ivangura no gutandukanya abantu hatsikamirwa bamwe. Ibi byagarutsweho n'Urukiko rw'Ikirenga rwa Leta Zunze z'Amerika mu rubanza BELL'S GAP RAILROAD COMPANY V. PENNSYLVANIA mu magambo akurikira: "It may impose different specific taxes upon different trades and professions, and may vary the rates of excise upon various products: it may tax real estate and personal property in a different manner; it may tax visible property only, and not tax securities for payment of money; it may allow deductions for indebtedness, or not allow them. All such regulations, and those of like character, so long as they proceed within reasonable limits and general usage, are within the discretion of the state legislature, or the people of the State in framing their Constitution. But clear and hostile discriminations against particular persons and classes, especially such as are of an unusual character, unknown to the practice of our might be obnoxious to the constitutional governments. prohibition¹¹. Ibi bigaragaza ko gushyiraho itandukaniro cyangwa ibyiciro mu gusoresha bisanzweho kandi ubwabyo bikaba bitanyuranyije n'Itegeko Nshinga, keretse bikozwe hashingiwe

¹¹ Supreme Court of United States, BELL'S GAP RAILROAD COMPANY v. PENNSYLVANIA, 134 U.S. 232 (1890)

ku ivangura rivugwa mu ngingo ya 16 y'Itegeko Nshinga mu buryo bugaragara.

[41] Ku birebana n'ibyo Murangwa Edward n'inshuti z'Urukiko zishyigikiye ibitekerezo bye bavuze ko gushyiraho igipimo cy'umusoro kinini ku nyubako zo guturamo hari abo bizabangamira mu buryo butandukanye, Urukiko rusanga iki cyakemurwa hagenzurwa ko amategeko ikibazo atari atanyuranyije n'Itegeko Nshinga, ahubwo byareberwa mu rwego rwo gushyiraho gahunda (politiki) rusange bikaba biri mu bubasha bwa Leta. Ibitekerezo kuri iyo gahunda, ibigomba kunozwa kuriyo, ibitameze neza n'ibindi bijyanye nayo bigashyikirizwa urwego rwayishyizeho kuko arirwo rufite ububasha bwo kuyifataho umwanzuro. Inkiko zifite ububasha bwo guca imanza, n'izindi nzego za Leta zikagira ububasha bwazo zihabwa n'Itegeko Nshinga n'andi mategeko.

Mu rwego rwo kubahiriza ihame ry'uko inzego [42] z'Ubutegetsi Leta butatu (Ubutegetsi uko bwa ari Nshingamategeko, Nyubahirizategeko n'Ubutegetsi bw'Ubucamanza) butandukanye kandi buri butegetsi bwigenga (separation of powers)¹², Urukiko ntirushobora gufata icyemezo cv'uko itegeko rinyuranyije n'Itegeko Nshinga rushingiye gusa ko hari imyumvire itandukanye, hari ibyo abantu banenga, cyangwa ibitanoze mu itegeko cyangwa mu ngingo zaryo zisabirwa kuvanwaho. Utanga ikirego, agomba kugaragaza ko itegeko cyangwa ingingo zaryo ziteganya ibyiciro zinyuranye n'Itegeko Nshinga mu buryo buziguye cyangwa butaziguye. Ku birebana n'uru rubanza, Urukiko rusanga igipimo cy'umusoro ku nyubako cyarashyizweho mu rwego rwo gushyira mu bikorwa

 $^{^{12}}$ Ingingo ya 61 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo muri 2003 ryavuguruwe muri 2015

gahunda rusange ya Leta (public policy). Ibi ni nabyo byavuzwe n'Urukiko rw'Ikirenga rwa Leta Zunze Ubumwe z'Amerika mu rubanza *Tax Commissioners v. Jackson: "It is not the function of this Court in cases like the present to consider the propriety or justness of the tax, to seek for the motives or to criticize the public policy which prompted the adoption of the legislation. Our duty is to sustain the classification adopted by the legislature if there are substantial differences between the occupations separately classified*"¹³.

[43] Ku birebana no kuba ingingo ya 16 y'Itegeko N°75/2018 ryo ku wa 07/09/2018 yaba igaragaramo ivangura, Itegeko Nshinga mu ngingo yaryo ya 16 rigaragaza urutonde rw'impamvu zishobora gutuma habahoivangura. Muri rusange, ivangura ni ugutandukanya abantu hagamijwe kuvutsa amahirwe bamwe no gutonesha abandi. Ku birebana n'uru rubanza, hari umusoro ku nzu zo guturamo, iz'ubucuruzi n'inganda. Muri ibi byiciro, nta na kimwe gishingiye kuri imwe mu mpamvu ivangura rishobora gushingiraho nkuko zivugwa mu Itegeko Nshinga.

[44] Nubwo ingingo ya 16 igaragaza urutonde rw'icyo ivangura rishobora gushingiraho, yongeraho amagambo "no ku rindi vangura iryo ariryo ryose". Murangwa Edward ntagaragaza ko hari ikindi kintu cyaba cyarashingiweho hashyirwaho ibyo byiciro ku buryo byaba ivangura. Nk'uko byavuzwe, ivangura ni ugutandukanya abantu hagamijwe kuvutsa amahirwe bamwe no gutonesha abandi. No ku birebana n'uru rubanza, ntabwoingingo ya 16 yashyizweho hagamijwe kuvutsa amahirwe bamwe no gutonesha abandi. Nk'uko byasobanuwe hejuru, habayeho gushyiraho igipimo cy'umusoro gitandukanye ku byiciro

¹³ U.S. Reports: Tax Commissioners v. Jackson, 283 U.S. 527 (1931)

by'inyubako, hagamijwe guteza imbere iz'ubucuruzi n'inganda. Ibyo bikaba atari ivangura ku buryo hafatwa umwanzuro ko ingingo ya 16 y'Itegeko N° 75/2018 ryo ku wa 07/09/2018 inyuranye n'Itegeko Nshinga mu ngingo yaryo ya16.

[45] Urukiko ruhereye ku bisobanuro byatanzwe mu bika bibanziriza iki, rusanga ingingo ya 16 y'Itegeko N° 75/2018 ryo ku wa 07/09/2018 ishyiraho igipimo cy'umusoro ku byiciro by'inyubako, igaragaramo itandukaniro ku gipimo cy'umusoro rishingiye ku cyo inyubako igenewe. Nk'uko byasobanuwe hejuru, iryo tandukaniro rishingiye ku mpamvu yumvikana ijyanye no guteza imbere inyubako zagenewe ubucuruzi. Ingingo ya 16 kandi nta vangura iryo ariryo ryose riyigaragaramo. Bityo, Urukiko rusanga itanyuranye n'ingingo ya 15 n'iya 16 z'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda.

[46] Nubwo Urukiko rudafite inshingano n'ububasha bwo gusuzuma ibyashingiweho hashyirwaho igipimo cy'umusoro ku nyubako zagenewe guturwamo nk'uko byasobanuwe, byaba byiza Leta yongeye gusuzumana ubushishozi imbogamizi zitandukanye zishobora guturuka ku ishyirwa mu bikorwa ry'ingingo ya 16 nk'uko zagaragajwe na Murangwa Edward n'inshuti z'Urukiko zishyigikiye ibitekerezo bye. Mu mbogamizi zasuzumwa harimo ibirebana no kuba igipimo cya 1% cy'agaciro k'inyubako kiri hejuru, ibirebana no kuba agaciro k'inzu gashingirwaho mu gusoresha kagizwe n'agaciro k'inzu ubwayo n'agaciro k'ubutaka yubatseho nyamara hari umusoro w'ubukode bw'ubutaka wihariye, ibirebana n'inzu zubatswe ku nguzanyo itaramara kwishyurwa, inzu zubakiwe ababyeyi, ibirebana n'inzu zubatswe ariko zidakoreshwa cyangwa zidashobora gukoreshwa biturutse ku mpamvu zihariye bikaba byagorana kubona amafaranga yo kuzisorera, ikibazo kirebana no kuba umusoro ku nyubako wakwa hashingiwe ku gaciro kari ku isoko hatitawe ku busaze bwayo (depreciation).

[47] Murangwa Edward asaba ko ingingo ya 17 ivaho kuko ishyira mu bikorwa iya 16 kandi nayo avuga ko inyuranye n'Itegeko Nshinga. Urukiko rurasanga kuba ibikubiye muri iyo ngingo byagumaho cyangwa byavaho bitewe nuko ingingo ya 16 ishyirwa mu bikorwa inyuranye n'Itegeko Nshinga, ibyo byareberwa mu rwego rw'imyandikire y'amategeko, ntabwo ari ikibazo cyo kunyuranya n'Itegeko Nshinga.

[48] Ibyo ingingo ya 17 iteganya birebana nuko ibipimo by'umusoro ku nyubako bizagenda bizamuka mu byiciro, nta na hamwe binyuranye n'Itegeko Nshinga, ahubwo ni uburyo umushingamategeko yashyizeho bworohereza abasoreshwa gutanga umusoro mushya, bagatangira batanga uri ku rugero rwo hasi, bikazamuka nyuma hakurikijwe uko byagenwe n'iyo ngingo. Urukiko rusanga umusoro ku nyubako washyirwaho hubahirijwe ihame ryo gufata abantu ku buryo bumwe riteganywa n'ingingo ya 15 y'Itegeko Nshinga, ntacyabuza ko utangwa mu buryo bwagenwe n'ingingo ya 17 y'Itegeko N° 75/2018 ryo ku wa 07/09/2018 rigena inkomoko y'imari n'umutungo by'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage.

Kumenya niba ingingo ya 19 y'Itegeko N° 75/2018 ryo ku wa 07/09/2018 rigena inkomoko y'imari n'umutungo by'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage, inyuranyije n'ingingo ya 15 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda.

[49] Murangwa Edward n'abamwunganira bavuga ko ingingo ya 19 ivuga ku gipimo cy'umusoro utangwa ku butaka burenga

ku bipimo fatizo by'ikibanza, iteganya ko: "Igipimo cy'umusoro cyagenwe n'Inama Njyanama y'Akarere kuri buri metero kare y'ubutaka hashingiwe ku biteganywa mu ngingo ya 18 y'iri tegeko¹⁴ cyiyongeraho mirongo itanu ku ijana (50%) asorerwa ubutaka burenga ku bipimo fatizo by'ikibanza cyagenewe inyubako. Ibipimo fatizo by'ikibanza cyagenewe inyubako bigenwa n'iteka rya Minisitiri ufite imiturire mu nshingano ze. Igipimo cy'umusoro cy'inyongera kivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ntikireba ikibanza gitunzwe n'uwakibonye mbere y'uko iri tegeko ritangira gukurikizwa".

[50] Bavuga ko ibiteganywa n'iyo ngingo binyuranyije n'ingingo ya 15 y'Itegeko Nshinga iteganya ko abantu bose bareshya imbere y'amategeko kandi ko itegeko ribarengera ku buryo bumwe, cyane cyane ko bizwi ko ubutaka bw'u Rwanda buhererekanywa mu buryo bwinshi butandukanye nko mu mpano, mu izungura, mu ndagano, mu kugura no kugurisha, ku buryo bigaragara ko hari ukutareshyeshya ababonye ubutaka mbere na nyuma y'uko hajyaho Itegeko N° 75/2018 riregerwa.

[51] Bakomeza batanga ingero zigaragaza uburyo iyo ngingo inyuranyije n'Itegeko Nshinga, nk'urugero rw'umwana wahawe impano y'ubutaka akabwandikwaho mu mwaka wa 2018, iyi ngingo itarakurikizwa, na mugenzi we wabuhawe akabwandikwaho mu mwaka wa 2019, iyi ngingo imaze gutangira gukurikizwa. N'ubwo ubutaka babuhawe n'ababyeyi

¹⁴ Ingingo ya 18 ivuga ku birebana n'igipimo cy'umusoro ku kibanza, muri aya magambo: "Igipimo cy'umusoro ku kibanza kiri hagati ya zeru (0) n'amafaranga y'u Rwanda magana atatu (300 FRW) kuri metero kare. Inama Njyanama y'Akarere igena umusoro wishyurwa kuri metero kare y'ubutaka ishingiye ku bipimo fatizo n'ibindi bikurikizwa bigenwa n'iteka rya Minisitiri ufite imisoro mu nshingano ze".

babo ndetse bungana mu buso, aba bana bombi ntibuzasora kimwe, ku buryo uwabuhawe mu mwaka wa 2019 azajya asora hiyongereyeho 50% ivugwa mu gika cya kabiri cy'ingingo ya 19, bikaba byumvikana ko iri tegeko ritabarengera mu buryo bumwe nk'uko bisabwa n'ingingo ya 15 y'Itegeko Nshinga.

[52] Bavuga ko urundi rugero rurebana n'umutungo wacungwaga n'umuntu urera abana batari bageza ku myaka y'ubukure, umutungo wanditswe kuri uwo urera abo bana (guardian), ku buryo igihe nikigera buri mwana akandikwaho umutungo we (nyuma ya 2019), iri tegeko ryaratangiye gukurikizwa, buri mwana azaba agomba gutanga umusoro wa 50% ubarwa ku buso burenga ku bwagenwe ku kibanza, mu gihe bagenzi babo bari bafite imyaka y'ubukure mbere y'uko iri tegeko rikurikizwa, 50% y'umusoro w'inyongera utabareba, ku buryo bigaragara ko iri tegeko ritabareshyeshya kandi ritabarengera mu buryo bumwe nk'uko ingingo ya 15 y'Itegeko Nshinga yavuzwe haruguru ibiteganya.

[53] Basoza bavuga ko ibyo ingingo ya 19 iteganya, bijyanye no kuvuga ko itegeko ritareba uwabonye ubutaka mbere yaryo kandi iyo risohotse rireba buri wese, umuntu yakeka ko kuvuka mbere biguha uburenganzira buruta ubw'abandi banyarwanda.

[54] Turatsinze Emmanuel, Bagabo Faustin na Habimana Pie, mu izina ry'Ishuri ryigisha amategeko muri Kaminuza y'u Rwanda (University of Rwanda/ School of Law) bavuga ko ingingo ya 19 yasabiwe kuvanwaho inyuranyije n'Itegeko Nshinga mu ngingo yaryo ya 15 kuko gusoresha ku buryo butandukanye ibibanza hashingiwe gusa ko igihe usora yakiboneye atari impamvu ifatika yatuma habaho iryo tandukaniro. [55] Ku birebana n'ikibanza cyabonetse mbere cyangwa nyuma y'ikurikizwa ry'Itegeko, bavuga ko ihame ryo kudasubira inyuma kw'itegeko (rétroactivité de la loi) ishingirwaho n'Intumwa ya Leta nk'impamvu zo gutandukanya ba nyir'ibibanza, itareberwa igihe ikibanza cyaguriwe cyangwa cyatangiwe gukoreshwa ahubwo yareberwa igihe uburenganzira ku kibanza bwatangiye (igihe ubwo butaka bwatangiye gukoreshwa).

[56] Ingabire Marie Immaculée n'umwunganira mu izina rya Transparency International Rwanda, bavuga ko ibiteganywa n'ingingo ya 19, biteye ikibazo ku baturage, cyo kumenya uko bizajya bigenda ku waguze cyangwa uwazunguye ubutaka n'uwari usanzwe abutunze, niba azajya abanza kubugabanya; ndetse hakibazwa n'impamvu umushingamategeko avangura utunze ubutaka n'uzabutunga ejo, ufite bunini n'ufite buto.

[57] Bavuga ko iyi ngingo igaragaza ivangura hagati y'abatunze ubutaka buto n'ubunini, kandi ko gutunga ubutaka bunini bitaba ikibazo, hatarebwe uko nyirabwo yabubonye, aho guca umusoro ubutunze. Ko rero uyu musoro bawufata nk'umusoro gihano unyuranye n'amahame y'amategeko kuko umuntu ahanwa iyo hari icyo ategetswe gukora atakoze cyangwa yakoze icyo abujijwe.

[58] Uhagarariye Leta y'u Rwanda avuga ko ingingo ya 19 itabangamira ihame ryo kureshya imbere y'amategeko riteganywa n'ingingo ya 15 y'Itegeko Nshinga ndetse n'ihame ryo kurindwa ivangura riteganywa n'ingingo ya 16 kuko ingingo ya 19 yaje gushimangira andi mahame y'amategeko, cyane cyane ihame ry'uburenganzira ku butabera buboneye ndetse n'uko itegeko ridashobora gusubira inyuma (La non-rétroactivité de la loi).

36 _____

[59] Asobanura ko kuba harabaye gutandukanya ibyiciro by'abantu barebwa n'ibipimo bitandukanye by'umusoro bitafatwa nko kwica ihame ry'uko abantu bareshya imbere y'amategeko, mu gihe hari impamvu ifatika kandi ifitiwe ibisobanuro (legitimate and rational purpose). Avuga kandi ko ihame ryo kureshya imbere y'amategeko rishamikiyeho andi mahame nko kuba abantu bagomba gufatwa kimwe iyo bari mu bihe bimwe (equal treatment in equal circumstances), kudafatwa byanze bikunze mu buryo bumwe (Preferential treatment), cyangwa se ibyiciro bitandukanye by'abantu bigira amategeko yihariye (Specificity and special rules).

[60] Me Twiringiyemungu Joseph avuga ko kuba ingingo ya 19 igena umusoro ku bipimo by'inyongera ari ibintu bisanzwe, atanga urugero rw'umusoro ku mushahara aho uhembwa 100.000 Frw no munsi asora 20%, naho urengeje agasoreshwa 30%, ko rero urengeje ibipimo biteganywa n'itegeko aba agomba kwirengera ingaruka kuri uwo murengera. Ku birebana nuko ingingo ya 19 ivuga ko uwo musoro utareba abari basanganywe ibibanza mbere y'uko itegeko rijyaho, avuga ko ibyo bijyanye n'ihame ry'uburenganzira umuntu aba yarabonye mbere y'uko rijyaho budashobora guhungabanywa, ko itegeko rishya ridashobora kwambura umuntu ibintu yari atunze mbere y'uko rijyaho.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[61] Ingingo ya 19 ikubiyemo ibitekerezo bikurikira:
(1)hazajyaho igipimo fatizo cy'ikibanza cyagenewe inyubako¹⁵;
(2) abafite ubutaka butarenga icyo gipimo fatizo bazajya basora

¹⁵ Kizashyirwaho n'Iteka rya Minisitiri

hagati ya 0- 300Frw kuri metero kare imwe; (3)igice cy'ubutaka burenga ku gipimo fatizo kizajya gisoreshwa nk'ikibanza gifite ubuso butarenga igipimo fatizo hiyongereyeho (50%); (4) inyongera ya 50% ntireba ababonye ibibanza mbere y'uko itegeko N°75/2018 ryo ku wa 07/09/2018 risohoka mu igazeti ya Leta ku wa 29/10/2018.

[62] Hakurikijwe ibivugwa na Murangwa Edward watanze ikirego, igice cy'ingingo ya 19 giteje ikibazo ni ikirebana no kuba igice cy'ubutaka burenga ku gipimo fatizo kizajya gisoreshwa hiyongereyeho (50%), no kuba iyo nyongera ya 50% itareba ababonye ibibanza mbere y'uko Itegeko N°75/2018 ryo ku wa 07/09/2018 risohoka mu igazeti ya Leta. Aha niho urega ahera avuga ko iyi ngingo idafata abantu kimwe kuko asanga iteganya umusoro utandukanye ku bibanza binganya ubuso, no kuba iteganya ko ababonye ibibanza biruta ibiteganywa n'igipimo fatizo mbere y'uko Itegeko N°75/2018 rijyaho batazatanga umusoro w'inyongera ya 50%, naho abazabibona nyuma bakazasabwa gutanga uwo musoro w'inyongera.

[63] Ikibazo kibazwa hano ni icyo kumenya niba iryo tandukaniro ryafatwa nk'aho rinyuranye n'ihame ryo kureshya imbere y'amategeko riteganywa n'ingingo ya 15 y'Itegeko Nshinga. Ni ukuvuga, niba gusoresha abafite ibibanza birengeje igipimo fatizo cyagenwe 50 % y'umusoro w'inyongera ku usoreshwa ibibanza bitarengeje igipimo no kuba ababonye ibibanza mbere y'Itegeko badasora uwo musoro w'inyongera binyuranyije n'ingingo ya 15 y'Itegeko Nshinga.

[64] Nk'uko byagarutsweho mu bika byo hejuru, gutandukanya abantu byakozwe ku mpamvu yumvikana, isobanutse kandi ishingiye ku mategeko ntibifatwa nko kudafata abantu kimwe imbere y'amategeko. Haba mu ngingo ya 19, no mu

38 ____

Itegeko N° 75/2018 ryo ku wa 07/09/2018 muri rusange nta mpamvu n'imwe igaragara yaba yarashingiweho hashyirwaho umusoro w'inyongera ku bibanza birengeje igipimo fatizo. Ibyo uhagarariye Leta mu rubanza yavuze ko iryo tandukaniro ryashyizweho hagamijwe gukangurira abantu kubaka ku butaka butarengeje igipimo fatizo kizaba cyashyizweho no kubahiriza ihame ry 'uko itegeko ridasubira inyuma, nta gaciro byahabwa kuko kudasubira inyuma kw'itegeko bivuze kutishyuza imisoro uhereye mbere yuko itegeko risohoka. Kuba abantu basoreshwa imisoro mishya ku mitungo bari basanganywe mbere y 'uko itegeko risohoka ntabwo binyuranyije n'ihame rusange ry 'uko itegeko ridasubira inyuma.

[65] Ingingo ya 10 y'Itegeko N° 43/2013 ryo kuwa 16/06/2013 rigenga ubutaka mu Rwanda iteganya ko: "ubutaka bw'umuntu ku giti cye bugizwe n'ubutaka atunze ku buryo bw'umuco cyangwa ubw'amategeko yanditse. Ubwo butaka abutunze y arabuhawe n'ubuyobozi bubifitiye ububasha, ubwo yaguze, yahaweho impano, umurage, izungura, umunani, ingurane cyangwa isaranganya. [...]". Iyi ngingo igaragaza inzira umuntu anyuramo kugirango abone ubutaka. No ku birebana no kubona ubutaka bwagenewe inyubako, inzira zivugwa mu ngingo ya 10 nizo zifashishwa. Igihe habaye ihererekanya ry'ikibanza kirengeje ibipimo fatizo rishingiye kuri imwe mu mpamvu zivugwa muri iyi ngingo kandi rigakorwa nyuma yuko itegeko N° 75/2018 ryo ku wa 07/09/2018 risohoka, nibwo habaho umusoro w'inyongera ya 50%.

[66] Ingingo ya 19 y'Itegeko N° 75/2018 ryo ku wa 07/09/2018 iteganya ko ibipimo fatizo by'ikibanza cyagenewe inyubako bigenwa n'iteka rya Minisitiri ufite imiturire mu nshingano ze. Iri teka rivugwa mu ngingo ya 19 rishobora kugena

ibipimo fatizo by'ikibanza cyagenewe inyubako biri hasi y'ibyari byaragenwe mbere y 'uko rijyaho. Ibi bivuze ko ubusumbane ku bipimo fatizo by'ikibanza cyo kubakamo, bwaba butewe n'uburyo amategeko yagiye ahinduka kuri iyo ngingo. Ihererekanya ryose ryakorwa ku kibanza gifite ibipimo biruta ibiteganywa n'iryo teka, kandi bikurikije amategeko yakoreshwaga igihe nyiracyo yakibonaga, ryatuma ubonye ikibanza yishyura inyongera ya 50% biturutse ku mpamvu atagizemo uruhare, ahubwo byaba bitewe n'ukuntu amategeko yagiye asimburana.

[67] Naho ku bazabona ibibanza hakurikijwe ibipimo bizashyirwaho n'Iteka rya Minisitiri rivugwa mu ngingo ya 19 y'Itegeko N°75/2018 ryo ku wa 07/09/2018, byaba binyuranye ku buryo bugaragarira buri wese n'ihame ry'uko abantu bareshya imbere y'amategeko, igihe hari ibibanza binganya ibipimo, biherereye mu gace kamwe, byegeranye, bigasoreshwa ku buryo butandukanye, bimwe bisabwa kwishyurirwa inyongera ya 50% ku buso burenga ku bipimo fatizo biturutse gusa ku kuba nyir'ikibanza yarakibonye nyuma cyangwa mbere y'uko Itegeko N° 75/2018 ryo ku wa 07/09/2018 risohoka mu igazeti ya Leta.

[68] Mu rubanza Nordlinger v. Hahn rujya kumera nk'uru rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga rwa Leta Zunze Ubumwe z'Amerika, uwareze yasabaga kuvanaho itegeko rigena ko ababonye inzu nyuma y'iryo tegeko bazajya bazisorera umusoro wo hejuru ugereranije n'abari bazisanganywe, umubare munini w'Abacamanza baciye urwo rubanza bemeje ko ibyo bitafatwa nk'aho itegeko ritareshyeshya abantu. Umucamanza John Paul Stevens, we yitandukanije na bagenzi be avuga ko gusoresha abantu ku buryo butandukanye ushingiye gusa ku gihe baboneye amazu asoreshwa bidakwiye. Yagize ati: "[...] *it is irrational to*

treat similarly situated persons differently on the basis of the date they joined the class of property owners. [....] Similarly, situated neighbors have an equal right to share in the benefits of local government. It would obviously be unconstitutional to provide one with more or better fire or police protection than the other; it is just asplainly unconstitutional to require one to pay five times as much in property taxes as the other for the same government services. In my opinion, the severe inequalities created by Proposition 13 are arbitrary and unreasonable and do not rationally further a legitimate state interest¹⁶ [...]". Uru Rukiko, rwemeranya n'ibyavuzwe n'Umucamanza Stevens, mu gusoresha ibibanza byagenewe inyubako, igipimo cy'umusoro kigomba kuba kimwe ku bibanza bingana, biherereye ahantu hamwe hatitawe ku gihe ababifite babiboneye. Ibi nibyo byaba byubahirije ihame ry'uko abantu bareshya imbere y'amategeko.

[69] Urukiko rusanga kuba Itegeko N° 75/2018 ryo ku wa 07/09/2018 ryarashyizeho umusoro ku bibanza byagenewe inyubako, nta kibazo kibirimo kuko nk'uko biteganywa mu ngingo ya 3 n'iya 18 z'iryo Tegeko, umusoro ku bibanza byagenewe inyubako ari hamwe mu haturuka imari n'umutungo bikoreshwa n'inzego z'ibanze zegerejwe abaturage. Urukiko rusanga igipimo cy'umusoro kigomba kuba kimwe, uwarengeje igipimo fatizo ku kibanza agasora menshi kuko n'ubuso busoreshwa ari bunini. Ibi kandi bijyanye n'ihame rikoreshwa mu gusoresha rivuga ko ingano y'umusoro ijyana n'ubwinshi cyangwa ubunini bw'igisoreshwa. (*Vertical equity, is the*

¹⁶ Supreme Court of the United States, Nordlinger v. Hahn, June 18, 1992, 112S. Ct. (1992).

principle that those with higher income, or higher ability to pay, should pay a greater amount of tax)¹⁷.

[70] Urukiko ruhereye ku bisobanuro byatanzwe mu bika bibanziriza iki, rusanga ishyirwaho ry'umusoro w'inyongera uteganywa n'ingingo ya 19 y'Itegeko N° 75/2018 ryo ku wa 07/09/2018 rigena inkomoko y'imari n'umutungo by'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage, ridafata abantu ku buryo bumwe nta mpamvu zisobanutse, ibyo bikaba binyuranye n'ihame ry'uko abantu bose bareshya imbere y'amategeko riteganywa n'ingingo ya 15 y'Itegeko Nshinga, bityo iyo ngingo ikaba nta gaciro ifite hashingiwe ku ngingo ya 3 y'Itegeko Nshinga ivuka ko itegeko ryose rinyuranyije n'Itegeko Nshinga nta gaciro rigira.

Kumenya niba ingingo ya 20 y'Itegeko N° 75/2018 ryo ku wa 07/09/2018 rigena inkomoko y'imari n'umutungo by'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage, inyuranyije n'ingingo ya 34 n'iya 35 z'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda

[71] Murangwa Edward n'abamwunganira bavuga ko ingingo ya 20 ivuga ku birebana n'igipimo cy'umusoro utangwa ku kibanza kidakoreshwa, iteganya ko: "Ikibanza cyose kidakoreshwa gicibwa umusoro w'inyongera w'ijana ku ijana (100%) urenga ku gipimo cy'umusoro kivugwa mu ngingo ya 18 y'iri tegeko"; inyuranye n'ibiteganywa n'ingingo ya 34 n'iya 35 z'Itegeko Nshinga, ziteganya ko buri muntu afite uburenganzira ku mutungo utimukanwa n'uburenganzira ku butaka, kandi ko ubwo burenganzira ari ntavogerwa, ikaba ikwiye kuvaho.

¹⁷ Levell, P., Roantree, B., & Shaw, J.). Mobility and the Lifetime Distributional Impact of Tax and Transfer Reforms, 2016, p32.

[72] Basobanura ko abanyarwanda ari wo mutungo wa mbere uwa kabiri ukaba ubutaka batuveho. w'Igihugu, naho bakoreraho, kandi bukaba bubatunze, ko rero kuba iyo ngingo iteganya umusoro w'inyongera wa 100% ku butaka bwitwa ko budakoreshwa hatitawe ku kureba niba nyirabwo abifitiye ubushobozi, bigaragara ko uwo musoro ari umurengera kandi ko uzananira benshi. Bavuga ko kuba Murangwa Edward yaratanze ikirego bitavuze ko ashyigikiye ko uwo musoro utajyaho kuko yemera ko umusoro ariyo nkomoko y'Iterambere ry'Igihugu, nk'uko bigaragara mu ngingo ya 18 y'Itegeko ryavuzwe haruguru rigena inkomoko y'umutungo w'inzego z'ibanze, kandi ko kuba umusoro muri iri tegeko warazamuwe kuri 0-300Frw kuri metero kare mu gihe mu Itegeko ryahozeho wari kuva kuri 0-80 Frw kuri metero kare, nabyo nta kibazo abifiteho, ahubwo ko ikibazo agifite ku nyongera ya 100% ku butaka bwitwa ko budakoreshwa hatitawe ku mpamvu yatumye nyirabwo atabukoresha, niba yari abifitiye ubushobozi, kuko hari uba afite ikibanza ariko yarabuze uko acyubaka.

Bakomeza bavuga ko kuba umusoro wari wazamuweho [73] 300%, bitari ngombwa ko wongera kuzamukaho 100%, hatitawe mpamvu umuntu adakoresha ikibanza. Ku birebana ku n'ibisobanuro by'uburanira Leta atanga ko uwo musoro wagiyeho mu rwego rwo kurwanya abigwizaho imitungo, Murangwa Edward n'abamwunganira bavuga ko atari bwo buryo bubereye abanyarwanda bwagombaga gukoreshwa, cyane cyane ko hari amabwiriza avuga ko utazakoresha ubutaka icyo bwagenewe azabwamburwa, ibyo ubwabyo bikaba bikumira ukwigwizaho cyane imitungo, cyane ko amikoro y'abanyarwanda azwi.

[74] Bakomeza bavuga ko abantu bari muri izo ngero zitanzwe hejuru, bazageraho bakabura ubwishyu bw'uwo musoro, noneho hagakurikizwa ingingo ya 44 y'Itegeko rigenga ubutaka mu Rwanda irebana no guhagarika amasezerano y'ubukode burambye, iteganya ko : "mu gihe ukodesha ubutaka ku buryo burambye atubahirije inshingano ze zikubiye mu masezerano y'ubukode burambye, zitandukanye n'ibivugwa mu ngingo ya 38 y'iri tegeko¹⁸ umukode ashobora, nta yindi mihango akurikije, guhagarika amasezerano y'ubukode abanje gutanga integuza yanditse y'iminsi cumi n'itanu (15) y'akazi"; bityo abo baturage bose bakazisanga ubutaka bwabo babwambuwe bitewe n'igihe bazaba bamaze batishyura umusoro.

Basobanura ko ibyo bavuga bishimangirwa [75] n'ibiteganywa n'Itegeko Nshinga, aho riteganya ko uburenganzira ku mutungo ari ntavogerwa kandi burengerwa n'Itegeko Nshinga mu ngingo yaryo ya 34 n'iya 35. Iya 34 iteganya ko : "buri muntu afite uburenganzira ku mutungo bwite, waba uwe ku giti cye cyangwa uwo asangiye n'abandi. Umutungo bwite, uw'umuntu ku giti cye cyangwa uwo asangiye n'abandi ntuvogerwa. Uburenganzira ku mutungo ntibuhungabanywa keretse ku mpamvu z'inyungu rusange kandi hakurikijwe ibiteganywa n'amategeko". Naho ingingo ya 35 igateganya ko: " Umutungo bwite w'ubutaka n'ubundi burenganzira ku butaka

¹⁸ Ingingo ya 38 irebana n'inshingano yo gutanga inzira ku butaka bw'undi bukomoka ku miterere y'ahantu, iteganya ko: "Nyir'ubutaka ntagomba kubangamira uburenganzira bw'abandi. Kubera iyo mpamvu ntashobora: 1° kwima abaturanyi be inzira y'amaguru igera mu kwabo mu gihe nta handi bashobora kunyura. Icyakora, ku zindi nzira, bikorwa ku bwumvikane hagati y'impande zombi; 2° kubuza ko amazi y'amasoko atemba ku bwa kamere anyura mu butaka bwe; 3° kubuza abandi kuvoma ku iriba riri ku butaka bwe, keretse ashoboye kwerekana ko iryo riba ari we ubwe waryifukuriye.

bitangwa na Leta. Itegekorigena uburyo bwo kubutanga, kubuhererekanya no kubukoresha".

Bavuga kandi ko amahame ashingirwaho mu gusoresha [76] (fundamental principles of taxation) harimo ubushobozi bw'usoreshwa, ukubasha gusora (ability to pay), n'umusoro usobanutse (tax certainty), ibyo akaba ari ingenzi mu rwego rwo kugira ngo abasora babashe gusora babishoboye kandi babikunze. Ko rero hashingiwe ko uburenganzira ku mutungo utimukanwa n'uburenganzira ku butaka ari ntavogerwa (fundamental rights), hagashingirwa no kuri ayo mahame agenderwaho mu gushyiraho umusoro, basanga gushyiraho ingingo ya 20 y'Itegeko ryavuzwe haruguru, yongera umusoro wa 100% ku butaka bwitwa ko budakoreshwa, hatitawe ku mpanvu zitera kutabukoresha, ibangamiye kandi inyuranije n'uburenganzira bugenwa n'ingingo ya 34 n'iya 35 z'Itegeko Nshinga, ndetse n'uburenganzira uko buvugwa mu masezerano mpuzamahanga u Rwanda rwashyizeho umukono (universal declaration of human rights, art.17 1. Everyone has the right to own property alone as well as in association with others. No one shall be arbitrarily deprived of his property). Bityo, akaba asaba Urukiko rw'Ikirenga ko mu bushishozi bwarwo n'ububasha ruhabwa n'Itegeko, rwakuraho iyo ngingo ya 20 bitewe n'uko ibangamiye ibiteganywa n'Itegeko Nshinga.

[77] Basoza basaba Urukiko rw'Ikirenga ko mu gusuzuma ikirego Murangwa Edward yatanze, mu bushishozi bwarwo, rwazahuza ingingo zaregewe, n'imibereho bwite y'umuryango nyarwanda, uruhare rw'umutungo utimukanwa mu muryango nyarwanda, uko umuryango nyarwanda wafataga umutungo w'ubutaka amategeko yanditse atarajyaho, n'ibishushanyo mbonera bitarakorwa, ndetse n'ingaruka zo kwakwa ubutaka cyangwa umutungo utimukanwa byagira ku mbaga y'abanyarwanda yananirwa gutanga 100% by'umusoro wiyongera ku musoro usanzwe utangwa.

Turatsinze Emmanuel, Bagabo Faustin na Habimana Pie, [78] mu izina ry'Ishuri ryigisha amategeko muri Kaminuza y'u Rwanda (University of Rwanda/ School of Law) bavuga ko Itegeko Nshinga mu mahame yaryo rigusha cyane ku mibereho myiza y'abaturage, cyane cyane ingingo ya 10 ivuga ku kubaka Leta iharanira imibereho myiza y'abaturage kandi bakagira amahirwe angana, Leta ikaba ifite inshingano zo kugira ngo abaturage babeho neza nk'uko biteganyijwe mu mategeko no mu masezerano mpuzamahanga. Bavuga kandi ko raporo ya Politiki y'imiturire yagaragaje ko 83% batunzwe no gukodesha, hakibazwa igihe umusoro uzaba uzamutse ingaruka bizagira ku banyarwanda kuko buri wese ufite inzu ikodeshwa azongera ibiciro, hatirengagijwe ko iyo umusoro uremereye umuturage biremerera na Leta kuko hatangira kubaho guhisha umutungo, kandi bikaba bizwi ko iyo umusoreshwa yorohewe n'umusoro bimworohera kuwutanga.

[79] Bavuga ko ingingo ya 19 n'iya 20 zimeze nk'aho zirimo guhana kuko imwe yongeraho 50%, indi ikongeraho 100%, ibi bikaba binyuranye n'amahame rusange agenga amategeko kuko umuntu ahanwa kuko atakoze ibyo amategeko amutegeka cyangwa yakoze ibyo amategeko amubuza, hakibazwa icyo umuturage yaba yakoze cyangwa atakoze mu biteganywa n'itegeko kugira ngo ahanwe. Ko kandi ibyo binyuranyije n'amahame agenga imibereho myiza y'abaturage, kandi ko umuturage ariwe uzikorera umutwaro w'umusoro, kuko uwasoreye ikibanza najya kugurisha azawongeraho n'ukodesha azongeraho uwo musoro, bitume ubuzima buhenda. [80] Bavuga ko imisoro iri mu bifasha Leta kugira ngo yuzuze inshingano yo kwita ku mibereho myiza y'abaturage, ariko ko idashobora kugeza abantu kuri "social justice" abaturage badafite uburenganzira ku mutungo, badahabwa amahirwe angana, batareshya imbere y'amategeko.

[81] Dieudonne Nzafashwanayo, Inshuti y'Urukiko, avuga ko ibiteganywa n'ingingo ya 20 y'Itegeko N° 75/2018, ryavuzwe haruguru, binyuranye n'ibiteganywa n'ingingo ya 15 n'iya 16 z'Itegeko Nshinga, ko iyo ngingo ivangura umuntu ufite ikibanza gikoreshwa n'ufite ikibanza kidakoreshwa usabwa kwishyura umusoro w'inyongera ungana na 100%. Avuga kandi ko iyo ngingo ya 20 izitira uburenganzira buteganyijwe mu ngingo ya 34 n'iya 35 z'Itegeko Nshinga kuko umuntu ashobora kwamburwa ubutaka mu gihe ananiwe kwishyura umusoro, ko rero ishyirwaho ryayo rititaye ku ngaruka izagira ku batunze ubutaka badakoresha.

Asobanura ko Leta ibinyujije mu gushyiraho amategeko, [82] kuzitira cyangwa gukumira uburenganzira vemerewe buteganijwe mu ngingo ya 15, 16, 34 n' iya 35 z'Itegeko Nshinga binyuze mu kwaka abaturage umusoro kugirango ibashe gukora, ariko ko asanga ingingo ya 20 ataricyo igamije kuko iyo iza kuba aricyo igamije, yari guteganya uwo musoro bijyananye n'ubushobozi bw'abasora. Akomeza avuga ko bitari ngombwa gushyiraho iyo ngingo mu rwego rwo gukemura ikibazo cy'abatunga ibibanza byinshi bagamije kuzabigurisha ku giciro kinini (speculation), kuko icyo kibazo gikemurwa n'ingingo ya 58 y'Itegeko ry'Ubutaka iteganya ko umuntu yamburwa ubutaka iyo atabukoresha nta mpamvu yumvikana.

[83] Akomeza avuga ko ikibazo cyo kugena umusoro kiri mu byakemuwe n'Urukiko rw'Afrika rushinzwe kurengera

uburenganzira bwa muntu, kandi ibyo rwemeje bigahura n'ibitekerezo by'Umuhanga Adam Smith mu gitabo yise *An Inquiry into the Nature and Causes of the Wealth of Nations*¹⁹, bemeje ko umusoro ujyaho kugira ngo ubutegetsi bubashe gukora ibyo abaturage bakeneye kandi umusoro ukagenwa hagendewe ku bushobozi bw'abaturage; ariyo mpamvu asanga umusoro uteganywa mu ngingo ya 20 hatarakurikijwe ibyo bitekerezo.

[84] Avuga kandi ko ufite ubutaka bushobora kwitwa ko budakoreshwa kubera amabwiriza ya "master plan" ariko bidaturutse kuri nyirabwo, kandi ko ingingo ya 20 itagombaga guteganya ibyo kuvuga ko ufite ubutaka budakoreshwa azabwamburwa, mu gihe ingingo ya 58, agace ka 3 na 4 igaragaza ubutaka umuntu atamburwa kubera kutabukoresha ndetse n'aho bugomba kuba buherereye. Avuga kandi ko umushingamategeko ashobora gukoresha umusoro mu kurwanya imyitwarire ariko ko umusoro udashobora kugira *caractere confiscatoire* cyangwa ngo ube umutwaro ku musoreshwa.

[85] Avuga ko Leta ishobora gushyiraho umusoro ifite icyo igamije gikurikije amategeko, kandi igakoresha uburyo bugereranije kugirango intego igamijwe igerweho. Ko Urukiko ruramutse rwitaye kuri ayo mahame rwazasanga ingingo ya 20 isabirwa kuvanwaho, yatuma hari abatakaza uburenganzira ku mutungo bitewe no kunanirwa kwishyura umusoro.

[86] Ingabire Marie Immaculée mu izina rya Transparency International Rwanda nk'inshuti y'urukiko, avuga ko muri rusange umusoro awemera kuko ugarukira abaturage, ariko ko utagomba kubangamira imibereho myiza yabo. Avuga ko

¹⁹ Adam Smith, An Inquiry into the Nature and Causes of the Wealth of Nations, Lausane, 2007, p. 639

ingingo ya 20 y'Itegeko N° 75/2018, ryavuzwe haruguru, ibangamiye amahame y'uburenganzira ku mutungo bwite w'ubutaka, kuko umusoro uteganywa n'iyo ngingo uteye ikibazo ku muturage ufite amikoro make, aho umubera umusoro gihano ku kibanza cyangwa ubutaka adakoresha bitewe no kubura amikoro, kandi ko natabasha kwishyura uwo musoro ingaruka zizaba ko ibyo atunze birimo n'ubwo butaka bizatezwa cyamunara hishyurwa umusoro bityo akaba yambuwe uburenganzira ku mutungo buteganywa n'ingingo ya 34 y'Itegeko Nshinga.

[87] Asobanura ko umusoro uteganyijwe mu ngingo ya 20 umushingamategeko yawugize nk'igihano gihanitse cya 100% atitaye ku mpamvu ubutaka butubatswe, ku buryo ibyo iyo ngingo iteganya bibangamiye imibereho myiza y'abaturage, cyane cyane urubyiruko kuko iyo umuntu abonye amafaranga agura ikibanza agategereza ko abona andi akubaka, uyu musoro rero ukaba uzatuma atubaka kuko n'ayo yabitse azayishyura umusoro. Bavuga kandi ko uwo musoro uzakenesha abaturage kuko umuntu naramuka atawutanze, ubutaka bwe bukagurishwa, azasubira mu badatunze, bigatuma abaturage batakaza imitungo yabo, ku buryo abenshi bazisanga mu cyiciro cya mbere cy'ubudehe.

[88] Akomeza avuga ko abantu badafite inzu yo guturamo kenshi biterwa n'uko baba badafite amikoro, ko rero Umushingamategeko ashyiraho iyi ngingo atigeze abatekerezaho, cyangwa ngo atekereze ku muntu waguze ikibanza, aho *master plan* igiriyeho ikahashyira inzu zigeretse (etages), umuturage akabura ubushobozi bwo kubaka iyo isabwa, bivuze ko icyo kibanza kizaguma aho agisorera 100%, kandi ko byazageraho bigatanga icyuho cya ruswa mu nzego z'ibanze.

Avuga kandi ko umushingamategeko atitaye ku mpamvu zituma umuntu atubaka kandi ari nyinshi cyane, zigiye ziterwa n'ibibazo binyuranye. Asoza asaba ko ingingo 20 yaregewe yavanwaho.

[89] Inshuti y'Urukiko, Ntibaziyaremye Innocent avuga ko umusoro wa 100% ucibwa ikibanza cyose kidakoreshwa ataribyo kuko hari impamvu nyinshi zishobora gutuma kitarubatswe, cyane cyane kubura amikoro. Akomeza avuga ko hari igihe umuntu ufite ubutaka bumutunze bugashyirwa mu miturire ahita abusorera kandi butakivamo ibimutunga ndetse agahita agira n'umutwaro wo kubusorera ku buryo ashobora no kugera ubwo aburaga abana bakabwanga kuko buriho imisoro batashobora kwishyura.

Uhagarariye Leta y'u Rwanda avuga ko ingingo ya 20 [90] itabangamiye uburenganzira ku mutungo utimukanwa n'uburenganzira ku butaka buteganywa n'ingingo ya 34 n'iya 35 z'Itegeko Nshinga, kuko iyo ngingo ya 20 yaje gutandukanya abantu bakoresha ubutaka icyo bwagenewe n'abatabukoresha, bugakomeza kubaho butanahawe ufite ubushake n'ubushobozi bwo kubukoresha, mu gihe igihugu gikeneye gutera imbere kibyaza umusaruro ubutaka buto gifite. Avuga kandi ko iyo ikibanza gikoreshwa (cyubatswe), cyacibwa umusoro muke bitewe nuko kigenda gita agaciro (recognition of depreciation), bitandukanye n'ikibanza kitubatse kuko bizwi ko kidata agaciro (depreciated), ahubwo gishobora kongererwa agaciro, ariyo mpamvu ibi byiciro byombi bidashobora gucibwa umusoro ungana.

[91] Asobanura ko ingingo ya 20 itabangamiye uburenganzira ku mutungo utimukanwa n'uburenganzira ku butaka, buteganywa n'Itegeko Nshinga, kuko kuba abantu bacibwa umusoro bitavuze ko bambuwe uburenganzira ku mutungo bwite, ko umutungo wabo wavogerewe cyangwa ko se wahungabanyijwe. Avuga ko n'ubwo byafatwa gutyo, iryo hame ubwaryo rivuga ko « umutungo bwite ushobora guhungabanywa n'inyungu rusange mu buryo bukurikije amategeko», kandi bizwi ko umusoro ubereyeho inyungu rusange kuko ariwo uteza imbere igihugu, bityo, kuba umutungo w'umuntu wasoreshwa umusoro uteganyijwe n'amategeko kugira ngo igihugu kigere ku iterambere, kibone ibikorwa remezo n'ibindi, abanyagihugu bose bafitemo inyungu, bidakwiye gufatwa nko kubangamira uburenganzira ku mutungo bwite cyangwa umutungo bwite w'ubutaka. Yanzura avuga ko hashingiwe kuri ibyo bisobanuro atanze, asanga ingingo ya 20 yaregewe itanyuranyije n'Itegeko Nshinga.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[92] Ikibazo gisuzumwa muri iki gice kijyanye no kumenya niba umusoro w'inyongera w'ijana ku ijana (100%) uteganijwe ku kibanza kidakoreshwa waba ubangamiye cyangwa unyuranye n'ihame ry'uko umuntu afite uburenganzira ku mutungo muri rusange akanagira uburenganzira ku mutungo w'ubutaka by'umwihariko.

[93] Ingingo ya 34 y'Itegeko Nshinga ivuga iti: "buri muntu afite uburenganzira ku mutungo bwite, waba uwe ku giti cye cyangwa uwo asangiye n'abandi. Umutungo bwite, uw'umuntu ku giti cye cyangwa uwo asangiye n'abandi ntuvogerwa. Uburenganzira ku mutungo ntibuhungabanywa keretse ku mpamvu z'inyungu rusange kandi hakurikijwe ibiteganywa n'amategeko". Naho iya 35 ikavuga ko: "umutungo bwite w'ubutaka n'ubundi burenganzira ku butaka bitangwa na Leta. Itegeko rigena uburyo bwo kubutanga, kubuhererekanya no kubukoresha". Izi ngingo zombi zishyiraho amahame abiri yuzuzanya. Irya mbere rirebana n'uburenganzira ku mutungo bwite, irya kabiri rikavuga ku burenganzira ku mutungo w'ubutaka.

[94] Aya mahame agarukwaho n'amasezerano mpuzamahanga atandukanye, hari Universal Declaration of Human Rights, art. 17 (Everyone has the right to own property, alone as well as in association with others and no one shall be arbitrarily deprived of his or her property)²⁰, European Convention on Human Rights, Protocol No. 1, art. 1^{21} ; American Convention on Human Rights, art. 21, African Charter on Human and Peoples' Rights, art. 14^{22} .

[95] Ingingo ya 20 y'Itegeko N° 75/2018 ryo ku wa 07/09/2018 rigena inkomoko y'imari n'umutungo by'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage ivuga ako: "*ikibanza cyose kidakoreshwa gicibwa umusoro w'inyongera w'ijana ku ijana (100%) urenga ku gipimo cy'umusoro kivugwa mu ngingo ya 18 y'iri tegeko*". Iyo ngingo iteganya igipimo cy'umusoro ku kibanza kiri hagati ya zeru (0) n'amafaranga y'u Rwanda magana atatu (300 FRW) kurimetero kare.

52

²⁰ Article 17, Universal Declaration of Human Rights

²¹ Every natural or legal person is entitled to the peaceful enjoyment of his possessions. No one shall be deprived of his possessions except in the public interest and subject to the conditions provided for by law and by the general principles of international law. The preceding provisions shall not, however, in any way impair the right of a State to enforce such laws as it deems necessary to control the use of property in accordance with the general interest or to secure the payment of taxes or other contributions or penalties ²² Everyone has the right to property. No one shall be deprived of his property except in the public interest and in accordance with the law (and upon payment of just compensation).

[96] Ingingo ya 39 igika cya mbere y'Itegeko N° 43/2013 ryo kuwa 16/06/2013 rigenga ubutaka mu Rwanda iteganya ko: "Umuntu wese utunze ubutaka, agomba kubukoresha neza kandi mu buryo bwongera agaciro kabwo no kububyaza umusaruro akurikije kamere yabwo n'icyo bwagenewe. [...]". Iyi ngingo ya 39 igaragaza ko utunze ubutaka afite inshingano zo kubukoresha neza no kububyaza umusaruro. Mu gihe utunze ikibanza ariko atagikoresha aba anyuranyije n'ibiteganywa n'iyi ngingo ya 39 kuko ubutaka buba bugomba gukoreshwa keretse hari impamvu yumvikana, isobanutse kandi ishingiye ku mategeko.

[97] Urukiko rusanga umusoro w'inyongera w'ijana ku ijana (100%) urenga ku gipimo fatizo cy'umusoro, uturuka ku kuba abafite ubutaka baba batubahirije iyo nshingano. Gukoresha ubutaka no kububyaza umusaruro bishingiye ku mpamvu z'inyungu rusange igamije iterambere nyaryo mu by'ubukungu n'imibereho myiza y'imbaga y'Abanyarwanda bose. Ibi bihuye n'ibiteganywa n'ingingo ya 3 y'Itegeko Nº 43/2013 ryo kuwa 16/06/2013 rigenga ubutaka mu Rwanda iteganya ko: "Ubutaka buri mu murage rusange w'imbaga y'Abanyarwanda bose: abakurambere, abariho ubu ndetse n'abazavuka mu gihe kiri imbere. Uretse uburenganzira abantu bemerewe, Leta ni yo yonyine ifite ububasha bw'ikirenga mu gucunga ubutaka bwose buherereye mu mbibi z'umupaka w'Igihugu, ubwo burenganzira ibukoresha ku mpamvu z'inyungu rusange igamije iterambere nyaryo mu by'ubukungu n'imibereho myiza hakurikijwe uburyo buteganywa n'amategeko. [...]".

[98] Igisobanuro cya Leta ko ikigamijwe hashyirwaho umusoro w'inyongera ku bibanza bidakoreshwa ari uguca intege abagura ibibanza badakoresha, bashaka kubibika ngo bazabonemo inyungu yo hejuru, Urukiko rusanga iyo mpamvu

53

yumvikana kandi itanyuranye n'Itegeko Nshinga, ijyanye na politike yo gukoresha neza ubutaka buke igihugu gifite no kububyaza umusaruro mu nyungu rusange

[99] Ku birebana no kuba hari abatazabasha kwishyura umusoro w'inyongera w'ijana ku ijana (100%) bigatuma ubutaka butezwa cyamunara ku girango hishyurwe uwo musoro nk'uko byavuzwe na Murangwa na bamwe mu nshuti z'Urukiko, icyo kibazo cyareberwa mu buryo bwa rusange uko bigenda mu gihe umusoreshwa atabashije kwishyura umusoro. Nk'uko biteganywa n'ingingo ya 63 na 64 z'Itegeko N° 026/2019 ryo ku wa 18/09/2019 rigena uburyo bw'isoresha, iyo umusoreshwa atishyuye mu gihe giteganywa n'iryo tegeko, Ubuyobozi bw'imisoro bushobora gufatira umutungo wimukanwa cyangwa utimukanwa w'umusoreshwa, uri mu maboko ye cyangwa y'undi muntu ugatezwa cyamunara. No mu gihe hari utishyuye ku neza umusoro ku butaka mu gihe kigenwa n'itegeko, hashobora kwifashishwa inzira yo kwishyuza uwo musoro hatezwa cyamunara umutungo w'umusoreshwa ushobora no kuba ubutaka busoreshwa. Ibi, Urukiko rusanga atari ukubangamira uburenganzira bw'umusoreshwa ku mutungo we ahubwo ari uburyo bwo kwishyuza umusoro busanzwe bukoreshwa.

[100] Icyangombwa nuko guteza cyamunara atari ikintu kigomba kuba byanze bikunze (inevitable consequences) bitewe n'ibiteganywa n'ingingo ya 20 iregerwa. Nta n'ubushakashatsi bwakozwe bugaragaza ko abadakoresha ibibanza batunze abenshi muri bo babiterwa no kubura ubushobozi cyangwa se niba babibitse bagamije kuzunguka cyane mu gihe kizaza (speculation).

[101] Ingingo ya 31 y'Itegeko N° 75/2018 ryo ku wa 07/09/2018 rigena inkomoko y'imari n'umutungo by'inzego

z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage iteganya ko: "Inama Njyanama y'Akarere bireba ntishobora kuvanaho umusoro ku mutungo utimukanwa uretse mu bihe bikurikira: 1°umusoreshwa atanze inyandiko y'ibarura ry'umutungo we igaragaza ko yazahajwe n'imyenda ku buryo kugurisha umutungo asigaranye mu cyamunara ntacyo byatanga; 2°umusoreshwa agaragaje ko adafite ubushobozi bwo kwishyura umusoro ku mutungo utimukanwa. Usaba kuvanirwaho umusoro ku mutungo utimukanwa yandikira urwego rusoresha. Iyo urwo rwego rusanze icvifuzo cy'umusoreshwa gifite ishingiro, rukorera raporo urwego rw'imitegekere y'Igihugu rwegerejwe abaturage bireba, narwo rukayishyikiriza Inama Njyanama y'Akarere kugira ngo ibifateho icyemezo. Gusiba umusoro ku mutungo utimukanwa ntibikorwa ku musoreshwa wagaragaweho kunyereza imisoro". Ibikubiye muri iyi ngingo, bigaragaza ko Leta yatekereje k'udafite amikoro yo kwishyura umusoro ku mutungo utimukanwa. N'ufite ubutaka buvugwa mu ngingo ya 20 utabasha gutanga umusoro biturutse ku mpamvu ziteganywa n'ingingo ya 31 y'Itegeko N° 75/2018 ryavuzwe haruguru, nawe yasaba kuwusonerwa. Ibi biravanaho impungenge zagaragajwe n'urega na bamwe mu Nshuti z'Urukiko, ko hari abatazabasha kwishyura uwo musoro umutungo wabo ugatezwa cyamunara biturutse ku kubura amikoro.

[102] Ku bivugwa na Murangwa ko umusoro w'inyongera w'ijana ku ijana (100%) uteganywa mu ngingo ya 20, waba uri ku gipimo cyo hejuru, Urukiko ruributsa ibyo rwavuze mu rubanza RS/SPEC/0001/16/CS rwaciwe n'uru Rukiko ku wa 23/09/2016 aho rwagize ruti: "Urukiko ntirwavuga ko itegeko rinyuranyije n'Itegeko Nshinga rushingiye gusa ku kuba mu myumvire yarwo icyo itegeko ryari rigamije cyagerwaho hakoreshejwe ubundi buryo. Umuburanyi unenga itegeko

agomba kugaragaza ko inzira umushingamategeko yahisemo itumvikana, idasobanutse cyangwa se ko, ushyize mu gaciro, iyo nzira ntaho ihuriye n'intego itegeko ryashyiriweho. Ibi bijyanye n'ihame ry'uko inzego z'ubutegetsi bwa Leta zitandukanye kandi ko zigenga zikanubahana"²³. Uyu murongo wafashwe, Urukiko rusanga wakomeza gutyo no muri uru rubanza, rukaba rutasuzuma niba icyo gipimo cy'umusoro ari umurengera cyangwa kiri hasi nk'uko byagarutsweho n'urega na bamwe mu Nshuti z'Urukiko, ngo rubihuze no kunyuranya n'Itegeko Nshinga kuko ibirebana n'ingano y'igipimo cy'umusoro biri mu bubasha n'ubushishozi bw'Inteko Ishinga Amategeko²⁴.

[103] Muri rusange, utunze ikibanza cyagenewe inyubako afite uburenganzira busesuye bwo kugikoresha. Mu gihe yasabwa kwishyura umusoro w'inyongera kuko atagikoresheje, ntawishyure ku neza, ukishyuzwa ku ngufu, ntibyafatwa nko kubangamira uburenganzira buri muntu afite bwo gukoresha ubutaka bwe hakurikijwe ibiteganywa n'itegeko. Ibiteganywa n'ingingo ya 1 ya Protocol No 1 to the European Conventionon Human Rights, ni urugero rwiza rugaragaza ko kwishyuza umusoro bitagomba kwitiranywa no kubangamira uburenganzira bw'umuntu ku mutungo. Iyo ngingo igira iti: "Every natural or legal person is entitled to the peaceful enjoyment of his possessions. No one shall be deprived of his possessions except in the public interest and subject to the conditions provided for by law and by the general principles of international law. The preceding provisions shall not, however, in any way impair the right of a State to enforce such laws as it deems necessary to

²³ Urubanza RS/SPEC/0001/16/CS, AKAGERA Business, p.29.

²⁴ Reba ingingo ya 164 y'Itegeko Nshinga iteganya ko: Umusoro ushyirwaho, uhindurwa cyangwa ukurwaho n'itegeko. Nta sonerwa cyangwa igabanywa ry'umusoro rishobora gukorwa mu gihe bidateganywa n'itegeko.

control the use of property in accordance with the general interest or <u>to secure the payment of taxes or other contributions or</u> <u>penalties</u>".

[104] Nk'uko byasobanuwe hejuru, ishyirwaho ry'umusoro w'inyongera w'ijana ku ijana (100%) ku kibanza kitubatse, bijyanye no kuba utunze ubutaka aba atubahirije inshingano yo kububyaza umusaruro no kubukoresha ibyo bwagenewe. Kuba hari abatabasha kwishyura uwo musoro, basaba kuwusonerwa mu gihe bujuje ibisabwa n'ingingo ya 31 y'Itegeko N° 75/2018 ryo ku wa 07/09/2018 rigena inkomoko y'imari n'umutungo by'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage. Naho kuba uwo musoro waba uri ku gipimo kiri hejuru, ntibyafatwa nk'aho Itegeko riwushyiraho rinyuranye n'Itegeko N° 75/2018 ryo ku wa 07/09/2018 rigena inkomoko y'imari n'umutungo by'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage. Nshinga. Kubera izi mpamvu, Urukiko rusanga ingingo ya 20 y'Itegeko N° 75/2018 ryo ku wa 07/09/2018 rigena inkomoko y'imari n'umutungo by'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage itanyuranye n'ingingo ya 34 n'iya 35 z'Itegeko Nshinga.

[105] Nubwo ingingo ya 20 y'Itegeko N° 75/2018 rimaze kuvugwa itanyuranye n'Itegeko Nshinga nkuko byasobanuwe, Urukiko rusanga imyandikire yayo yakuzuzwa hagashyirwamo ibirebana n'igihe ubutaka bwamara budakoreshwa bukabona gusoreshwa umusoro w'inyongera, no kuba umusoro w'inyongera utatangwa igihe bigaragara ko hari impamvu yumvikana ituma budakoreshwa nk'uko bimeze ku ngingo ya 58 y'Itegeko N° 43/2013 ryo kuwa 16/06/2013 rigenga ubutaka mu Rwanda ivuga ku birebana n'ubutaka bushobora kwamburwa nyirabwo.

III. ICYEMEZO CY'URUKIKO

[106] Rwemeje ko ikirego cyatanzwe na Murangwa Edward gifite ishingiro kuri bimwe.

[107] Rwemeje ko ingingo ya 16 y'Itegeko N° 75/2018 ryo ku wa 07/09/2018 rigena inkomoko y'imari n'umutungo by'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage, itanyuranyije n'ingingo ya 15 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda.

[108] Rwemeje ko ingingo ya 16 y'Itegeko N° 75/2018 ryo ku wa 07/09/2018 rigena inkomoko y'imari n'umutungo by'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage itanyuranyije n'ingingo ya 16 y'Itegeko Nshinga.

[109] Rwemeje ko ingingo ya 17 y'Itegeko N° 75/2018 ryo ku wa 07/09/2018 rigena inkomoko y'imari n'umutungo by'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage, itanyuranyije n'ingingo ya 15, n'iya 16 z'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda.

[110] Rwemeje ko ingingo ya 19 y'Itegeko N° 75/2018 ryo ku wa 07/09/2018 rigena inkomoko y'imari n'umutungo by'inzego z'imitegekere y'igihugu zegerejwe abaturage, inyuranyije n'ingingo ya 15 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda, bityo iyo ngingo ya 19 ikaba nta gaciro igifite nk'uko biteganywa n'ingingo ya 3 y'Itegeko Nshinga.

[111] Rwemeje ko ingingo ya 20 y'Itegeko N° 75/2018 ryo ku wa 07/09/2018 rigena inkomoko y'imari n'umutungo by'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage itanyuranyije n'ingingo ya 34 n'iya 35 z'Itegeko Nshinga.

[112] Rutegetse ko uru rubanza rutangazwa mu igazeti ya Leta.

IMANZA ZEREKERANYE N'IMIBURANISHIRIZE Y'IMANZA

IMANZA ZEREKERANYE N'IMIBURANISHIRIZE Y'IMANZA Z'IMBONEZAMUBANO, IZ'UBUCURUZI, IZ'UMURIMO N'IZ'UBUTEGETSI

MPORANYI v. USENGIMANA

[Rwanda URUKIKO RW'IKIRENGA – RCOMAA 0014/15/CS (Kayitesi, P.J., Karimunda na Ngagi, J.) 23 Kamena 2017]

Amategeko agenga imiburanishirize y'imanza z'ubucuruzi – Izina ry'ubucuruzi – Ububasha bwo kurega mu Rukiko – Izina ry'ubucuruzi ntirigira ubuzimanagatozi ku buryo ryatanga ikirego mu rukiko, ahubwo ikirego gitangwa na nyir'ubucuruzi mw'izina rye kuko ari we ufite ubuzimagatozi bumuhesha ububasha bwo kurega arengera inyungu z'ubucuruzi bwe akorera muri iryo zina.

Incamake y'ikibazo: Entreprise Usengimana Richard yaguze imigabane muri SORAS Group Ltd, nyuma iza kurega umuyobozi wayo Mporanyi Charles mu Rukiko rw' Ubucuruzi rwa Nyarugenge ivuga ko yamuhenze ubwo yamugurishaga imigabane muri SORAS Group Ltd, inasaba Urukiko kumuhatira kwishyura ikinyuranyo cy'igiciro yaguriyeho imigabane. Uru Rukiko rwabanje gusuzuma ibijyanye no kumenya niba Entreprise Usengimana Richard ifite ububasha bwo kurega, rusanga atari sosiyete y'ubucuruzi cyangwa ikigo gifite ubuzimagatozi ku buryo yakwemererwa kurega cyangwa kuregwa, ahubwo ari izina ry'ubucuruzi rihesha nyiraryo ububasha bwo kurega ku giti cye, kubwibyo, Urukiko rwemeza ko ikirego kitakiriwe.

Entreprise Usengimana ntiyishimiye imikirize y'urubanza maze ijurira mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi ivuga ko Urukiko rubanza rwanze kwakira ikirego cyayo kubwo kwirengagiza amategeko n'ibimenyetso yarushyikirije ivuga ko iyo *entreprise* yanditswe muri *Rwanda Development Board* kandi ikaba ifite ubuzimagatozi. Mporanyi nawe yatanze inzitizi yo kutakira ubujurire bwa Entreprise Usengimana avuga ko itujuje ibisabwa kugirango yitwe umuburanyi.

Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwemeje ko ubujurire bwa Entreprise Usengimana bukwiye kwakirwa kuko rwasanze ntakigaragaza ko iyo entreprise itandukanye na nyirayo, Urukiko rwemeza ko ikirego cya Entreprise Usengimana cyagombaga kwakirwa kuko Usengimana ari izina akoresha mu bucuruzi bwe, akaba afite ubuzimagatozi, bityo ko adakwiye kwangirwa gutanga ikirego akoresheje izina ry'ubucuruzi bwe, bityo ko ikirego kigomba gusubira mu Rukiko rw'Ubucuruzi rwa Nyarugenge maze rukaburanishwa.

Mporanyi Charles ntiyanyuzwe, maze ajurira mu Rukiko rw'lkirenga avuga ko Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwatandukiriye ruvuga ko Entreprise Usengimana itagomba gutandukanywa na nyirayo, kubera ko izina ry'ubucuruzi ritarega kuko riba ridafite ubuzima gatozi, ahubwo harega nyiraryo. Entreprise Usengimana Richard yisobanura ivuga ko isanga nta kiyibuza nka *institution* kugira ubuzima gatozi kuko ari izina ry'ubucuruzi ryatanzwe n'urwego rwa Leta rubifitiye ububasha.

Mporanyi charles yasabye indishyi zo gushorwa mu manza nta mpamvu, naho Entreprise Usengimana yo ikavuga ko nta shingiro zifite kuko icyo avoka ahemberwa ari ugukurikirana urubanza.

Incamake y'icyemezo: 1. Izina ry'ubucuruzi ntirigira ubuzimanagatozi ku buryo ryatanga ikirego mu Rukiko, ahubwo ikirego gitangwa na nyir'ubucuruzi mw'izina rye kuko ari we ufite ubuzimagatozi bumuhesha ububasha bwo kurega arengera inyungu z'ubucuruzi bwe akorera muri iryo zina.

64

Ubujurire bufite ishingiro. Ikirego cyatanzwe na Entreprise Usengimana Richard nticyagombaga kwakirwa; Urubanza rwajuririwe ruvanyweho; Amagarama aherereye kuri Entreprise Usengimana.

Amategeko yashingiweho:

Itegeko N° 21/2012 ku wa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, ingingo ya 2. Itegeko N° 07/2009 ryo ku wa 27/04/2009 ryerekeye amasosiyete y'ubucuruzi, ingingo ya 375.

Imanza zifashishijwe:

- Julia Shop v Ecobank Rwanda Ltd, RCOMAA 0042/14/CS, rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 18/03/2016 igika cya 19 na 22.
- Association Momentanée SOBETRA SARL & SOBTRA (U) Ltd v Office Rwandais des Recettes (RRA), RCOMA 0064/11/CS rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 28/11/2012, igika cya 16.
- Free Zone, Co, Ltd v Association Momentanée (Joint Venture) «H3E»RCOMA 0064/12/CS rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 03/06/2016, igika cya 39.

Urubanza

I. IMITERERE Y'URUBANZA

[1] Uru rubanza rwatangiriye mu Rukiko rw'Ubucuruzi rwa Nyarugenge, Entreprise Usengimana Richard isaba ko Mporanyi Charles ahatirwa kwishyura 318.433.000Frw y'ikinyuranyo cy'igiciro cy'imigabane yayo yaguze muri SORAS Group Ltd, kubera ko Entreprise Usengimana Richard ivuga ko yahenzwe ubwo yagurishwaga imigabane 4.260.

[2] Urwo Rukiko rwabanje gusuzuma ibijyanye no kumenya niba Entreprise Usengimana Richard ifite ububasha bwo kurega, rusanga atari sosiyete y'ubucuruzi cyangwa ikigo gifite ubuzimagatozi ku buryo yakwemererwa kurega cyangwa kuregwa, ahubwo ari izina ry'ubucuruzi rihesha nyiraryo ububasha bwo kurega ku giti cye, rwemeza ko ikirego cya Entreprise Usengimana Richard kitakiriwe.

[3] Entreprise Usengimana Richard yajuririye Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi ivuga ko Urukiko rubanza rwanze kwakira ikirego cyayo kubwo kwirengagiza amategeko n'ibimenyetso yarushyikirije kuko nubwo ari iya Usengimana Richard, iyo «entreprise» yanditswe muri *Rwanda Development Board* kandi ifite ubuzimagatozi.

[4] Mporanyi Charles yabanje gutanga inzitizi yo kutakira ubujurire bwa Entreprise Usengimana Richard avuga ko itujuje ibisabwa kugirango yitwe umuburanyi hashingiwe ku biteganywa n'ingingo ya 18 y'Itegeko N° 07/2009 ryo ku wa 27/04/2009 ryerekeye amasosiyete y'ubucuruzi ryariho ikirego gitangwa, n'ingingo ya 2, iya 142 n'iya 355, agace ka 10, z'Itegeko N°21/2012 ryo ku wa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi.

Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwasanze ntakigaragaza [5] ko Entreprise Usengimana Richard itandukanye na nyirayo, kuko atari ishyirahamwe, umuryango cyangwa ikigo bisabwa inyungu, ububasha n'ubushobozi bwo kurega nk'uko biteganywa n'ingingo ya 2 y'Itegeko Nº 21/2012 ryo ku wa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, bityo ko itagomba no gusabwa ibiteganywa n'ingingo ya 18 y'Itegeko Nº07/2009 ryo ku wa 27/04/2009 ryerekeye amasosiyete y'ubucuruzi kugirango igire ububasha n'ubushobozi byo gutanga ikirego, rwanzura ko ntakibuza Entreprise Usengimana Richard cyangwa Usengimana Richard ubwe kugira ububasha n'ubushobozi bwo kurega no kuregwa kuko ari izina ry'ubucuruzi ry'umuntu ku giti cye, ubujurire bwe bukaba bukwiye kwakirwa, bukaburanishwa mu mizi.

[6] Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwakomereje iburanisha ku kibazo cy'ububasha (qualité), mu cyemezo RCOMA 500/15/HCC cyafashwe ku wa 31/10/2014, rusanga Entreprise Usengimana Richard ari izina Usengimana Richard akoresha mu bucuruzi bwe, bityo ko mu gihe Usengimana Richard ubwe afite ubuzimagatozi adakwiye kwangirwa gutanga ikirego akoresheje izina ry'ubucuruzi bwe, rwemeza ko ikirego cyagombaga kwakirwa, rutegeka ko urubanza rusubira mu Rukiko rw'Ubucuruzi rwa Nyarugenge kugira ngo ruburanishwe.¹

¹ Urukiko rwashingiye ku ngingo ya 171 y'Itegeko N^O 21/2012 ryo ku wa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi.

[7] Mporanyi Charles ntiyanyuzwe n'icyo cyemezo akijuririra mu Rukiko rw'Ikirenga avuga ko:

a) Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwibeshye ruvuga ko Entreprise Usengimana Richard ari izina ry'ubucuruzi ryakoreshwa nk'izina bwite nyamara Entreprise Usengimana Richard yaravugaga ko ifite ubuzima gatozi butandukanye n'ubwa nyirayo kuko yanditswe muri *Rwanda Development Board*.

rw'Ubucuruzi b) Urukiko Rukuru rwavuze ko Richard adakwiye Usengimana gutandukanywa n'ibikorwa bye by'ubucuruzi akora mu izina rya Entreprise Usengimana Richard nyamara iyo « entreprise » atari izina ry'ubucuruzi rifite ubuzima gatozi nkuko urwo Rukiko rwabivuze ku buryo ryagira ububasha bwo kurega mu mwanya wa nyiraryo kuko urega agomba no kugira umwirondoro wuzuye ugaragaza ko ari umuntu (personne morale ou physique dotée de personnalité juridique), kandi ibyo bikaba bidafitwe na Entreprise Usengimana Richard.

[8] Iburanisha mu ruhame ryabaye ku wa 04/10/2016, Mporanyi Charles aburanirwa na Me Ruzindana Ignace naho Entreprise Usengimana Richard iburanirwa na Me Idahemuka Tharcisse.

[9] Urukiko rwabanje gusuzuma inzitizi y'iburabubasha yazamuwe na Me Idahemuka Tharcisse wavugaga ko nta gaciro k'ikiburanwa ka nibura 50.000.000Frw kagenwe n'Inkiko zibanza cyangwa se ngo kabe karagiweho impaka, ariko ko niyo ubujurire bwaba buri mu bubasha bw'uru Rukiko butakwakirwa kuko hajuririwe icyemezo cy'agateganyo ku nzitizi kandi bene ibyo byemezo bijuririrwa hamwe n'urubanza mu mizi.

[10] Mu rubanza rubanziriza urundi rwaciwe ku wa 11/11/2016, Urukiko rwasanze inzitizi zatanzwe nta shingiro zifite, rwemeza ko iburanisha mu mizi rizakomeza ku wa 21/01/2017. Uwo munsi ugeze, Me Mugabonabandi Jean Maurice yabwiye Urukiko ko yasimbuye Me Idahemuka Tharcisse wivanye mu manza zose za Entreprise Usengimana Richard kandi ko, uretse kuba aribwo akibona dosiye, Urugaga rw'aba Avoka rutaramwemerera kuburana urwo rubanza, asaba ko rwimurwa kugirango yitegure iburanisha ariko anabone uruhushya rwo kuburana.

[11] Iburanisha ryimuriwe ku wa 21/03/2017. Uwo munsi usanga inteko ituzuye, rwimurirwa ku wa 23/05/2017. Kuri uwo munsi, iburanisha ribera mu ruhame, Mporanyi Charles aburanirwa na Me Ruzindana Ignace naho Entreprise Usengimana Richard iburanirwa na Me Mugabonabandi Jean Maurice wabanje kumenyesha Urukiko ko yasubiye ku rwandiko rwe rwageze ku Rukiko ku wa 17/03/2017 aho yavugaga ko yivanye mu rubanza kubera ko atari gushobora kubahiriza ibyo yasabwaga n'Urugaga rw'Abavoka kugirango aruburane.

II. IKIBAZO KIGIZE URUBANZA N'ISESENGURWA NGURWA RYACYO

II.1. Kumenya niba Entreprise Usengimana Richard yari ifite ububasha bwo kuregera Urukiko

[12] Me Ruzindana Ignace, uburanira Mporanyi Charles, avuga ko Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwatandukiriye ruvuga ko Entreprise Usengimana Richard itagomba gutandukanywa na nyirayo aho kwemeza cyangwa gutesha agaciro ibyavugwaga n'ubu bikivugwa na Usengimana Richard ko Entreprise Usengimana Richard ari «société» cyangwa «institution». Asobanura ko izina ry'ubucuruzi ritarega kuko riba ridafite ubuzima gatozi ahubwo ko harega nyiraryo, uyu akaba ari nawo murongo uru Rukiko rwatanze mu rubanza *Rwanda Free Zone, Co, Ltd yaburanaga na Association momentanée (joint-venture),* akaba arusaba gushingira kuri uwo murongo no ku ngingo ya 2 y'Itegeko N° 21/2012 ryo ku wa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, rukemeza ko Entreprise Usengimana Richard idafite ububasha bwo kurega, rugatesha agaciro urubanza rwajuririwe hakagumaho imikirize y'urubanza rwaciwe n'Urukiko rw'Ubucuruzi rwa Nyarugenge.

Me Mugabonabandi Jean Maurice, uburanira Entreprise [13] Usengimana Richard, avuga ko Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rutatandukiriye kuko rwaciye urubanza ku kibazo cy'ububasha (qualité) rwari rwashikirijwe, rukaba rutari rutegetswe kugendera ku mvugo z'ababuranyi gusa. Asobanura ko yasobanuje muri Rwanda Development Board bamubwira ko ibyangombwa bihabwa za «entreprises» ari «certificats», ko nubwo byamuteye urujijo kuko bamubwiye ko bihabwa abacuruzi baciriritse, asanga nta kibuza Entreprise Usengimana Richard nka «institution» kugira ubuzima gatozi kuko ari izina ry'ubucuruzi ryatanzwe n'urwego rwa Leta rubifitiye ububasha, ariko ko uru Rukiko ruramutse rubibonye ukundi, rwakwemeza ko «certificat» yahawe Entreprise Usengimana Richard, nk'izina ry'ubucuruzi, iyihesha ububasha bwo gukora amasezerano, kugura no kugurisha imigabane ikwiye no kuyihesha ububasha bwo kurega mu Rukiko nk'uko byemejwe mu gika cya gatanu cy'urubanza rujuririrwa.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[14] Ingingo ya 2 y'Itegeko N°21/2012 ku wa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi iteganya ko ikirego kitemerwa mu Rukiko iyo urega adafite ububasha, inyungu n'ubushobozi bwo kurega.

[15] Ingingo ya 375 y'Itegeko N° 07/2009 ryo ku wa 27/04/2009 ryerekeye amasosiyete y'ubucuruzi ryakurikizwaga ikirego gitangwa, iteganya ko ibyerekeye iyandikisha, imiterere n'imikorere by'ibikorwa by'ubucuruzi bukorwa n'abantu badashobora kwinjiza nibura ibihumbi icumi ku munsi (10.000 Frw) bigenwa n'Iteka rya Minisitiri ufite ubucuruzi mu nshingano ze.

[16] Ingingo ya 2 y'Iteka rya Minisitiri N°02/09/MINICOM ryo ku wa 08/05/2009 ryerekeye ubucuruzi bukorwa n'abantu badafite ubushobozi buhagije, ivuga ko igikorwa cy'ubucuruzi hakurikijwe iri teka ni igikorwa cy'umuntu wese yaba umugore cyangwa umugabo ukora ibikorwa by'ubucuruzi, byanditswe hakurikijwe ibiteganywa n'iri teka harimo kugura no kugurisha, gutanga serivisi cyangwa se ikindi gikorwa icyo aricyo cyose mu buryo buhoraho gikorwa hagamijwe kubona inyungu.

[17] Inyandiko zigize dosiye y'urubanza zigaragaza ko ku wa 17/03/2014, mu izina ry'umuyobozi wayo, Entreprise Usengimana Richard ibaruwe kuri *«Enterprise code »* 100058249, yareze uwitwa Mporanyi Charles mu Rukiko rw'Ubucuruzi rwa Nyarugenge, isaba ko rumuhatira kwishyura 318.433.000Frw akomoka ku kinyuranyo cy'igiciro cya

276.900.000Frw cy'imigabane 4260 yamugurishije akishyura 595.335.000Frw n'indishyi zitandukanye (cote 6).

[18] Inyandiko zigize dosiye y'urubanza zigaragaza kandi ko ku wa 10/07/2011, Ikigo gishinzwe Iterambere mu Rwanda (RDB), gishingiye ku ngingo ya 10 y'Iteka rya Minisitiri No 02/09/MINICOM ryo ku wa 08/05/2009 ryerekeye ubucuruzi bukorwa n'abantu badafite ubushobozi buhagije,² cyahaye Entreprise Usengimana Richard icyemezo cy'iyandikishwa "*Certificate of Entreprise Registration*", yandikwa kw'izina (Enterprise Name) rya Usengimana Richard, igomba gukorera kw'izina ry'ubucuruzi (Business Name) rya Usengimana Richard (cote 62).

[19] rurasanga Iteka Minisitiri No Urukiko rya 02/09/MINICOM ryo ku wa 08/05/2009 ryibukijwe hejuru ryashingiweho Entreprise Usengimana Richard ihabwa icyemezo cy'iyandikishwa ryerekeye ubucuruzi bukorwa n'abantu ku giti cyabo, ingingo ya mbere y'iryo Teka ikaba isobanuye neza ko rireba iyandikisha, imiterere n'imikorere bv'ibikorwa by'Ubucuruzi bukorwa n'abantu badashobora kwinjiza nibura amafaranga ibihumbi cumi (10.000frw) ku munsi, ingingo yaryo ya 10 ikaba ivuga ko mu kwandika bene aba bacuruzi mubyo bagaragaza harimo amazina y'uwiyandikisha, izina ry'ubucuruzi igikorwa cy'ubucuruzi gikorerwamo n'iry'umucuruzi,

² Iyo ngingo iteganya ko «Icyemezo cy'iyandikwa kigomba kugaragaza ibi bikurikira : a) - Inimero y'iyandikwa ry'igikorwa cy'ubucuruzi; b) Amazina y'uwiyandikisha; c) Izina ry'ubucuruzi, igikorwa cy'ubucuruzi gikorerwamo n'iry'umucuruzi d) - Isobanura rigufi kandi ryumvikana ry'igikorwa cy'ubucuruzi cyandikishijwe; e)Icyicaro y'ubucuruzi n'aho bukorerwa; f) Itariki igaragaza igihe icyemezo gitangiwe; g) Umukono na kashe by'Umwanditsi Mukuru cyangwa abamuhagarariye; h)Urwego igikorwa cy'ubucuruzi kibarirwamo.»

byumvikanisha ko umucuruzi wiyandikishije muri ubu buryo atafatwa ko aba yandikishije sosiyete y'ubucuruzi ahubwo abikora agamije gushyira ku mugaragaro (formaliser) ibikorwa bye by'ubucuruzi.

Urukiko rurasanga rero kuba Enterprise Usengimana [20] Richard ari izina ry'ubucuruzi bivuze ko yo ubwayo nta buzimagatozi ifite ku buryo yatanga ikirego mu Rukiko, ariyo mpamvu ikirego kigomba gutangwa na nyir'ubucuruzi cyangwa nyiri «entreprise » ariwe Usengimana Richard kuko ari we ufite ubuzimagatozi bumuhesha ububasha bwo kurega arengera inyungu z'ubucuruzi bwe akorera muri iryo zina. Uyu murongo kandi niwo uru Rukiko rwakomeje gushimangira mu manza zitandukanye nko mu rubanza Julia Shop yaburanaga na Ecobank Rwanda Ltd,³ urwo Association Momentanée SOBETRA SARL & SOBTRA (U) Ltd yaburanaga na Office Rwandais des Recettes (RRA)⁴ n'urwo Rwanda Free Zone, Co, Ltd yaburanaga na Association Momentanée (Joint Venture) «H3E»,⁵ aho rwagiye ruvuga ko izina ry'ubucuruzi cyangwa ishyirahamwe ry'igihe gito ridafite ubuzimanagatozi bitagira uburenganzira cyangwa inshingano imbere y'amategeko, bivuze ko bidashobora kurega mu Inkiko ahubwo ko nyir'ubucuruzi ari we ushobora kurega mu mwanya w'izina rye ry'ubucuruzi cyangwa w'ishyirahamwe rye kandi ko iyo bitakozwe bityo Urukiko

³ Reba urubanza RCOMAA 0042/14/CS hagati ya Julia Shop na Ecobank Rwanda Ltd rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 18/03/2016 igika cya 19 na 22.

⁴ Urubanza Nº RCOMA 0064/11/CS rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 28/11/2012, igika cya 16.

⁵ Urubanza N^o RCOMA 0064/12/CS rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 03/06/2016, igika cya 39.

rukwiye gufata ko rwaregewe n'udafite ububasha rukemeza ko ikirego kitakiriwe.

[21] Urukiko rurasanga kandi uyu murongo ari nawo ushimangirwa n'abahanga mu mategeko y'ubucuruzi aho bavuga ko ubucuruzi bw'umuntu ku gite cye budashobora kugira ubuzimagatozi butandukanye n'ubw'ubukora kandi ko «*entreprise*» y'umuntu yandikishijwe nk'izina ry'ubucuruzi idafite ububasha bwo kwitangira ikirego ubwayo ahubwo ko harega nyirayo mu izina rye, nabyo bishimangira ko Entreprise Usengimana Richard itari ifite ububasha bwo kurega,⁶⁷ bityo ikirego cyayo kikaba kitaragombaga kwakirwa.

[22] Urukiko rurasanga Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwaribeshye aho rwavuze, mu gika cya gatanu cy'urubanza rujuririrwa, ko Usengimana Richard "*adakwiye kwangirwa gutanga ikirego akoresheje iryo zina [Entreprise Usengimana Richard], yemerewe kwitwa mu bikorwa bye by'ubucuruzi [...] kuko iryo zina ari iry'umuntu ufite ubizima gatozi [...]," kubera*

⁶ « L'entreprise individuelle est donc celle exploitée par un commerçant physique seul, c'est-à-dire sans associé. [...] une telle entreprise individuelle n'a pas de personnalité juridique distincte de celle de la personne physique qui l'exploite. L'entreprise individuelle, à la différence de la société n'a donc pas la personnalité morale. » Jean-Pierre BERTREL et Marina BERTREL, Droit des sociétés, in Droit de l'Entreprise, Paris, Wolters Kluwer France SAS, 2010, p.382. « [....] l'entreprise individuelle ne possède pas de la personnalité juridique et n'est pas sujet de droit. En conséquence, elle ne peut pas être titulaire de droits réels et fait partie du patrimoine personnel de l'entrepreneur. Elle ne peut également pas ester en justice. Les actions en justice sont intentées par l'entrepreneur. » Reba Le commerçant, entrepreneur individuel « traditionnel http://www.distripedie.com/distripedie/spip.php » kuri [byasomwe ku wa 20/06/2017].

ko, nk'uko byasobanuwe haruguru kandi byemejwe n'Urukiko rw'Ubucuruzi rwa Nyarugenge, iryo zina ubwaryo nta buzimagatozi rifite ku buryo ryaregera Urukiko, hagombaga kurega Usengimana Richard nyir'ubucuruzi, bivuze ko hashingiwe ku biteganywa n'ingingo ya 2 igika cya 1 y'Itegeko N° 21/2012 ryo ku wa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi hareze udafite ububasha ariyo mpamvu ikirego kitagombaga kwakirwa.

[23] Hashingiwe ku ngingo z'amategeko n'ibisobanuro byatanzwe haruguru Urukiko rurasanga, urubanza RCOMA 500/14/HCC rwaciwe n'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi ku wa 31/10/2014 rugomba guteshwa agaciro rukavaho, Usengimana Richard yazifuza kurega akazatanga ikirego mu izina rye aho gutanga ikirego mu izina ry'umuyobozi wa Entreprise Usengimana Richard.

II.2. Kumenya niba Mporanyi Charles yahabwa indishyi asaba.

[24] Me Ruzindana Ignace avuga ko Mporanyi Charles yashowe mu manza nta mpamvu akaba abisabira amafaranga y'ikurikiranarubanza ya 1.000.000Frw n'igihembo cya Avoka kingana na 2.000.000Frw mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi no mu Rukiko rw'Ikirenga.

[25] Me Mugabonabandi Jean Maurice avuga ko amafaranga y'ikurikiranarubanza Mporanyi Charles asaba nta shingiro afite kuko icyo Avoka ahemberwa ari ugukurikirana urubanza, ahubwo ko asaba uru Rukiko kuvuga ko Entreprise Usengimana Richard yari ifite ububasha bwo kurega nk'uko Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwabibonye, rukagenera Entreprise Usengimana Richard igihembo cya Avoka cya 1.000.000Frw.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[26] Urukiko rurasanga amafaranga y'ikurikiranarubanza n'igihembo cya Avoka asabwa na Mporanyi Charles ayakwiriye kuko yagombye gukurikirana iby'uru rubanza kandi yiyambaza Avoka uhembwa, cyakora kuba atagaragaza ibimenyetso by'uko ayo asaba ariyo akwiriye, mu bushishozi bw'Urukiko, akaba agenewe amafaranga ibihumbi magana atatu (300.000Frw) y'ikurikiranarubanza n'ibihumbi magana atanu (500.000Frw) y'igihembo cya Avoka, yose hamwe akaba ibihumbi magana inani (800.000Frw).

III. ICYEMEZO CY'URUKIKO

[27] Rwemeje ko ubujurire bwatanzwe na Mporanyi Charles bufite ishingiro;

[28] Rwemeje ko ikirego cyatanzwe na Entreprise Usengimana Richard kitagombaga kwakirwa;

[29] Rwemeje ko urubanza RCOMA 500/14/HCC rwaciwe n'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi ku wa 31/10/2014 rwajuririwe ruvuyeho;

[30] Rutegetse Entreprise Usengimana Richard guha Mporanyi Charles amafaranga y'ikurikiranarubanza angana n'ibihumbi magana atatu (300.000Frw) n'ay'igihembo cya Avoka angana n'ibihumbi magana atanu (500.000Frw), yose hamwe akaba ibihumbi magana inani (800.000Frw); [31] Rutegetse Entreprise Usengimana Richard gusubiza Mporanyi Charles amafaranga ibihumbi ijana (100.000Frw) y'ingwate y'amagarama yishyuye aregera uru Rukiko.

PASSAG COMPANY Ltd v. GTBANK Ltd N'UNDI

[Rwanda URUKIKO RW'UBUJURIRE – RCOMAA 00050/2018/CA (Karimunda, P.J., Munyangeri na Ngagi, J.) 26 Mata 2019]

Amategeko agenga amasosiyete – Umunyamigabane – Ububasha bwo kuregera inyungu za sosiyete – Umunyamigabane ushaka kurengera inyungu za sosiyete agomba kubanza kubiherwa uruhushya n'Urukiko – Umunyamigabane wabyemerewe n'Urukiko kuregera inyungu za sosiyete, ntatanga ikirego mw'izina rye bwite ahubwo agitanga mw'izina rya sosiyete abereye Umunyamigabane.

Incamake y'ikibazo: Sosiyete PASSAG COMPANY Ltd hamwe na sosiyete ECOMIL zakoranye amasezerano yo kwishyira hamwe (*joint venture*) maze zibyara sosiyete nshya yitwa ECOMIL-PASSAG Ltd, nukuvuga ko izi sosiyete ebyiri zahujwe zabaye abanyamigabane b'iyi sosiyete nshya. Nyuma yo kwishyira hamwe, batsindiye isoko bahawe na Minagri, bazafatanya kurikora, bafungura na konti muri FINA BANK SA ubu yitwa GTBANK RWANDA Ltd, bashyiraho abashyira umukono kuri iyo konti (*signatories*) harimo n'uwitwa Gatarayiha Augustin.

Ikibazo cyavutse ubwo Minagri yaje kwishyura imirimo yakozwe, amafaranga ashyirwa kuri konti ya ECOMIL-PASSAG Ltd muri GTBANK RWANDA LTD, maze ayo mafaranga abikuzwa n' umwe mu bashyira umukono kuri iyo konti (signatories) witwa Gatarayiha. PASSAG COMPANY Ltd nk'umunyamugabane yareze GTBANK mu Rukiko rw'Ubucuruzi ivuga ko ayo mafaranga yagombaga gukurwa kuri konti ari uko habonetse imikono y'abantu batatu muri bane bari bafite ububasha bwo kuyakuraho, asaba GTBANK kuyasubiza kuri konti ya sosiyete ECOMIL-PASSAG Ltd. Muri uru rubanza hagobokeshwamo Gatarayiha.

GTBANK RWANDA Ltd yazamuye inzitizi yo kutakira ikirego ivuga ko nta masezerano bafitanye ajyanye no gukoresha konti nk'umukiriya wayo, naho Gatarayiha we akavuga ko nta nyungu n'ububasha iyi sosiyete ifite bwo gutanga ikirego. Uru rukiko rwaciye urubanza rwemeza ko ikirego kitakiriwe kuko iyo sosiyete nta nyungu n'ububasha ifite bwo gutanga ikirego. PASSAG COMPANY Ltd ntiyishimiye imikirize y'urubanza ijurira mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi ivuga ko Urukiko rubanza rwafashe icyemezo rushingiye ku mpamvu zitigeze zigibwaho impaka maze uru Rukiko rwemeza ko ubujurire nta shingiro bufite.

Nanone, PASSAG COMPANY Ltd ntiyishimiye icyo cyemezo ijuririra Urukiko rw'Ikirenga. Urubanza rwimuriwe runaburanishwa mu Rukiko rw'Ubujurire nyuma yamavugurura y'inkiko.

Ivuga ko inkiko zibanza zavuze ko nta bubasha bwo kurega yari ifite, nyamara yari ibufite bushingiye kw'Itegeko ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi kandi ko idakwiye kuvutswa uburenganzira bwayo kuko igifite inyungu muri "joint venture".

GT Bank Ltd yo ivuga ko PASSAG COMPANY Ltd nta bubasha yari ifite bwo kuregera Urukiko kuko itandukanye na PASSAG ECOMIL Ltd kandi ko kuba PASSAG COMPANY Ltd ari umunyamigabane wa PASSAG-ECOMIL bitayiha ububasha bwo gutanga ikirego mu izina rya PASSAG ECOMIL. Gatarayiha avuga ko nta munyamigabane waregera ku giti cye ibya sosiyete abereye umunyamigabane, nawe akaba asanga nta bubasha iyo sosiyete ifite bwo kuregera ibintu bitari ibyayo.

Incamake y'icyemezo: 1. Umunyamigabane ushaka kuregera inyungu za sosiyete agomba kubanza kubiherwa uruhushya n'Urukiko

2. Umunyamigabane wabyemerewe n'Urukiko kuregera inyungu za sosiyete, ntatanga ikirego mw'izina rye bwite ahubwo agitanga mw'izina rya sosiyete abereye Umunyamigabane.

Ubujurire nta shingiro bufite; Imikirize y'urubanza rwajuririwe ntihindutse.

Amategeko yashingiyeho:

Itegeko N° 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, ingingo ya 2, Itegeko N° 21/2012 ryo ku wa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, ingingo ya 2, Itegeko N° 07/2009 ryo ku wa 27/04/2009 ryerekeye amasosiyete, ingingo ya 223 n'iya 224.

Nta manza zifashishijwe.

Ibitekerezo by'abahanga:

J. Héron, Droit judiciaire privé, Paris, Montchrestien, 1991, p. 51.

Urubanza

I.IMITERERE Y'URUBANZA

[1] PASSAG COMPANY Ltd na Misigaro Louis ukorera imirimo ye y'ubucuruzi ku izina rya ECOMIL bagiranye amasezerano yo guhuza sosiyete zabo (*Joint venture*), bashyiraho sosiyete nshya yitwa ECOMIL-PASSAG Ltd, bemeranywa ko bazafatanya isoko bahawe na MINAGRI i Nyamugali, Akarere ka Kirehe, nyuma bafungura konti muri FINA BANK S.A, ubu yitwa GT BANK RWANDA Ltd, bashyiraho n'abasinyateri (*signataires*) barimo uwitwa Gatarayiha Augustin.

[2] Ikibazo cyavutse ubwo ku wa 16/02/2013, hari 72.534.548 Frw, MINAGRI yishyuye ECOMIL-PASSAG Ltd, GT BANK RWANDA Ltd ikayaha Gatarayiha Augustin, PASSAG COMPANY Ltd ivuga ko ayo mafaranga yagombaga gukurwa kuri konti ari uko habonetse imikono y'abantu batatu muri bane bari bafite ububasha bwo kuyakuraho, bituma igana inkiko.

[3] Urubanza rwatangiriye mu Rukiko rw'Ubucuruzi rwa Nyarugenge, PASSAG COMPANY Ltd irega GT BANK RWANDA Ltd yahoze yitwa FINA BANK Ltd isaba ko Urukiko ruyitegeka gusubiza kuri konti ya ECOMIL-PASSAG Ltd amafaranga yavuzwe haruguru, urubanza rugobokeshwamo Gatarayiha Augustin. Mu iburanisha ry'urubanza, GT BANK RWANDA Ltd yatanze inzitizi isaba ko ikirego cyatanzwe na PASSAG COMPANY Ltd kitakirwa kuko nta masezerano ajyanye no kugira no gukoresha konti nk'umukiriya wayo bafitanye, Gatarayiha Augustin nawe avuga ko nta nyungu n'ububasha iyi sosiyete ifite bwo gutanga ikirego ndetse ko nta n'ikimenyetso igaragaza cy'uko ari sosiyete iriho mu buryo bukurikije amategeko yo mu Rwanda.

[4] Ku wa 19/07/2016, Urukiko rw'Ubucuruzi rwa Nyarugenge rwaciye urubanza RCOM 00445/2016/TC/NYGE, rwemeza ko ikirego cya PASSAG COMPANY Ltd kitakiriwe kuko nta nyungu n'ububasha ifite bwo gutanga ikirego, ruvuga ko icyo iregera atari uburenganzira bwite yavukijwe, ahubwo ari umutungo wa ECOMIL-PASSAG Ltd, kandi ko nk'uko biteganywa mu mategeko y'u Rwanda, umunyamigabane ushaka gutanga ikirego agomba kubanza kubisaba Urukiko. Urukiko rw'Ubucuruzi rwa Nyarugenge kandi, rwemeje ko icyemezo cyo gufatira amafaranga aburanwa cyari cyafashwe gikuweho.

[5] PASSAG COMPANY Ltd ntiyishimiye imikirize y'urubanza, ijuririra Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi ivuga ko Urukiko rubanza rwafashe icyemezo rushingiye ku mpamvu zitigeze zigibwaho impaka mu iburanisha ry'urubanza, ku wa 02/02/2018, urwo Rukiko ruca urubanza N° RCOMA 00461/2017/CHC/HCC, rwemeza ko ubujurire bwa PASSAG COMPANY Ltd nta shingiro bufite, ruyitegeka guha GT BANK RWANDA Ltd na GATARAYIHA Augustin, buri wese, 500.000 Frw y'ikurikiranarubanza n'igihembo cya Avoka, ruhamishaho imikirize y'urubanza rwajuririwe.

[6] PASSAG COMPANY Ltd ntiyishimiye icyemezo cyafashwe n'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi, ijuririra Urukiko rw'Ikirenga ivuga ko idakwiye kuvutswa uburenganzira bwayo kuko igifite inyungu muri "*joint venture*" kandi ko itemera inyandikomvugo iha Gatarayiha Augustin uburenganzira bwo kuba "*signataire*" kuri konti ya ECOMIL-PASSAG Ltd, inavuga ko itigeze ihabwa uburenganzira bwo kuyisobanuraho.

[7] Nyuma y'ivugururwa ry'inkiko ubujurire bwayo bwoherejwe mu Rukiko rw'Ubujurire hashingiwe ku biteganywa n'ingingo ya 105 y'Itegeko N° 30/2018 ryo ku wa 02/06/2018 rigena ububasha bw'inkiko.

Urubanza rwaburanishijwe mu ruhame [8] ku wa 05/02/2019, PASSAG COMPANY Ltd ihagarariwe na Me Gabiro David, Gatarayiha Augustin ahagarariwe na Me Pierre Claver Zitoni hamwe na Me Mbarushimana Jean Marie Vianney, GT BANK RWANDA Ltd ihagarariwe na Me Bimenyimana Eric, habanza gusuzumwa inzitizi y'iburabubasha bw'Urukiko rwajuririwe yatanzwe na GT BANK RWANDA Ltd ivuga ko PASSAG COMPANY Ltd yatsinzwe ku mpamvu zimwe ku rwego rwa mbere n'urwa kabiri, ariko Urukiko ruyisuzumye rusanga nta shingiro ifite, rwemeza ko urubanza ruzaburanishwa mu mizi ku wa 27/03/2019. Iyo tariki igeze, urubanza rwaburanishijwe mu ruhame, PASSAG COMPANY Ltd ihagarariwe na Me Muhirwa Ngabo Audace, abandi bahagaririwe nka mbere.

II. IBIBAZO BIGIZE URUBANZA N'ISESENGURA RYABYO

1. Kumenya niba PASSAG COMPANY Ltd yari ifite ububasha bwo kurega

[9] Me Muhirwa Ngabo Audace, uburanira PASSAG COMPANY Ltd, avuga ko Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwavuze ko PASSAG COMPANY Ltd nta bubasha bwo kurega yari ifite, nyamara yari ibufite bushingiye ku ngingo ya 2 y'Itegeko N° 21/2012 ryo ku wa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi,

iz'umurimo n'iz'ubutegetsi¹ ryakurikizwaga ubwo PASSAG COMPANY Ltd yatangaga ikirego mu Rukiko rw'Ubucuruzi rwa Nyarugenge. Avuga ko Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rutagombaga gushingira gusa ku Itegeko rigenga amasosiyete, ahubwo ko rwagombaga no gushingira ku itegeko ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi.

[10] Me Bimenyimana Eric, uburanira GT Bank Ltd, avuga ko PASSAG COMPANY Ltd nta bubasha yari ifite bwo kuregera Urukiko kuko itandukanye na PASSAG-ECOMIL Ltd. Avuga ko kuba PASSAG COMPANY Ltd ari umunyamigabane wa PASSAG-ECOMIL bitayiha ububasha bwo gutanga ikirego mu izina rya PASSAG-ECOMIL nk'uko inkiko zibanza zabibonye zishingiye ku ngingo ya 223 y'Itegeko ryagengaga amasosiyete, akaba asanga nta kosa Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwakoze rwemeza ko PASSAG COMPANY Ltd nta bubasha yari ifite bwo kuregera Urukiko rw'Ubucuruzi rwa Nyarugenge.

[11] Me Zitoni Pierre Claver uhagarariye Gatarayiha Augustin, avuga ko yemeranya n'ibyo Me Bimenyimana Eric avuga, akongeraho ko ashingiye ku ngingo ya 23 y'Itegeko rigenga amasosiyete y'ubucuruzi, nta munyamigabane waregera ku giti cye ibya sosiyete abereye umunyamigabane. Me Mbarushimana Jean Marie Vianney nawe uhagaririye Gatarayiha Augustin, avuga ko yemeranya na bagenzi be kuko asanga nta bubasha PASSAG COMPANY Ltd yari ifite bwo kuregera ibintu bitari ibyayo.

¹ Iyi ngingo yahindutse iya 3 mu Itegeko N° 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[12] Ingingo ya 2, igika cya mbere, y'Itegeko N^o 21/2012 ryo ku wa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi yakurikizwaga ubwo PASSAG COMPANY Ltd yatangaga ikirego iteganya ko: "*Ikirego nticyemerwa mu nkiko iyo urega adafite ububasha, inyungu n'ubushobozi bwo kurega*".

[13] Naho ingingo ya 2, agace ka 7°, y'Itegeko N° 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi isobanura ububasha nk'uburenganzira umuntu ahabwa n'amategeko akabukoresha arengera inyungu iye n'iyi mu rukiko cyangwa yumvikanisha ibyo asaba cyangwa arwanya ibisabwa n'undi.

[14] Abahanga mu mategeko nabo basobanura ububasha nk'uburenganzira bwo kuregera inkiko buhabwa umuntu wese ubona ko uko ahagaze bishobora guhungabanywa n'ishyirwa mu bikorwa ry'ingingo runaka y'itegeko². Bivuze ko kugira ngo ikirego cyakirwe mu rukiko urega agomba kuba afite inyungu aharanira ku giti cye, itaziguye kandi irengerwa n'amategeko.

[15] Ku birebana n'uru rubanza, inyandiko zigize dosiye zigaragaza ko MINAGRI yakoranye amasezerano na ECOMIL-PASSAG Ltd, mu rwego rwo gushyira mu bikorwa ayo masezerano, ku wa 16/02/2013 iyishyura 72.534.548Frw, bukeye

 $^{^2}$ (.... que soit habilitée à former une demande toute personne dont la

situation est susceptible d'être affectée par l'application d'une règle de droit), J. Héron, *Droit judiciaire privé*, Paris, Montchrestien, 1991, p. 51.

bwaho aya mafaranga atwarwa na Gatarayiha Augustin ayahawe na ECOMIL-PASSAG Ltd. Ibi nibyo byatumye PASSAG COMPANY Ltd iregera Urukiko rw'Ubucuruzi rwa Nyarugenge irusaba ko rwategeka FINA BANK (GT BANK RWANDA Ltd) gusubiza amafaranga yavuzwe kuri konti ya ECOMIL-PASSAG Ltd.

[16] Urukiko rurasanga, amafaranga aburanwa yari umutungo wa ECOMIL-PASSAG Ltd, kandi ari nayo yafashe icyemezo cyo kuyaha Gatarayiha Augustin, bivuze ko ari yo yari ifite ububasha bwo kuba yarengera (droit d'agir) umutungo wayo igihe haba hari impamvu cyangwa umuntu uwo ari wese waba agiye kuwuhungabanya. Urukiko rurasanga nk'uko inkiko zabanje zabibonye, PASSAG COMPANY Ltd nta bubasha yari ifite bwo gutanga ikirego ku giti cyayo kandi umutungo yaregeraga wari uwa ECOMIL-PASSAG Ltd, ikaba rero nta burenganzira bwite bwayo yavukijwe.

Urukiko rurasanga nanone, nk'uko inkiko zibanza [17] zabibonye, ingingo ya 223 y'Itegeko Nº 07/2009 ryo ku wa ryerekeye amasosiyete ryakurikizwaga ubwo 27/04/2009 PASSAG COMPANY Ltd yatangaga ikirego iteganya ko : "I sosiyete, umwe mu bagize Inama y'ubutegetsi cyangwa umwe mu banyamigabane ashobora gusaba urukiko gutanga ikirego mu nyungu z'isosiyete cyangwa no z'isosiyete izina mu iyishamikiyeho", iyi ngingo yumvikanisha neza ko umunyamigabane (PASSAG COMPANY Ltd) ashobora gutanga ikirego mu izina rya sosiyete (ECOMIL-PASSAG Ltd) ariko yabanje kubisaba urukiko rukabimwemerera, bikaba bigaragara ko PASSAG COMPANY Ltd itubahirije ibiteganywa n'ingingo yibukijwe haruguru kuko yatanze ikirego mu izina ryayo bwite, aho kugitanga mu izina rya ECOMIL-PASSAG Ltd.

[18] Urukiko rurasanga nanone, ingingo ya 224 yemerera umunyamigabane w'isosiyete cyangwa uwahoze ari we gutanga ikirego arega sosiyete, abagize Inama y'Ubutegetsi cvangwa bayigize cyangwa umukozi mukuru kubera umwe mu inshingano kutubahiriza kurengera inyungu ZO z'abanyamigabane, PASSAG COMPANY Ltd nabyo ikaba itarabyubahirije, kuko aho kurega abateganywa muri iyi ngingo kubera kutubahiriza inshingano ZO kurengera inyungu z'abanyamigabane, yareze GT BANK RWANDA Ltd isaba kugira uruhare ku mutungo wa ECOMIL PASSAG Ltd.

Urukiko rurasanga ibyo uburanira PASSAG COMPANY [19] Ltd avuga ko Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rutagombaga gushingira gusa ku Itegeko rigenga amasosiyete, ahubwo rwagombaga gushingira ku Itegeko ryerekeye no imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi nta shingiro byahabwa, kuko usibye ko nta cyarubuzaga kurishingiraho igihe ritanga igisubizo, n'iyo ruza gushingira ku Itegeko ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi nta cyari guhinduka, kuko n'ubundi PASSAG COMPANY Ltd nta bubasha ihabwa n'iryo tegeko bwo kuregera umutungo wa ECOMIL-PASSAG Ltd.

[20] Urukiko rurasanga kandi ibyo uburanira PASSAG COMPANY Ltd avuga ko bitari ngombwa ko iyi sosiyete, yanditse mu gihugu cya Kenya, isaba uburenganzira bwo kurega undi munyamigabane, nabyo nta shingiro bifite kuko ingingo ya 223 y'Itegeko N° 07/2009 ryo ku wa 27/04/2009, ryibukijwe haruguru nta rengayobora (exception) ishyiraho kuri sosiyete z'inyamahanga.

[21] Hashingiwe ku biteganywa n'ingingo z'amategeko no ku bisobanuro bimaze gutangwa, Urukiko rurasanga PASSAG COMPANY Ltd itarubahirije ibisabwa n'amategeko kugira ngo yemererwe gutanga ikirego mu izina rya ECOMIL-PASSAG Ltd, bityo akaba nta kosa Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwakoze rwemeza ko imikirize y'Urukiko rw'Ubucuruzi rwa Nyarugenge yo kutakira ikirego cya PASSAG COMPANY Ltd idahindutse.

2. Kumenya ishingiro ry'amafaranga asabwa muri uru rubanza

[22] Me Muhirwa Ngabo Audace, uburanira PASSAG COMPANY Ltd, asaba ko PASSAG COMPANY Ltd yahabwa 10.000.000Frw kubera gukomeza kwimwa uburenganzira bwayo ku mafaranga yavukijwe, 3.000.000Frw y'igihembo cya Avoka ziyongera ku yo bari basabye mbere, yose hawe akaba 6.000.000Frw na 2.000.000Frw y'ikurikiranarubanza. Avuga ko indishyi abo baburana basaba nta shingiro zifite, kandi ko nta mpamvu yazo kuko ari bo bashoye PASSAG COMPANY Ltd mu manza. Akomeza

[23] Me Bimenyimana Eric, Me Zitoni Pierre Claver na Me Mbarushimana Jean Marie Vianney bavuga ko indishyi PASSAG COMPANY Ltd isaba nta shingiro zifite, kuko n'ibyo iregera zishingiyeho nta shingiro bifite.

[24] Me Bimenyimana Eric avuga ko mu gihe Urukiko rwagumishaho urubanza rwaciwe n'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi, rwagenera GT BANK Ltd 1.000.000Frw y'igihembo cya Avoka. [25] Me Zitoni Pierre Claver, uburanira Gatarayiha Augustin, nawe avuga ko mu gihe Urukiko rwagumishaho urubanza rwaciwe n'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi, rwagenera uwo aburanira 5.000.000Frw y'igihembo cya Avoka, bikaba bikosora ibyo bari basabye mbere.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[26] Ingingo ya 111 y'Itegeko Nº 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi iteganya ko: "Ikirego cy'amafaranga y'ikurikiranarubanza ni ikirego gishamikira ku kirego cy'iremezo kigamije kwishyuza ibyakoreshejwe mu rubanza. Ikirego cy'amafaranga v'ikurikiranarubanza kiburanishirizwa n'ikirego rimwe cv'iremezo. Gishobora kandi kwakirwa kikanaburanishwa n'iyo ikirego cy'iremezo cyaba kitakiriwe".

[27] Urukiko rurasanga indishyi zitandukanye PASSAG COMPANY Ltd isaba itazihabwa kuko itsinzwe uru rubanza.

[28] Urukiko rurasanga GT BANK RWANDA Ltd na Gatarayiha Augustin hari ibyo batanze kugira ngo urubanza barezwemo ruburanwe bitewe n'ubujurire bwa PASSAG COMPANY Ltd, kuba rero ubu bujurire nta shingiro bufite, PASSAG COMPANY Ltd igomba guha GT BANK RWANDA Ltd 1.000.000Frw y'igihembo cya Avoka n'ikurikiranarubanza yasabye kuri uru rwego kuko akwiye, ikanaha Gatarayiha Augustin 1.000.000Frw y'igihembo cya Avoka n'ikurikiranarubanza kuri uru rwego, akaba agenwe mu bushishozi bw'Urukiko, kuko 5.000.000Frw asaba atagaragaza ko ariyo yagiye kuri uru rubanza.

90

III. ICYEMEZO CY'URUKIKO

[29] Rwemeje ko ubujirire bwa PASSAG COMPANY Ltd nta shingiro bufite;

[30] Rwemeje ko imikirize y'urubanza RCOMA 00461/2017/CHC/HCC rwaciwe n'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi ku wa 02/02/2018 idahindutse;

[31] Rutegetse PASSAG COMPANY Ltd guha GT BANK RWANDA Ltd na Gatarayiha Augustin 1.000.000Frw y'igihembo cya Avoka n'ikurikiranarubanza, buri wese, kuri uru rwego;

[32] Ruvuze ko amagarama y'urubanza ahwanye n'ibyakozwe.

IMANZA ZACIWE MU MIZI

URUBANZA RW'IMBONEZAMUBANO

Ø

Ω

TUYISENGE v. MUKARONI

[Rwanda URUKIKO RW'IKIRENGA – RS/INJUST/RC00008/2018/SC (Rugege, P.J., Kayitesi R, Kayitesi Z, Hitiyaremye na Cyanzayire J.) 28 Kamena 2019]

Amategeko agenga amasezerano – Amasezerano y'impano – Gusesa amasezerano – Iyo uwahawe impano agahabwa n'inshingano akazemera no ariko ntiyuzuze izo nshingano, n'impamvu ihagije y'iseswa ry'amasezerano y'impano kuko aba ahindutse amasezerano magirirane

Amategeko agenga amasezerano – Gusesa amasezerano – N'ubwo amategeko ateganya ko iseswa ry'amasezerano rigomba kuregerwa inkiko, ntibiba bikiri ngombwa kuyaregera iyo abayagiranye bemeranya kuyasesa no kwirengera ingaruka yabyo.

Incamake y'ikibazo: Kabaziga yahaye umwuzukuru we Bizimana kumucungira umutungo we wose, akawubyaza ibyo azajya amutungisha kuko yaramaze gusaza, hanyuma amuha n'impano y'umurima umwe, bakorana amasezerano mu nyandiko maze abagize umuryango wabo bayashyiraho umukono.

Nyuma yaho Kabaziga abonye umwuzukuru we atabyitwayemo neza nkuko babyumvikanye, asesa amasezerano bagiranye amwambura gucunga iyo mitungo ye yose yamuhaye hamwe n'umurima yari yaramuhaye nk'impano, ayiha umwe mu bagore ba Bizimana babanaga batarasezeranye witwa Mukaroni, nawe bakorana amasezerano, amuha n`inshingano zo kubicunga no kubimutungisha neza, amuha na wa murima yambuye umwuzukuru we, Mukaroni awibaruzaho abona ndetse n'amasezerano y'ubukode burambye kuri ubwo butaka.

Bizimana yaje gushyingiranwa byemewe n'amategeko n'umugore we wakabiri witwa Tuyisenge bari basanzwe babana nk'umugore n'umugabo, nyuma agabanya abagore be babiri imitungo ye uretse imirima ibiri yari ifitwe na Mukaroni.

Tuyisenge yatanze ikirego mu nteko y'Abunzi yo mu kagari ka Kabeza arega Mukaroni na Bizimana asaba ko bagabana imirima ibiri, Mukaroni yari atunze, Inteko y'Abunzi y'Akagari yemeje ko umurima uburanwa ari uwa Mukaroni. Tuyisenge yajuririye uwo mwanzuro mu Nteko y'abunzi bo mu murenge wa Cyuve maze iyi nteko yemeza nanone ko imirima ibiri iburanwa ari iya Mukaroni.

Tuyisenge yaregeye umwanzuro w'Inteko y'Abunzi mu Rukiko rw'Ibanze rwa Muhoza, rwemeza ko uwo mwanzuro uvanyweho, rwemeza ko imirima yose uko ari ibiri iburanwa igomba kugabanywamo kabiri, ½ cya buri murima kikajya mu mutungo Tuyisenge asangiye na Bizimana, ikindi ½ kikaba ari icya Mukaroni, rwemeza ko inyandiko yo ku wa 01/02/2000 isesa impano y'umurima Bizimana yari yarahawe na nyirakuru iteshejwe agaciro kuko itubahirije ibiteganywa n'amategeko.

Mukaroni yatanze ikirego cyo gusubirishamo urubanza ingingo nshya mu Rukiko rw'Ibanze rwa Muhoza, avuga ko hari bimwe mu bimenyetso yari yatanze mu Rukiko birimo ibyangombwa by'ubutaka bigaragaza ko uwo murima aruwe bitasuzumwe. Avuga kandi ko Bizimana na Tuyisenge batigeze batambamira icyo cyemezo cyangwa ngo nabo biyandikisheho uwo murima. Urukiko rwemeza ko ikirego cya Mukaroni cyo gusubirishamo urubanza ingingo nshya gifite ishingiro kuri bimwe, rutegeka ko urubanza rwaciwe n'Urukiko rw'Ibanze rwa Muhoza ruhindutse ku bijyanye n'umurima N°1, rwemeza ko umurima N°2 ubaruye kuri Mukaroni ari uwe, rutegeka Tuyisenge guha Mukaroni amafaranga y'igihembo cya Avoka, rutegeka Tuyisenge na Bizimana gufatanya gusubiza Mukaroni amafaranga yari yatanzeho ingwate y'igarama.

Tuyisenge yandikiye Urwego rw'Umuvunyi asaba kurenganurwa kuko asanga urubanza rwo gusubirishamo ingingo nshya rwaciwe n'Urukiko rw'Ibanze rwa Muhoza rwaramurenganyije. Nyuma yo gusuzuma icyo kibazo, Urwego rw'Umuvunyi rwandikiye Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga rumusaba ko urwo rubanza rwasubirwamo ku mpamvu z'akarengane. Nyuma yo gusuzuma raporo y'Ubugenzuzi Bukuru bw'Inkiko, Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga yemeje ko urwo rubanza rwongera kuburanishwa.

Mu Rukiko rw'Ikirenga, Tuyisenge avuga ko asaba kurenganurwa kuko asanga amasezerano y'impano yari yarakozwe hagati ya Bizimana na Kabaziga yasheshwe mu buryo bunyuranije n'amategeko kuko iseswa ryayo ryagombaga gukorwa n'urukiko ariko akaba ataruko byagenze.

Mukaroni yiregura avuga ko ibivugwa na Tuyisenge ko amasezerano y'impano yasheshwe mu buryo bunyuranije n'amategeko nta shingiro bifite kuko uwatanze impano nta mpamvu yari kujya mu Rukiko kubisaba mu gihe uwo bayagiranye yemeye ko bayasesa.

Incamake y'icyemezo: 1. Iyo uwahawe impano agahabwa n'inshingano akazemera no ariko ntiyuzuze izo nshingano, n'impamvu ihagije y'iseswa ry'amasezerano y'impano kuko aba ahindutse amasezerano magirirane.

2. N'ubwo amategeko ateganya ko iseswa ry'amasezerano rigomba kuregerwa inkiko, ntibiba bikiri ngombwa kuyaregera iyo abayagiranye bemeranya kuyasesa no kwirengera ingaruka yabyo. Bityo iseswa ry'impano ntaho rinyuranyije n`amategeko, hakaba nta mpamvu amasezerano yateshwa agaciro.

Ikirego cyo gusubirishamo urubanza ku mpamvu z akarengane nta shingiro gifite.

Amategeko yashingiweho:

Itegeko N°43/2013 ryo ku wa 16/06/2013 rigenga ubutaka mu Rwanda, ingingo ya 10; Itegeko N°22/00 ryo ku wa 12/11/1000 ryazuza Igitaba aya

Itegeko N°22/99 ryo ku wa 12/11/1999 ryuzuza Igitabo cya mbere cy'Urwunge rw'Amategeko mbonezamubano kandi rishyiraho igice cya gatatu cyerekeye imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe, impano n'izungura, ingingo ya 37, 38, 40;

Code Civil Français, ingingo ya 956.

Nta manza zifashishijwe.

Urubanza

I. IMITERERE Y'URUBANZA

[1] Mu gihe Bizimana Daniel yabanaga na Mukaroni Xaverine batarasezeranye mu buryo bwemewe n'amategeko, Nyirakuru Kabaziga ubwo yari atagishoboye guhinga, yamuhaye imitungo ye n'inshingano yo kuyicunga akayibyaza ibyo azajya amutungisha, by'umwihariko, amuha n'impano y'umwe mu

100

mirima ye uherereye kwa Ndagozera. Ibyo yabishyize mu nyandiko yo ku wa 04/4/1999 hari nabagize umuryango wabo bayishyiraho umukono. Kabaziga abuze ubufasha yari amutezeho kandi abonye atangiye gutagaguza ibye kubera imyitwarire ye mibi, byatumye asesa ayo masezerano, amwambura inshingano yari yaramuhaye zo gucunga ibye no kubitubura ndetse amwambura n'umurima yari yaramuhaye. Ibintu bye yabihaye Mukaroni amuha n`inshingano zo kubicunga no kubimutungisha neza, kandi amuha na wa murima yambuye Bizimana. Ibi nabyo yabishyize mu masezerano yo ku wa 01/2/2000, kandi abikorera nanone imbere y'Umuryango. Mukaroni yibarujeho wa murima, ahabwa icyangombwa cy'ubutaka gifte UPI 4/03/02/04/2883.

[2] Igihe Bizimana Daniel yashyingiranwaga na Tuyisenge Françoise, imbere y'Inzego z'Ubutegetsi ku wa 15/8/2006, (ariko nawe bari basanzwe babana nkuko yabanaga na Mukaroni), uwo munsi, yagabanyije imitungo ye abagore be Tuyisenge na Mukaroni, uretse imirima ibiri yari itunzwe na Mukaroni. Umurima umwe Bizimana avuga ko yawuhawe n'ababyeyi be akibana na Mukaroni. Umurima wa kabiri Bizimana na Mukaroni, buri wese avuga ko yawuhawe na Kabaziga. Tuyisenge umugore w'isezerano yatangije imanza asaba kugira uruhare kuri iyo mirima yombi.

[3] Tuyisenge yabanje kurega Mukaroni na Bizimana mu Nteko y'Abunzi b'Akagari ka Kabeza, asaba ko bagabana ya mirima ibiri (2) Mukaroni atunze, agasigarana 1/2 cya buri murima, naho Tuyisenge na Bizimana nabo bagahabwa ½ cya buri murima. Avuga ko iyo mirima igizwe n'igitari kiri ku Kalinzi hamwe n'umurima wadikanyijwe no kwa Ntaganzwa, Bizimana yari yarahawe na nyirakuru Kabaziga ngo awumucungire ashobore kuwubyaza ibimutunga. Mukaroni we yaburanye agaragaza ko uwo murima Bizimana yari yarawuhawe koko na nyirakuru Kabaziga mu masezerano yo ku wa 04/4/1999, ariko aza kuwumwambura mu iseswa ry'ayo masezerano, Mukaroni aba ariwe uwuhabwa mu nyandiko yo ku wa 01/02/2000, ko rero ari umutungo we bwite atawugabana nabo.

[4] Inteko y'Abunzi yemeje ku wa 01/03/2006, ko umurima uburanwa ari uwa Mukaroni yahawe na nyirakuru wa Bizimana, naho umurima wa mbere (igitari) kikazagabanywa abana bose bakomoka kuri Bizimana.

[5] Tuyisenge yajuririye uwo mwanzuro mu Nteko y'Abunzi b'Umurenge wa Cyuve, ifata icyemezo ku wa 21/10/2011, yemeza ko ihaye imirima yombi uko ari ibiri yaburanwaga Mukaroni Xaverine.

Tuyisenge yaregeye umwanzuro w'Inteko y'Abunzi mu [6] Muhoza, Rukiko rw'Ibanze rwa ruca urubanza RC1017/011/TB/MUH ku wa 20/11/2013, rwemeza ko uwo mwanzuro uvanyweho, rwemeza ko imirima yose uko ari ibiri iburanwa igomba kugabanywamo kabiri, 1/2 cya buri murima kikajya mu mutungo Tuyisenge asangiye na Bizimana, ikindi 1/2 cya buri murima kikaba ari icya Mukaroni, rwemeza ko inyandiko yo ku wa 01/02/2000 bavuga ko Bizimana vamburiweho impano y'umurima yari yarahawe na nyirakuru, iteshejwe agaciro ku bijyanye n'impano ya burundu y'umurima wari warahawe Bizimana, kuko itubahirije ibiteganywa n'amategeko.

[7] Mukaroni yatanze ikirego mu Rukiko rw'Ibanze rwa Muhoza asaba gusubirishamo ingingo nshya urwo rubanza RC 1017/011/TB/MUH rwaciwe ku wa 20/11/2011, avuga ko hari

bimwe mu bimenyetso yari yatanze mu Rukiko birimo ibyangombwa by'ubutaka yibarujeho uwo murima bitasuzumwe. Avuga kandi ko Bizimana na Tuyisenge batigeze batambamira icyo cyemezo cyangwa ngo nabo biyandikisheho uwo murima.

[8] Urukiko rwaciye urubanza RC 0741/13/TB/MUH ku wa 25/04/2014, rwemeza ko ikirego cya Mukaroni cyo gusubirishamo urubanza RC 1017/011/TB/MUH ingingo nshya, gifite ishingiro kuri bimwe, rutegeka ko urubanza RC 1017/011/TB/MUH rwaciwe n' Urukiko rw'Ibanze rwa Muhoza ku wa 20/11/2013 ruhindutse ku bijyanye n'umurima n° 1, rwemeza ko umurima N°2 883/MUS/CYU ubaruye kuri Mukaroni ari uwe, rutegeka Tuyisenge guha Mukaroni 150.000Frw y'igihembo cya Avoka, rutegeka Tuyisenge na Bizimana gufatanya kwishyura amagarama y'urubanza angana na 3.500Frw, Mukaroni agasubizwa 2000Frw yari yatanzeho ingwate y'igarama.

[9] Tuyisenge yandikiye Urwego rw'Umuvunyi asaba kurenganurwa kuko asanga urubanza RC0741/13/TB/MUH rwaciwe n'Urukiko rw'Ibanze rwa Muhoza kuwa 25/04/2014, rwaramurenganyije.

[10] Nyuma yo gusuzuma icyo kibazo, Urwego rw'Umuvunyi rwasanze urubanza RC 0741/13/TB/MUH rukwiriye gusubirwamo ku mpamvu z'akarengane, maze, rwandikira Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 21/03/2016, rumusaba ko urwo rubanza rwasubirwamo ku mpamvu z'akarengane. Nyuma yo gusuzuma raporo y'Ubugenzuzi Bukuru bw'Inkiko, Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga yemeje ko urwo rubanza rwongera kuburanishwa.

[11] Urubanza rwaburanishijwe ku wa 03/06/2019, Tuyisenge na Bizimana bahagarariwe na Me Kanyarugano Cassien, Mukaroni ahagarariwe na Me Nyirabera Josephine.

Ikibazo cy'ingenzi cyasuzumwa muri uru rubanza ni ukumenya niba iseswa ry'amasezerano y'impano hagati ya Kabaziga n'umwuzukuru we Bizimana Daniel ryarakurikije amategeko.

II. IBIBAZO BIGIZE URUBANZA N'ISESENGURA RYABYO

1. Kumenya niba iseswa ry'amasezerano y'impano yo ku wa 04/04/1999 ryarakurikije amategeko.

Me Kanyarugano Cassien uhagarariye Tuyisenge [12] Françoise na Bizimana Daniel avuga ko akarengane muri uru rubanza gashingiye ku makosa yakozwe n'Urukiko rw'Ibanze rwemeje rubanza Muhoza, rwa aho mu rusabirwa gusubirishwamo ku mpamvu z'akarengane ko amasezerano y'impano ya Bizimana yo ku wa 04/4/1999 yasheshwe, akaba asanga ibyakozwe binyuranije n'ibiteganywa n'amategeko kuko byagombaga kubanza kuregerwa mu Rukiko (iseswa ry'amasezerano).

[13] Me Kanyarugano Cassien avuga ko Itegeko N°22/99 ryo ku wa 12/11/1999 ryuzuza igitabo cya mbere cy'Urwunge rw'Amategeko mbonezamubano kandi rishyiraho igice cya gatatu cyerekeye imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe, impano n'izungura ryakoreshwaga uru rubanza ruburanishwa, *yateganyaga ko* ``*uwatanze impano, iyo afite impamvu zatuma iseswa, abanza gushyikiriza ikirego Urukiko rubifitiye ububasha akaba arirwo rwemeza ko iseswa*``. Avuga ko Umucamanza

104

yashingiye ku ngingo ya 37 y'Itegeko N°22/99 ryo ku wa 12/11/1999 ryavuzwe haruguru, bituma impano iseswa, akaba asanga ibyakozwe bitarubahirije ibiteganywa n'amategeko cyane ko na Bizimana atigeze agaragara mu nyandiko yo ku wa 01/02/2000 bavuga yamwambuye impano yari yarahawe na nyirakuru ku wa 04/04/1999.

[14] Me Kanyarugano Cassien mu izina ry'abarega yongeraho ko umurima uburanwa muri uru rubanza wari waragabanyijwemo kabiri, Tuyisenge na Bizimana bahabwa igipande cyawo, ikindi gihabwa Mukaroni, ariko ko nyuma y'igabana ryawo, Mukaroni ngo yakomeje kuwikubira wenyine.

[15] Ku byerekeye iseswa ry'amasezerano y`impano yo ku wa 04/04/1999, Me Nyirabera Josephine uhagarariye Mukaroni avuga ko ibivugwa n'uhagarariye Tuyisenge ko iseswa ry'amasezerano ryagombaga kuregerwa Urukiko, nta shingiro bifite kuko uwatanze impano nta mpamvu yari kujya mu Rukiko kubisaba mu gihe uwo bagiranye ayo masezerano y'impano yemeye ko bayasesa, ko kandi ikibishimangira ari uko n'inyandiko yayo y'umwimerere yo ku wa 04/04/1999, Bizimana yayihaye Kabaziga arayica, akaba ariyo mpamvu umwimerere wayo utanagaragara muri dosiye y`izi manza. Ikindi kibishimangira ni ukuba byarabaye Bizimana akicecekera ntagire icyo avuga kuri iryo seswa ry'amasezerano, bivuze ko yabyemeraga.

[16] Naho ku kibazo cy'uko umurima uburanwa wari waragabanyijwe ababuranyi, Me Nyirabera Josephine avuga ko ibivugwa n'uhagarariye abaregwa ataribyo, kuko mu gihe Bizimana yagabanyaga imitungo abagore bombi, ntabwo umurima uburanwa wigeze ugabanwa, ko ibyo binagaragazwa n'uko mu gihe cy'ibarura rusange, uwo murima Mukaroni yawibarujeho ijana ku ijana (100%). Avuga ko iyo aza kuba awusangiye na Bizimana, yari gutambamira iryo baruza agaragaza ko bawufiteho amakimbirane, akaba asanga kuba atarabikoze ari uko yemeraga ko uwo murima ari uwa Mukaroni wose.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[17] Tuyisenge Françoise na Bizimana Daniel bavuga ko akarengane bagiriwe muri uru rubanza rusubirishwamo gashingiye ku makosa yakozwe n'Urukiko rw'Ibanze rwa Muhoza, aho rwemeje ko amasezerano y'impano y`umurima Bizimana yagiranye na nyirakuru Kabaziga ku wa 04/4/1999 yasheshwe hagati yabo, bidakozwe n'Urukiko.

[18] Ku byerekeye ibimenyetso, dosiye y'urubanza igaragaza inyandiko yo ku wa 04/4/1999, Kabaziga yahereyeho Bizimana ibye ngo abimutungemo, amuha n'impano y'umurima, Bizimana nawe abyemera byombi. Dosiye igaragaza nanone inyandiko yo ku wa 01/2/2000, Kabaziga yakoze yambura Bizimana inshingano zo gucunga ibye no kubimutungisha, asubirana ya mpano y'umurima, maze abyegurira Mukaroni, uyu nawe yemera impano n'inshingano arazubahiriza. Mu nyandiko yo ku wa 01/2/2000, Kabaziga asobanura ko ahinduye amasezerano yari yahereyeho Bizimana imitungo n'impano yo ku wa 04/4/1999, kubera ko ntacyo yamufashije ngo amufate neza no kuba yabinyereza kubera imyifatire ye mibi (ari mu busambanyi), ko abimunyaze, abiragije Mukaroni, ko uyu nawe aramutse atabimufashemo neza, yazabiragiza undi. Muri ayo masezerano, avuga ko yeguriye Mukaroni wa murima yambuye Bizimana, n'umuryango we urabyemera. Iyi nyandiko kimwe n'iya mbere, Kabaziga yagiye azikorera imbere y'umuryango we, zishyirwaho

106

imikono. Dosiye ikagaragaza n'icyemezo cy'umutungo N° 4/03/02/04/2883 cyo ku wa 19/12/2011 cyerekana ko Mukaroni yahise yibaruzaho uwo murima.

[19] Imwe mu mpamvu zitangwa n'Itegeko rigenga impano n'izungura, zituma amasezerano y`impano aseswa, ni ukutubahiriza inshingano ziyaturutseho k'uwayihawe, kandi bigakorwa mu gihe cy'umwaka umwe uhereye ku munsi ikosa ryakoreweho cyangwa ku munsi uwatanze yarimenyeyeho.

Ku byerekeye impamvu y'iseswa ry'Amasezerano [20] y'impano yabaye hagati ya Kabaziga n'umwuzukuru we Bizimana ku wa 4/4/1999 yerekeye inshingano zo kumucungira ibye, kubimutungamo neza hamwe n'impano y'umurima uburanwa nkuko byagaragajwe haruguru, Urukiko rusanga Kabaziga yaragaragaje mu masezerano mashya impamvu zatumye asesa aya mbere. Izi mpamvu n'uko Bizimana atamucungiye ibye neza ngo anabimutungemo neza, ko ahubwo yashoboraga no kuwutagaguza kubera imyitwarire ye mibi. Urukiko rusanga iyo ari impamvu ihagije y`iseswa ry`impano Kabaziga yari yarahaye Bizimana kubera inshingano atubahirije, hashingiwe ku biteganywa n'ingingo ya 38, agace ka 3 y'Itegeko N° 22/99 ryo ku wa 12/11/1999¹ ryakoreshwaga igihe ikirego cyatangwaga. Iryo seswa ryakozwe ku wa 01/02/2000, aho bigaragariye ko Bizimana atubahiriza inshingano yahawe, mu gihe kitarenze umwaka, ibi bikaba byubahirije ingingo ya 40 y'Itegeko rimaze kuvugwa. Ibi kandi ninako bimeze mu mategeko y'ahandi nko mu Bufaransa, aho impano zimwe na

107

¹ Itegeko N° 22/99 ryo ku wa 12/11/1999 ryuzuza Igitabo cya mbere cy'Urwunge rw'Amategeko mbonezamubano kandi rishyiraho igice cya gatatu cyerekereye imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe, impano n'izungura.

zimwe zishobora gutangwa, uzihawe akagira ibyo ategekwa kubahiriza: urugero: umukecuru uhaye umuturanyi we inyubako ariko akamusaba kumuha ibimutunga no kumwitaho ubuzima bwe bwose. Muri icyo gihe, buri wese agomba kubahiriza inshingano ze. Amasezerano y`impano ahinduka magirirane, iyo rero umwe mu mpande zombi atubahirije inshingano ze, urundi ruhande rushobora gusaba gusesa amasezerano² (Certaines donations peuvent être consenties en demandant au gratifié de'exécuter certaines charges: par exemple, une dame âgée donne son immeuble ā un voisin en lui demandant, en-contrepartie, de la nourrir et de l'entretenir sa vie durant. Dans ce cas, chacun doit executer une obligation [......]. La donation devient un contrat réciproque, et si l'une des parties ne respecte pas ses obligations, l'autre aura la possibilité de demander l'annulation de la convention).

[21] Urukiko rusanga ariko n'ubwo amategeko ateganya ko iseswa ry'amasezerano rigomba kuregerwa inkiko, ntibiba bikiri ngombwa kujya imbere y'umucamanza iyo ba nyirayo bemeranya kuyasesa no kwirengera ingaruka yabyo.

[22] Ku birebana n'uru rubanza, n'ubwo iri seswa ry'impano ritaregewe ngo rikorwe n'inkiko nkuko ingingo ya 40 y'Itegeko N°22/99 ryo ku wa 12/11/1999 rivuzwe haruguru ibiteganya, bihuje neza n'ibivugwa n'amategeko y'ahandi nk'ingingo ya 956 CC Français, ntaho rinyuranyije n'amategeko kuko ryakozwe na ba nyiri kugirana amasezerano babyumvikanyeho nkuko bigaragazwa n'imyitwarire ya buri wese. Kabaziga washeshe amasezerano yabitangiye impamvu mu nyandiko abigaragariza Umuryango we na Bizimana ubwe, nkuko byagarajwe haruguru

² https://www.notaire.be/donations-successions/les-donations/une-donation-est-irrevocable

ntiyavuga ko atabyemeye. Byongeye kandi kuba imitungo n'inshingano yari yahaye Bizimana kimwe n'impano y'umurima by'umwihariko yarabimwambuye akabyegurira umugore we Mukaroni, Bizimana akabyakira nta mpaka ateje habe no guhakana amakosa ye, ni ikimenyetso cyuko yabyemeye.

[23] Urukiko rusanga ikindi kigaragaza ko iyo mpano Bizimana yemeye kuyamburwa, ni uko Mukaroni wayihawe yayibarujeho abibona, ariko Bizimana ntagire icyo akora ngo ayitambamire, kugeza ubwo Mukaroni ahawe icyemezo cy'uwo mutungo gifite N°2883/MUS/CYU nkuko kigaragara muri dosiye. Uko kwifata kwa Bizimana kugaragaza ko yemeye ko nta burenganzira yari agifite kuri uwo murima, ko weguriwe Mukaroni. Rusanga kandi ari nayo mpamvu no mu gihe cy'igabana ry'imirima ryabaye hagati y'abo bagore bombi Mukaroni na Tuyisenge, uwo murima utarashyizwe ku rutonde rwiyo Bizimana yabagabanyije, nkuko bigaragazwa n'inyandiko yo ku wa 15-06-2006 Bizimana agabira abo bagore be bombi isambu ikomoka kuri se Rwanuburi igizwe n'imirima 4, nabo bakabisinyira.

[24] Hashingiwe ku ngingo z'amategeko, ibimenyetso n'ibisobanuro byatanzwe hejuru, Urukiko rusanga iseswa ry'impano yo ku wa 4/4/1999 ryabaye ku wa 1/02/2000, ntaho rinyuranyije n'amategeko, hakaba nta mpamvu amasezerano yo ku wa 01/2/2000 yateshwa agaciro. Umurima uburanwa Mukaroni atunze agomba kuwugumana kuko awutunze nk'impano yahawe na Kabaziga hashingiwe ku ngingo ya 10 y'Itegeko N°43/2013 ryo ku wa 16/06/2013 rigenga ubutaka mu Rwanda iteganya ko ``ubutaka bw'umuntu ku giti cye bugizwe n'ubutaka atunze ku buryo bw'umuco cyangwa ubw'amategeko yanditse. Ubwo butaka abutunze yarabuhawe n'ubuyobozi

bubifitiye ububasha, ubwo yaguze, yahaweho impano, [.....]". Imikirize y'urubanza RC 0741/13/TB/MUH/TB/MUH rwaciwe n'Urukiko rw'Ibanze ku wa 25/04/2014 rwasabiwe gusubirishwamo ku mpamvu z'akarengane igomba kugumaho kuko nta karengane kayigaragaramo.

[25] Ku kibazo cyuko uyu murima uburanwa waba wari waragabanyijwe abagore ba Bizimana, Urukiko rusanga nta mpamvu yo kugisuzuma.

2. Kumenya niba indishyi zisabwa muri uru rubaza zatangwa.

a. Ku byerekeye indishyi Tuyisenge Françoise na Bizimana Daniel basaba.

[26] Me Kanyarugano Cassien uhagarariye abarega muri uru rubanza avuga ko Mukaroni ahinga ubutaka bwa Tuyisenge guhera muri 2006, akaba abumaranye imyaka cumi n'ibiri (12ans), ko icyatamurima cya buri mwaka kingana na 90.000Frw, mu imyaka icumi ahahinze, akaba amaze kuvanamo angana na 1.000.000Frw akaba ariyo agomba kumusubiza na 200.000Frw yahaye Umuhesha w'Inkiko Irakiza Elie warangije urubanza.

[27] Me Nyirabera Josephine mu izina rya Mukaroni avuga ko ibisabwa na Tuyisenge atabihabwa kuko umurima aburana atari uwe, uwo yunganira akaba atatanga indishyi ku mutungo byagaragaye ko ari uwe.

110

UKO URUKIKO RUBIBONA

[28] Urukiko rw'Ikirenga rurasanga indishyi zisabirwa Tuyisenge na Bizimana nta shingiro zifite kuko nta burenganzira bafite ku murima uburanwa, n'ibiwushingiyeho bakaba atabihabwa.

b. Ku byerekeye ubujurire bwuririye ku bundi bwatanzwe na Mukaroni Xaverine

[29] Mu bujurire bwuririye ku bundi, Me Nyirabera Josephine uhagarariye Mukaroni amusabira indishyi zo kuba akomeje gushorwa mu manza zingana na 2.500.000Frw, zikubiyemo igihembo cya Avoka kingana na 1.000.000Frw, 500.000Frw y'ikurikiranarubanza no gusiragizwa, n'indishyi z'akababaro zingana na 1.000.000Frw.

[30] Me Kanyarugano Cassien avuga ko indishyi zisabwa na Mukaroni atazikwiye kubera ko asanga uru rubanza rurimo akarengane.

[31] Urukiko rw'Ikirenga amafaranga rusanga y'ikurikiranarubanza n'igihembo cya Avoka Mukaroni yasabye yayahabwa, kubera ko yagombye gukoresha Avoka umuburanira, agira n'ibindi atanga bijyanye no gukurikirana urubanza, ariko kubera ko ayo asaba ari menshi, rukaba rumugeneye mu bushishozi bwarwo 500.000Frw y'igihembo cya Avoka, 300.000Frw y'ikurikiranarubanza, yose hamwe akaba 800.000Frw. Naho indishyi z'akababaro, akaba atazihabwa, kuko atashoboye kukagaragaza, ndetse akaba atagenerwa indishyi zo gushorwa mu manza kuko ari uburenganzira bw'abarega mu gihe bumva ko hari akarengane bagiriwe mu mikirize y'urubanza rwasabiwe gusubirishwamo ku mpamvu z'akarengane.

III. ICYEMEZO CY'URUKIKO

[32] Rwemeje ko ikirego cyatanzwe na Tuyisenge Francoise gisaba gusubirishamo ku mpamvu z'akarengane urubanza RC 0741/13/TB/MUH, rwaciwe n'Urukiko rw' Ibanze rwa Muhoza ku wa 25/04/2014, Bizimana akarugobokeshwamo, nta shingiro gifite.

[33] Rwemeje ko imikirize y'urubanza RC0741/13/TB/MUH rwaciwe n'Urukiko rw'Ibanze rwa Muhoza ku wa 25/04/2014, rudahindutse, uretse amafaranga y'ikurikiranarubanza n'igihembo cya Avoka.

[34] Rutegetse Tuyisenge Françoise guha Mukaroni Xaverine 800.000Frw akubiyemo igihembo cya Avoka n'ikurikiranarubanza.

IMANZA Z'UBUCURUZI

Ø

ົ

DEVELOPMENT BANK OF RWANDA LTD (BRD Ltd) v. SPLENDID KALISIMBI Ltd

[Rwanda URUKIKO RW'UBUJURIRE – RCOMAA 00058/2018/CA (Mukanyundo, P.J., Munyangeri na Mukandamage, J.) 10 Gicurasi 2019]

Amategeko yerekeranye n'imanza z'ubucuruzi – Sosiyete – Igihombo – Iyo hamaze kwemezwa ikurikirana ry'igihombo cya sosiyete, nta mutungo wayo wakurwa mu yindi mbere y'igabana ry'ababerewemo imyenda nubwo waba waratanzweho ingwate. Itegeko N° 35/2013 ryo ku wa 29/05/2013 rihindura kandi ryuzuza Itegeko N° 12/2009 ryo ku wa 26/05/2009 ryerekeye izahura ry'ubucuruzi n'irangiza ry'ibibazo biturutse ku gihombo, ingingo ya 4.

Incamake y'ikibazo: BRD Ltd yahaye sosiyete Splendid inguzanyo, nayo iyiha ingwate, iyo sosiyete ntiyabashije kwishyura nkuko byumvikanyweho, nyuma yaje kugwa mu gihombo, byemezwa n'Urukiko, maze rushyiraho umucungamutungo w'agateganyo.

Mu gihe BRD Ltd yari yaratangiye gusaba kugurisha ingwate yahawe, umucungamutungo wa Splendid yaje kuyimenyesha ko gukurikirana umwenda yayihaye bibaye bisubitswe, kubera gahunda yo gutangiza ikurikirana ry' igihombo, ibyo bituma BRD Ltd iyirega mu Rukiko rw'Ubucuruzi rwa Nyarugenge isaba gukuraho icyemezo gisubika ikurikiranwa ry'umwenda kugirango ibashe kugurisha ingwate. Urukiko rwemeje ko ikirego nta shingiro gifite kuko Splendid yari yaguye mu gihombo kandi ingwate ikaba itakurwa mu mitungo wa Splendid ngo igurishwe mbere yuko habaho gahunda y'igabana nk'uko itegeko ribitegenya.

BRD Ltd yajuririye mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi ivuga ko umucamanza mu rukiko rubanza yaruciye ku bitarasabwe ivuga ko yarusabaga gukuraho icyemezo cy'isubikwa ryo gukurikirana no kugurisha ingwate, Urukiko ntirwabisuzuma ahubwo rusuzuma gusa irebana n'igihombo, ivuga kandi ko umucungamutungo w'agateganyo atubahirije amategeko ubwo yangaga kuvana ingwate mu mutungo wa Splendid kugirango igurishwe. Uru rukiko rwemeza ko imikirize y'urubanza rwo mu Rukiko rw'Ubucuruzi rwa Nyarugenge idahindutse, rutegeka ko umutungo watanzweho ingwate utavanwa mu mitungo igomba kugurishwa.

BRD Ltd yongeye ijurira mu Rukiko rw'lkirenga, nyuma y'ivugururwa ry'inkiko, urubanza rwimurirwa mu Rukiko rw'Ubujurire, ivuga ko Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rutasuzumye ingingo z'ubujurire zijyanye no kumenya niba Urukiko rw'Ubucuruzi rwa Nyarugenge rwaciye urubanza ku kitarasabwe ivuga ko yasabaga gukuraho icyemezo ahubwo rugafata icyemezo ku birebebana n'ishyirwa mu gihombo rya sosiyete splendid, no kuba kandi umucungamutungo w'agateganyo atarubahirije amategeko yanga gukura ingwate mu mutungo wa Spendid ngo igurishwe.

Sosiyete Splendid yiregura ivuga ko hashingiwe ku mpamvu ziteganywa n'itegeko ryerekeye izahura ry'ubucuruzi, gukurikirana ingwate birahagarara, ivuga kandi ko kuba iri mu gihombo, Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi ntirwari gufata icyemezo kigira ingaruka kuri splendid mu gihe yahombye.

116 _____

Incamake y'icyemezo: 1. Iyo hamaze kwemezwa ikurikirana ry'igihombo cya sosiyete, nta mutungo wayo wakurwa mu yindi mbere y'igabana ry'ababerewemo imyenda nubwo waba waratanzweho ingwate.

Ubujurire nta shingiro bufite. Amagarama y'urubanza ahwanye n'ibyakozwe muri uru rubanza.

Amategeko yashingiweho:

- Itegeko N° 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, ingingo ya 111.
- Itegeko N° 35/2013 ryo ku wa 29/05/2013 rihindura kandi ryuzuza Itegeko N°12/2009 ryo ku wa 26/05/2009 ryerekeye izahura ry'ubucuruzi n'irangiza ry'ibibazo biturutse ku gihombo, ingingo ya 4.

Nta manza zifashishijwe.

Urubanza

I.IMITERERE Y'URUBANZA

[1] Ku wa 09/09/2016 Urukiko rw'Ubucuruzi rwa Nyarugenge rwaciye urubanza RCOM 00985/16/TC/NYGE, rwemeza itangizwa ry'uburyo bw'ikurikirana bwerekeye igihombo muri Sosiyete Splendid Kalisimbi Ltd, runashyiraho umucungamutungo w'agateganyo wayo Me Mukwende Milimo Olivier, ahabwa inshingano nyamukuru yo gufasha Splendid Kalisimbi Ltd gukomeza gukora.

[2] Ku wa 14/09/2016 Me Mukwende Milimo Olivier yandikiye BRD Ltd ibaruwa ayimenyesha ko gukurikirana umwenda yari ifitiwe na Splendid Kalisimbi Ltd bibaye bisubitswe kubera ko Urukiko rwemeje itangizwa ry'uburyo bw'ikurikirana bwerekeye igihombo muri iyo sosiyete.

Ku wa 21/01/2017, BRD Ltd yatanze ikirego mu Rukiko [3] rw'Ubucuruzi rwa Nyarugenge isaba icyemezo gikuraho isubika ryo gukurikirana umwenda wayo ufite ingwate, kuko nta gahunda y'izahura (plan de redressement) yatanzwe n'umucungamutungo w'agateganyo wa Splendid Kalisimbi Ltd ngo yemezwe n'Urukiko, ko iramutse yaranatanzwe nta gaciro yagira, kuko itabanje kwemezwa n'inama y'ababerewemo imyenda (comité de kandi ko n'izahura ritashoboka créanciers). mu gihe komite umucungamutungo w'agateganyo adakoranye na y'ababerewemo imyenda, ndetse nta na gahunda ihamye y'izahura afite. Urukiko rw'Ubucuruzi rwa Nyarugenge rwemeje ko ikirego cya BRD Ltd nta shingiro gifite, ruyitegeka kwishyura Splendid Kalisimbi Ltd indishyi z'igihembo cya Avoka.

[4] BRD Ltd yajuririye Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi, ivuga ko umucamanza yaciye urubanza ku bitarasabwe, ko Urukiko rwemeje ko habayeho gahunda y'izahura yatanzwe na Splendid Kalisimbi Ltd en liquidation kandi nta bimenyetso, rukirengagiza ko hari amategeko atarubahirijwe n'umucungamutungo w'agateganyo, ndetse ko rwemeje ko izahura rya Splendid Kalisimbi Ltd rishoboka mu buryo bunyuranyije n'amategeko.

[5] Urwo Rukiko rwemeje ko imikirize y'urubanza RCOM 00351/2017/TC/NYGE rwaciwe n'Urukiko rw'Ubucuruzi rwa

118 _____

Nyarugenge idahindutse, rutegeka ko umutungo uri mu kibanza N° 1/01/09/03/867, mu Mujyi wa Kigali, Akarere ka Nyarugenge, Umurenge wa Nyarugenge, Akagari ka Kiyovu, utavanwa mu mitungo ya Splendid Kalisimbi Ltd en liquidation igomba kugurishwa.

[6] BRD Ltd yajuririye Urukiko rw'Ikirenga, urubanza rwimurirwa mu Rukiko rw'Ubujurire hashingiwe ku biteganywa n'ingingo ya 105, y'Itegeko N° 30/2018 ryo ku wa 02/06/2018 rigena ububasha bw'inkiko, ruhabwa RCAA 00058/2018/CA.

[7] Urubanza rwaburanishijwe mu ruhame ku wa 26/03/2019, BRD Ltd iburanirwa na Me Mugeni Anita, Splendid Kalisimbi Ltd en liquidation ihagarariwe n'umucungamutungo w'agateganyo Me Mukwende Milimo Olivier, yunganiwe na Me Murutasibe Joseph hamwe na Me Nyiringabo Théoneste.

[8] Mu ntangiro y'iburanisha Me Murutusibe Joseph, yavuze ko inzitizi y'iburabubasha batanze y'uko BRD Ltd yatsinzwe ku mpamvu zimwe mu nzego zombi zabanje bayiretse, ariko bakomeje inzitizi y'iburabubasha irebana nuko nta gaciro kuri 50.000.000 k'ikiburanwa kageze Frw kemeiwe n'umucamanza igihe habaye impaka. Nyuma yo kumva impande zombi kuri iyo nzitizi, Urukiko rwafatiye icyemezo mu ntebe, maze rushingiye ku biteganywa n'ingingo ya 28, igika cya 2, agace ka 7°, v'Itegeko Ngenga N° 03/2012/OL ryo kuwa 13/06/2002 rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'Urukiko rw'Ikirenga rusanga urubanza ruri mu bubasha bwarwo kuko ingwate BRD Ltd isaba kugurisha ifite agaciro gasumba kure 50.000.000Frw yateganyijwe n'itegeko kubera ko kangana na 2.300.000.000Frw, rukomerezaho iburanisha mizi mu v'urubanza.

II. IBIBAZO BIGIZE URUBANZA N'ISESENGURA RYABYO

1. Kumenya niba hari amategeko atarubahirijwe mu rubanza rujuririrwa

a) Ku byerekeranye no kuba umucamanza yaraciye urubanza ku kitarajuririwe

[9] Me Mugeni Anita uhagarariye BRD Ltd avuga ko umucamanza yaciye urubanza ku kitarajuririwe, kuko BRD Ltd yajuririye gukuraho icyemezo cyafashwe ku kirego kirebana no gusaba ko icyemezo gisubika ikurikirana ry'umwenda ufite ingwate kivanwaho, ariko urukiko rukaba rutarigeze rugisuzuma ngo rugifateho icyemezo ahubwo rukaba rwarafashe icyemezo ku byerekeye ishyirwa mu gihombo rya Splendid Kalisimbi Ltd.

[10] Me Mugeni Anita avuga ko batunguwe no kubona umucungamutungo w'agateganyo agaragaza icyemezo cy'urukiko cyo kongerera Splendid Kalisimbi Ltd en liquidation igihe cy'izahura cyatanzwe amezi atandatu ateganywa n'itegeko yararangiye.

[11] Me Murutasibe Joseph na Me Nyiringabo Théoneste bavuga ko ingingo ya 4, y'Itegeko ryerekeye izahura ry'ubucuruzi n'irangiza ry'ibibazo biturutse ku gihombo ryo mu mwaka wa 2013, iteganya impamvu zituma gukurikirana ingwate bivanwaho, kandi ko sosiyete Splendid Kalisimbi Ltd en liquidation iri mu gihombo, akaba ari nta mpamvu y'ibyo BRD Ltd isaba. Bavuga ko Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwasuzumye ingingo z'ubujurire rwari rwashyikirijwe ruzifataho icyemezo kandi ko rutari gufata icyemezo kigira ingaruka kuri Splendid Kalisimbi Ltd en liquidation mu gihe yahombye, ikaba itakiriho nk'umucuruzi.

[12] Bakomeza bavuga ko inama y'ababerewemo imyenda yatinze kujyaho bitewe n'amananiza umucungamutungo w'agateganyo yashyizweho na BRD Ltd, ari nayo mpamvu igihe cy'izahura cyongerewe.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[13] Ingingo ya 4 y'Itegeko N° 35/2013 ryo ku wa 29/05/2013 ihindura kandi ikuzuza ingingo ya 37 y'Itegeko N°12/2009 ryo ku wa 26/05/2009 ryerekeye izahura ry'ubucuruzi n'irangiza ry'ibibazo biturutse ku gihombo iteganya ko "*uhereye ku itariki y'itangizwa ry'uburyo bw'ikurikirana ry'igihombo:*

> 1° Gutangiza cyangwa gukomeza ibirego by'umuntu ubwe cyangwa uburyo bw'ikurikirana bureba ibintu by'ugomba kwishyura hamwe n'uburenganzira, inshingano cyangwa uburyozwe by'ugomba kwishyura biba bisubitswe;

> 2º Kurangiza imanza zirebana n'umutungo w'urimo umwenda biba bisubitswe;

3° Uburenganzira bwo guhagarika amasezerano n'ugomba kwishyura buba busubitswe;

4° Uburenganzira bwo guhererekanya, gutangaho ingwate cyangwa bwo gukoresha umutungo w'ugomba kwishyura buba busubitswe.

[14] Dosiye y'urubanza igaragaza ko BRD Ltd yareze isaba gukuraho icyemezo cyasubitse ikurikirana ry'umwenda ufite

ingwate, ishaka kwemererwa kugurisha ingwate yari yarahawe na Splendid Kalisimbi Ltd en liquidation igihe iyi yari yarashyiriweho itangiza ry'uburyo bw'ikurikirana bwerekeye igihombo, ndetse urukiko rwarashyizeho umucungamutungo w'agateganyo, ariko Urukiko rw'Ubucuruzi rwa Nyarugenge ruza kwemeza ko Splendid Kalisimbi Ltd en liquidation yahombye uru rubanza rugeze mu bujurire.

[15] Dosiye y'urubanza igaragaza ko mu bujurire Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi, rwari rwasabwe gusuzuma niba Urukiko rw'Ubucuruzi rwa Nyarugenge rwaraciye urubanza ku kitarasabwe, gusuzuma niba nta kimenyetso cyatanzwe kigaragaza ko habayeho gahunda y'izahura yatanzwe na Splendid Kalisimbi Ltd en liquidation, gusuzuma niba umucungamutungo w'agateganyo atarubahirije amategeko no gusuzuma niba urukiko rwaremeje ko izahura rya Splendid Kalisimbi Ltd en liquidation rishoboka mu buryo bunyuranyije n'amategeko, ariko urukiko rusanga hari ibitagomba gusuzumwa, kuko nyuma y'ipfundikira ry'urubanza hagaragaye icyemezo cyashize mu gihombo Splendid Kalisimbi Ltd en liquidation, bituma Urukiko rusuzuma gusa niba ingwate yahawe BRD Ltd yakurwa mu mutungo ugomba kugurishwa n'uwashinzwe iseswa rya Splendid Kalisimbi Ltd en liquidation n'isaranganyamutungo wayo, ariko rusanga icyifuzo cya BRD Ltd nta shingiro gifite kubera ko igomba gutegereza gahunda y'igabana kuko iri mu baberewemo imyenda bagomba kwishyurwa mbere kandi ingwate yahawe nyirayo nawe akiyifiteho uburenganzira.

[16] Urukiko rurasanga, ibyo BRD Ltd ivuga ko Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rutasuzumye ingingo z'ubujurire zijyanye no kumenya niba Urukiko rw'Ubucuruzi rwa Nyarugenge

122 _____

rwaraciye urubanza ku kitarasabwe, gusuzuma niba nta kimenyetso cyatanzwe kigaragaza ko habayeho gahunda y'izahura yatanzwe na Splendid Kalisimbi Ltd en liquidation, gusuzuma niba umucungamutungo w'agateganyo atarubahirije amategeko no gusuzuma niba Urukiko rwaremeje ko izahura rya Splendid Kalisimbi Ltd en liquidation rishoboka mu buryo n'amategeko zavuzwe haruguru bunvuranviie bitahabwa ishingiro, kubera ko, nk'uko byasobanuwe mu gika cya 9, cy'urubanza rujuririrwa, yasabaga ibidashoboka hashingiwe ku ngingo ya 4 y'Itegeko Nº 35/2013 ryo ku wa 29/05/2013 ryavuzwe haruguru, iteganya ko "uhereye ku itariki y'itangizwa ry'uburyo bw'ikurikirana ry'igihombo gutangiza cyangwa gukomeza ibirego by'umuntu ubwe cyangwa uburyo bw'ikurikirana bureba ibintu by'ugomba kwishyura hamwe n'uburenganzira, inshingano cyangwa uburyozwe by'ugomba kwishyura biba bisubitswe, bityo rero Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rukaba nta kosa rwakoze, kuko rutagombaga gufata icyemezo ku birebana n'izahura rya sosiyete cyangwa uburyo bw'ikurikirana bureba ibintu byayo kubera ko Splendid Kalisimbi Ltd yari yarangije gushyirwa mu gihomba.

b) Ku birebana no kumenya niba ingwate BRD Ltd yahawe yakurwa mu mitungo igomba kugurishwa n'uwashinzwe iseswa n'isaranganyamutungo.

[17] Me Mugeni Anita avuga ko, BRD Ltd yahawe ingwate na Splendid Kalisimbi Ltd en liquidation none ikaba yarashyizwe mu cyamunara, bikaba bitinze kandi ko kuva iyo ngwate yarishingiwe na BRD Ltd 100%, bivuze ko igihe habaye iseswa, ifite uburenganzira bwo gukuramo ingwate yayo ikayigurishiriza nk'uko biteganywa n'ingingo ya 37 ter, y'Itegeko ryerekeye izahura ry'ubucuruzi n'irangiza ry'ibibazo biturutse ku gihombo ryo mu mwaka wa 2009 yagiye ivugururwa mu mwaka wa 2013-2018.

[18] Me Mukwende Milimo Olivier, uhagarariye Splendid Kalisimbi Ltd en liquidation avuga ko ubushake bwo guteza cyamunara buhari, ko BRD Ltd imaze kwishyurwa 99.000.000 Frw kandi ko itagomba kwishyurwa yonyine, kuko hari n'abandi baberewemo umwenda barimo RSSB, RAA, BPR Ltd n'Akarere ka Nyarugenge.

[19] Me Nyiringabo Théoneste avuga ko ibyo BRD Ltd isaba bitakorwa mu gihe sosiyete yasheshwe, ahubwo ko ibyo bikorwa mu gihe cy'izahura.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[20] Urukiko rurasanga ibisabwa na BRD Ltd ko ingwate yahawe yakurwa mu mutungo wa Splendid Kalisimbi Ltd en liquidation ugomba kugurishwa n'ushinzwe igihombo, nta shingiro byahabwa, kuko nk'uko biteganywa n'ingingo ya 4 y'Itegeko N°35/2013 ryo ku wa 29/05/2013 ihindura kandi ikuzuza ingingo ya 37, y'Itegeko N°12/2009 ryo ku wa 26/05/2009 ryavuzwe haruguru, nkuko Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwabisobanuye mu gika cya 15, cy'urubanza rujuririrwa, kuba Splendid Kalisimbi Ltd en *liquidation* yarasheshwe, ntaho Urukiko rwahera rutegeka ko ingwate BRD Ltd ikurikiranye ikurwa mu yindi mitungo igurishwa, kuko iseswa riba rigamije kugurisha ingwate kugira ngo ababerewemo umwenda bishyurwe.

[21] Hashingiwe ku bisobanuro byatanzwe, Urukiko rurasanga, kuba umwenda BRD Ltd yatanze ufitiwe ingwate kuri

124

uwo mutungo, igomba gutegereza igurisha ry'umutungo wa Splendid Kalisimbi Ltd en liquidation, ikishyurwa, nk'uko biteganywa n'amategeko.

2. Ku bijyanye n'indishyi zasabwe muri uru rubanza

[22] Ababuranira Splendid Kalisimbi Ltd en liquidation bavuga ko yakomeje kuburana uru rubanza ku rwego rw'ubujurire bwa kabiri, basaba Urukiko rw'Ubujurire gutegeka ko yakwishyurwa igihembo cya Avoka kingana na miliyoni eshatu (3.000.000Frw) kuri buri rwego, n'amafaranga y'ikurikiranarubanza angana na miliyoni ebyiri (2.000.000Frw) ku nzego zose urubanza rwaburanishijwemo.

[23] Uburanira BRD Ltd avuga ko indishyi zisabwa nta shingiro ryazo kuko ari uburenganzira ihabwa n'amategeko bwo kugaragaza ibyo itishimiye mu mikirize y'urubanza rujuririrwa harimo n'amategeko atarubahirijwe.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[24] Ingingo ya 111 y'Itegeko N° 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi iteganya ko ikirego cy'amafaranga y'ikurikiranarubanza ni ikirego gishamikiye ku kirego cy'iremezo kigamije kwishyuza ibyakoreshejwe mu rubanza.

[25] Urukiko rurasanga Splendid Kalisimbi Ltd en liquidation yaraburaniwe n'aba Avoka yishyura, bityo BRD Ltd igomba kuyiha 500.000Frw y'igihembo cya Avoka na 300.000Frw y'ikurikiranarubanza agenwe mu bushishozi bw'Urukiko kuko ayo isaba ari ikirenga.

III. ICYEMEZO CY'URUKIKO

[26] Rwemeje ko ubujurire bwatanzwe na BRD Ltd nta shingiro bufite.

[27] Rwemeje ko urubanza RCOMA 00476/2017/CHC/HCC rwaciwe n'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi ku wa 19/05/2017 rudahindutse, uretse amafaranga y'ikurikiranarubanza n'igihembo cya Avoka agenewe Splendid Kalisimbi Ltd (en liquidation) kuri uru rwego.

[28] Rutegetse BRD Ltd guha Splendid Kalisimbi Ltd en liquidation 800.000Frw akubiyemo ay'ikurikiranarubanza n'igihembo cya Avoka.

[29] Ruvuze ko amagarama yatanzwe ahwanye n'ibyakozwe muri uru rubanza.

URUBANZA RW'UBUTEGETSI

9

D

IKIGO CY'UBWITEGANYIRIZE MU RWANDA (RSSB) v. TWAGIRAMUNGU

[Rwanda URUKIKO RW'IKIRENGA – RS/INJUST/RAD 00004/2018/SC – (Rugege, P.J., Cyanzayire, Kayitesi R, Hitiyaremye na Rukundakuvuga, J.) 30 Nyakanga 2019]

Amategeko agenga umurimo – Impanuka y'akazi – Ubumuga bwo mu mutwe – Ibarwa ry'indishyi zihabwa uwagize ubumuga bwo mu mutwe bukomoka ku mpanuka y'akazi, rikorwa kimwe n'izishingiye k'ubumuga bw'umubiri bwatewe n'impanuka y'akazi ziteganywa n'Iteka rya Perezida.

Incamake y'icyemezo: Twagiramungu yakoze impanuka y'akazi, umukoresha we abimenyesha RSSB, Umuganga wamusuzumye yerekanye ko afite ubumuga buhoraho bwa 45%, naho umuganga ngishwanama wa RSSB we yerekana ko afite ubumuga bwa 10%. Twagiramungu yasabye RSSB kumufasha muri ubwo bumuga yagize, imusubiza ko ntacyo yamumarira kuko nta nyandiko afite zemeza ko yamugaye.

Twagiramungu yareze RSSB mu Rukiko Rwisumbuye asaba ko yahabwa ibyo amategeko amwemerera biturutse ku mpanuka y'akazi yagize asaba no guhabwa indishyi zinyuranye. Urwo Rukiko rwategetse RSSB kumuha amafaranga yatanze yivuza, ayo yatanze ku ngendo yivuza, ay'insimburamushahara y'igihe atashoboye gukora, ay'ubumuga n'amafaranga y'ikurikiranarubanza. Mu kugena amafaranga ay'ubumuga buhoraho, rwashingiye ku kigero cy'ubumuga bwa 45% bwemejwe n'umuganga wo mu bitaro yivurizagamo. RSSB yajuririye Urukiko Rukuru ivuga ko Urukiko rubanza rwemeje urugero rw'ubumuga bwa 45% rwirengagije amategeko igenderaho, ruyitegeka kwishyura Twagiramungu amafaranga yo kwivuza kandi RSSB yarayishyuraga ibitaro byamuvuye, rugena amafaranga y'ingendo mu buryo bunyuranyije n'ibyo amategeko ateganya, rubara nabi amafaranga y'insimbura mushahara, ndetse ruyitegeka kwishyura indishyi kandi ari uwo baburana wishoye mu manza zitari ngombwa. Twagiramungu nawe yatanze ubujurire bwuririye ku bundi. Urukiko rwaciye urubanza rwemeza ko ubujurire bwa RSSB bufite ishingiro ku byerekeye amafaranga yo kwivuza, n'ay'ingendo, rwemeza ko ubujurire bwuririye ku bundi bufite ishingiro ku byerekeye amafaranga y'ikurikiranarubanza n'igihembo cya Avoka, kandi ko amafaranga ya buri kwezi y'ubumuga buhoraho agomba gutangwa guhera umunsi ukurikira uwo impanuka yabereyeho kugeza ku wa 22/03/2013 aho kuba ku wa 31/5/2013 .

RSSB yandikiye Urwego rw'Umuvunyi isaba ko urwo rubanza rwasubirwamo ku mpamvu z'akarengane ivuga ko mu kugena ubumuga buhoraho Urukiko Rukuru rwirengagije ibyo amategeko ateganya mu gukemura impaka zerekeranye n'ikigero cy'ubumuga bwatewe n'impanuka y'akazi. Urwego rw'Umuvunyi, rwandikiye Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga rumusaba ko urwo rubanza rwasubirwamo kumpamvu z'akarengane. Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga yemeje ko urwo urubanza rugomba kongera kuburanishwa.

Mu iburanisha Twagiramungu yitabye Urukiko adafite imbaraga zo kuburana, asaba ko rwafata icyemezo gitegeka RSSB kumuha amafaranga yo kwivuza no kumusinyira akajya kwivuza, kuko itamuha amafaranga uko bikwiye, ikaba yaranze no kumusinyira kandi afite ``rendez-vous`` yo kujya kubonana n'Umuganga w'indwara zo mu mutwe. Mu rubanza rubanziriza urundi, Urukiko rwategetse RSSB gufasha Twagiramungu kuvuzwa mu bitaro bya CARAES Ndera ku bijyanye n'indwara yo mu mutwe, no kumuvuza indwara y'umubiri ikomoka ku mpanuka mu bitaro by'Umwami Faysal, kandi ikamufasha no kubona imiti yandikiwe n'abaganga b'ibyo bitaro, Urukiko rwanayitegetse kandi kubahiriza icyemezo cy'Urukiko ku bijyanye n'amafaranga yategetswe kumuha, kimwe n'ibirarane itamuhaye, mu gihe hagitegerejwe umwanzuro w'Abaganga.

RSSB yongeraho ko akarengane ka mbere muri uru rubanza kubara amafaranga y'ubumuga bw'umubiri aruko mu hashingiwe ku rugero ry'ubumuga bwa 45% byagenwe n'abatabifitiye ububasha, ariko ko ubu byakemuwe na Raporo y'Akanama k'Abaganga kashyizweho na **MINISANTE** kagaragaje ko afite ubumuga bw'umubiri bungana na 20%, bakaba basaba ko aricyo gipimo cy'ubumuga cyakoreshwa mu kubara amafaranga y'ubumuga bw'umubiri. Twagiramungu nawe avuga ko yemera ubumuga bwa 20% bw'umubiri bwagaragajwe n'Akanama k'Abaganga.

Iburanisha risubukuwe, RSSB ivuga kandi ko indi mpamvu y'akarengane ishingiye ku mafaranga y'insimburamushahara yabariwe kandi icyo gihe umukoresha we yarakomeje kumuhemba kuva yakora impanuka akaba yarahembwe amezi ane bityo isanga ayo agomba guhabwa ari ayo kuva igihe umukoresha we yahagarikiye umushahara we. Twagiramungu we asanga urukiko ntaho rwibeshye mu kubara ayo mafaranga, bityo ko ayo mafaranga atahinduka.

Ku kibazo cyo kumenya niba ubumuga bwo mu mutwe bwa 80% afite bukomoka ku mpanuka y'akazi yagize ku buryo yahabwa amafaranga ajyana nabwo, avuga ko bwatewe n'uko RSSB itamuvuje neza, agasobanura ko Raporo yakozwe n'Umuganga igaragaza ko ubumuga bwo mu mutwe afite bufitanye isano

n'impanuka yagiriye ku kazi akaba asaba ko RSSB yaryozwa ubwo burangare. RSSB ivuga ko ntakigaragaza ko ubwo bumuga yabutewe n'impanuka bityo ikaba isanga ubwo bumuga bwe bwo mu mutwe butayiryozwa.

Incamake y'icyemezo:1. Ibarwa ry'indishyi zihabwa uwagize ubumuga bwo mu mutwe bukomoka ku mpanuka y'akazi, rikorwa kimwe n'izishingiye k'ubumuga bw'umubiri bwatewe n'impanuka y'akazi ziteganywa n'Iteka rya Perezida.

Ikirego gisaba gusubirishamo urubanza ku mpamvu z'akarengane gifite ishingiro kuri bimwe; Ubujurire bwuririye ku bundi bufite ishingiro kuri bimwe.

Amategeko yashingiweho:

- Itegeko N° 22/2018 yo ku wa 29/4/2018 yerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, ingingo ya 12 Iteka rya Minisitiri N° 1931 bis/06 ryo ku wa 08/12/1987 rishyiraho uburyo bwo kumenyesha impanuka n'indwara zikomoka ku kazi, ingingo ya 6 igika cya 4.
- Itegeko Teka ryo ku wa 22/8/1974 rigena ubwiteganyirize bw'abakozi, nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu, ingingo ya 22 n'iya 23
- Iteka rya Perezida N° 069/01 ryo ku wa 13/04/2018 ryongera amafaranga ya pansiyo n'ay`ibyago bikomoka ku kazi atangwa n'Ikigo cy'Ubwiteganyirize mu Rwanda, ingingo ya 2
- Itegeko ryo ku wa 30 Nyakanga 1888 ryerekeye ibyerekeye imirimo nshinganwa cyangwa amasezerano, ingingo ya 259.

132

Urubanza

I. IMITERERE Y'URUBANZA:

[1] Ku wa 23/11/2012, Twagiramungu Eric yakoze impanuka y'akazi, avunika ukuguru kw'ibumoso maze Trustco Rwanda Company, umukoresha we kuva mu kwezi kwa mbere mu mwaka wa 2012, abimenyesha RSSB. Ku wa 31/05/2013, umuganga ukorera mu bitaro byitiriwe Umwami Faysal wamusuzumye yerekanye ko afite ubumuga buhoraho buri ku kigero cya 45%, naho ku wa 19/06/2013, umuganga ngishwanama wa RSSB we yerekana ko afite ubumuga buri ku kigero cya 10%. Yasabye RSSB kumufasha muri ubwo bumuga yagize biturutse ku mpanuka y'akazi, imusubiza ko ntacyo yamumarira kuko nta nyandiko zemeza ko yamugaye afite.

[2] Twagiramungu Eric yareze RSSB mu Rukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge, asaba kuyitegeka ko imuha ibyo amategeko amwemerera biturutse ku mpanuka y'akazi yakoze, nk'ibijyanye n'insimburamushahara na pansiyo y'izabukuru, asaba no guhabwa indishyi zinyuranye.

[3] Ku wa 30/12/2014, Urukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge, rwaciye urubanza RAD 0132/13/TGI/NYGE, rwemeza ko ikirego cyatanzwe na Twagiramungu Eric gifite ishingiro kuri bimwe, rutegeka RSSB kumuha:

2.336.140Frw yatanze yivuza; 438.000Frw yatanze ku ngendo yivuza; 125.640Frw y'insimburamushahara mu gihe cy'iminsi 180 atashoboye gukora; 20.947Frw y'ubumuga buri kwezi, ibyo bigakorwa kuva ku wa 31/5/2013, igihe muganga w'ibitaro by'Umwami Faysal yemereje urugero rw`ubumuga buhoraho bwa Twagiramungu Eric; gususubiza Twagiramungu Eric 200.000Frw y'ikurikiranarubanza.

[4] Mu kugena amafaranga y'ubumuga buhoraho, Urukiko rwavuze ko urugero rw'ubumuga bugomba gushingirwaho ari ubwemejwe n'umuganga wo mu Bitaro byitiriwe Umwami Faysal bwerekanywe muri raporo yo ku wa 31/5/2013, rwerekana ko Twagiramungu Eric afite ubumuga bwa 45% kubera ko ari naho yivurizaga, bakaba aribo bari baramukurikiranye mu burwayi bwe, aho gushingira kuri raporo yo ku wa 19/6/2013 yakozwe n'umuganga ngishwanama wa RSSB yerekana ko ubumuga afite ari 10% kubera ko urukiko rukemanga ukuri kuyikubiyemo kubera ko yakozwe n'umuganga w'uregwa.

[5] Mu kugena amafaranga y'insimburamushahara, Urukiko rwashingiye ku mafaranga yahembwaga angana na 27.943Frw, ruvuga ko umushahara ngereranyo w'umunsi ari 27.943 x 3:90 = 931Frw, aya mafaranga akubwa 75% by'umushahara ngereranyo wa buri munsi.

RSSB yajuririye Urukiko Rukuru ivuga ko Urukiko [6] Rwisumbuye rwemeje urugero rw'ubumuga bwa 45% rwirengagije amategeko igenderaho, ruyitegeka kwishyura Twagiramungu amafaranga yo kwivuza kandi yarayishyuraga ibitaro byamuvuye, rugena amafaranga y'ingendo mu buryo bunyuranyije n'ibyo amategeko ateganya, rubara nabi y'insimbura mushahara, amafaranga ndetse ruvitegeka kwishyura indishyi kandi ari uwo baburana wishoye mu manza zitari ngombwa. Twagiramungu nawe yatanze ubujurire bwuririye ku bundi.

[7] Urukiko Rukuru rwaciye urubanza RADA 0007/15/HC/KIG ku wa 30/04/2015, rwemeza ko ubujurire bwa RSSB bufite ishingiro ku byerekeye amafaranga yo kwivuza 2.336.140, n'av'ingendo 438.000 yari vategetswe guha Twagiramungu, akaba avanyweho, rwemeza ko ubujurire bwuririye ku bundi bwa Twagiramungu Eric bufite ishingiro ku byerekeye amafaranga y'ikurikiranarubanza n'igihembo cya Avoka, rutegeka RSSB kumuha 300.000Frw na 100.000Frw yiyongera ku mafaranga yari yategetswe kumuha mu rubanza rwajuririwe. Urukiko rwemeje kandi ko amafaranga 20.947Frw ya buri kwezi y'ubumuga buhoraho agomba gutangwa guhera umunsi ukurikira uwo impanuka yabereyeho kugeza ku wa 22/03/2013 aho kuba ku wa 31/5/2013, ni ukuvuga iminsi 119 aho kubara iminsi 180.

[8] RSSB yandikiye Urwego rw'Umuvunyi isaba ko urwo rubanza rwasubirishwamo ku mpamvu z'akarengane, ivuga ko mu kugena ubumuga buhoraho bwa Twagiramungu, Urukiko Rukuru rwirengagije amategeko kandi hari uburyo ateganya mu gukemura impaka zerekeranye n'ikigero cy'ubumuga bwatewe n'impanuka y'akazi, iyo nzira RSSB ikaba yari yarayitangije yandikira Minisitiri w'Ubuzima imusaba ko yashyiraho Akanama k'Abaganga bo gupima Twagiramungu nk'uko biteganywa n'ingingo ya 6 y'Iteka rya Minisitiri N°1931BIS/06 ryo ku wa 08/12/1987 rishyiraho uburyo bwo kumenyesha impanuka n'indwara zikomoka ku kazi.

[9] Urwego rw'Umuvunyi, rwandikiye Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga, ruvuga ko imikirize y'urubanza N° RADA

0007/15/HC/KIG igaragaramo akarengane¹, rusaba ko rwasubirwamo.

[10] Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga, ashingiye kuri Raporo y'Ubugenzuzi Bukuru bw'Inkiko, mu cyemezo N° 028/2018 yemeje ko urubanza RADA 0007/15/HC/KIG rugomba kongera kuburanishwa, iburanisha rishyirwa kuwa 24/07/2018, ariko uwo munsi ugeze, ntirwaburanishwa kubera ivugururwa ry'amategeko.

[11] Iburanisha ry`urubanza ryashyizwe ku wa 10/10/2018, urubanza ntirwaburanishwa kubera ko Twagiramungu Eric yitabye ariko adafite imbaraga zo kuburana, ahubwo asaba Urukiko ko rwafata icyemezo gitegeka RSSB kumuha amafaranga yo kwivuza no kumusinyira akajya kwivuza, kuko itamuha amafaranga uko bikwiye, ikaba yaranze no kumusinyira kandi afite ``rendez-vous`` yo kujya kubonana n'Umuganga w'indwara zo mu mutwe. Yasobanuye ko abaganga bo mu bitaro byitiriwe Umwami Faysal bamukurikirana, basanze afite ikibazo mu mutwe bamwohereza mu bitaro by`indwara zo mu mutwe i Ndera, iburanisha rishyirwa ku munsi utazwi (sine die).

136

¹ Urwego rw'Umuvunyi rusobanura ko Urukiko Rukuru rwashingiye ku kigero cy'ubumuga buhoraho RSSB itemera kandi ntirwakurikiza amategeko mu bijyanye no gukemura impaka zijyanye n'ikigero cy'ubumuga bwatewe n'impanuka yo ku kazi.

Ruvuga ko mu gihe Urukiko rwabonaga ko ubwumvikane hagati ya Twagiramungu Eric na RSSB bwananiranye, kandi rukaba rwari rwamenyeshejwe ko RSSB yandikiye Minisitiri w'Ubuzima imusaba ko yashyiraho Akanama k'abaganga nk'uko biteganywa n'ingingo ya 6 y'Iteka rya Minisitiri N° 1931/bis/06 ryo ku wa 08/12/1974 rishyiraho uburyo bwo kumenyesha impanuka n'indwara zikomoka ku kazi, rwari gukoresha ububasha bwarwo maze ishyirwaho ry'ako kanama rikihutishwa ariko ntiruce urubanza rushingiye kuri raporo z'abaganga zitumvikanweho, kandi itegeko riteganya uko bikemuka iyo habayeho impaka nk'izo.

[12] Uru Rukiko rukurikije icyemezo cyo ku wa 01/10/2018 cy'Akanama k'Abaganga kemeje ko Twagiramungu Eric agomba gupimwa ibyerekeye uburwayi bwe bwo mu mutwe nyuma yo guhabwa ubuvuzi bukwiye; rukurikije raporo yo ku wa 23/2/2017 yatanzwe na Muganga w'ibitaro bya CARAES Ndera igaragaza ko Twagiramungu Eric afite ubumuga buhoraho buri ku kigero cya 80%; rwategetse RSSB gufasha Twagiramungu kuvuzwa mu bitaro bya CARAES Ndera ku bijyanye n'indwara yo mu mutwe, no kumuvuza indwara y'umubiri ikomoka ku mpanuka mu bitaro by`Umwami Faysal, kandi ikamufasha no kubona imiti yandikiwe n'abaganga b'ibyo bitaro.

[13] Urukiko rwategetse kandi ko Twagiramungu nyuma y'amezi 3, azongera gusuzumwa n'Akanama k'Abaganga kavuzwe haruguru, kugira ngo hagaragazwe ubumuga bwe buhoraho (ubumuga bw'umubiri n'ubw'umutwe), ndetse hakagaragazwa n'itariki ibikomere byasubiranye (consolidation). Rwategetse RSSB kubahiriza icyemezo cy'Urukiko ku bijyanye n'amafaranga yategetswe guha Twagiramungu Eric, kimwe n'ibirarane itamuhaye, mu gihe hagitegerejwe umwanzuro w'Abaganga.

[14] Urubanza rwagombaga kuburanishwa ku wa 23/04/2019 ariko uwo munsi iburanisha ntiryaba kubera ko Twagiramungu nta Avoka yari afite umwunganira kuko Me Murekatete B. Marguerite wari usanzwe amwunganira, yari yarafatiwe ibihano atarabirangiza. Iburanisha ryimuriwe ku wa 28/05/2019, ababuranyi bose bamenyeshwa iyo tariki.

[15] Mbere y'uko iburanisha risubukurwa, Twagiramungu yashatse undi avoka witwa Me Karangwayire Epiphanie kugirango amwunganire, ariko ibyo Twagiramungu Eric yategetswe n'Urukiko byo kongera gusuzumwa n'Akanama

k'Abaganga, kugira ngo hagaragazwe ubumuga bwe buhoraho (ubumuga bw'umubiri n'ubw'umutwe), ndetse hakagaragazwa n'itariki ibikomere byasubiranye (consolidation) bikaba bitarakozwe.

[16] Me Karangwayire Epiphanie umwunganira yashyikirije Urukiko inyandiko zirimo ibaruwa yo ku wa 16/04/2019 RSSB yandikiye Twagiramungu imwibutsa ko agomba kujya mu bitaro byitiriwe Umwami Faysal kwipimisha kugirango muganga agaragaze ubumuga asigaranye.

[17] Urubanza rwongeye kuburanishwa ku wa 28/05/2019 hasuzumwa niba ibyategetswe n'Urukiko byo gupima ubumuga bwa Twagiramungu Eric byaba byarakozwe, rusanga bitarigeze bikorwa, muri iryo buranisha hanasuzumwe ibyasabwe na Twagiramungu by'uko yaba ahawe amafaranga yo kumutunga mu gihe urubanza rutaracibwa, kuko ubuzima bwe bugenda burushaho kwangirika kubera ko haziyemo n'izindi ndwara zikomoka ku kuba atavuzwa uko bikwiye, kutabona imiti yandikiwe na muganga no kuba abayeho ubuzima bubi kuko adafite ikimutunga n'uburyo bwo kuriha abamufasha.

[18] Urukiko rwafashe icyemezo cy'agateganyo (ADD) kuri ibyo byasabwe na Twagiramungu Eric, rutegeka MINISANTE gushyiraho Akanama k'abaganga ku buryo bwihuse kagomba kugaragaza ubumuga bwo mu mutwe n'ubw'umubiri Twagiramungu Eric afite n'aho agomba kuvurirwa, kandi raporo ikaba yageze mu Bwanditsi bw'Urukiko rw'Ikirenga bitarenze ku wa 20/06/2019, rutegeka RSSB guhita imuvuza indwara zikomoka ku bumuga yatewe n'impanuka mu bitaro byitiriwe Umwami Faysal no mu bitaro by' i Ndera bivura indwara zo mu mutwe n'ahandi hose hagenwa n'abaganga bo muri ibyo bitaro, rutegeka RSSB kumugurira imiti yose yandikiwe n'abaganga bidatinze kugirango hirindwe izindi ngaruka mbi ku buzima bwe, rutegeka RSSB guhita iha Twagiramungu Eric 2.000.000 Frw yo kumufasha kubaho n`ingendo zo kwivuza mu gihe urubanza rutararangira, rutegeka RSSB gukurikirana ko raporo y'akanama k'abaganga iboneka ikagezwa ku Rukiko, Twagiramungu Eric nawe ategekwa kwitaba Akanama k'abaganga igihe cyose kamukeneye.

[19] MINISANTE yagejeje ku Rukiko rw'Ikirenga Raporo y'Akanama k'Abaganga ku wa 08/7/2019 nk'uko yari yabitegetswe. Iyo raporo igaragaza ko Twagiramungu Eric afite ubumuga bw'umubiri bungana na 20%, n'ubumuga bwo mu mutwe bungana na 80%.

[20] Urubanza rwongeye kuburanishwa ku wa 10/07/2019, RSSB ihagarariwe na Me Nsabimana James afatanyije na Me Sekabuke Jean Paul, Twagiramungu Eric yunganiwe na Me Karangwayire Epiphanie, Me Murekatete Marguerite na Me Twagirumugabe Alexis. Iburanisha ryarapfundikiwe, ababuranyi bamenyeshwa ko urubanza ruzasomwa ku wa 30/07/2019.

II.IBIBAZO BIGIZE URUBANZA N'ISESENGURA RYABYO

Kumenya amafaranga Twagiramungu Eric agomba guhabwa ahwanye n'ubumuga bw'umubiri.

[21] Me Nsabimana James na Me Sekabuke Jean Paul bahagarariye RSSB bavuga ko akarengane ka mbere muri uru rubanza ari uko Urukiko Rukuru rwa Kigali mu kubara amafaranga y'ubumuga bw'umubiri agomba kugenerwa Twagiramungu, rwashingiye ku ngano y'ubumuga bwa 45% yagenwe n`abatabifitiye ububasha, ko ariko kuri ubu byakemuwe na Raporo y'Akanama k'Abaganga kashyizweho na MINISANTE kagaragaje ko afite ubumuga bw'umubiri bungana na 20%, bakaba basaba ko aricyo gipimo cy'ubumuga (taux d'incapacité physique/physical disability) cyakoreshwa mu kubara amafaranga y'ubumuga bw'umubiri Twagiramungu agomba kugenerwa.

Me Nsabimana James na Me Sekabuke Jean Paul bavuga [22] kandi ko uburyo bwakoreshejwe n'Urukiko Rukuru habarwa ayo mafaranga atari bwo kuko Umucamanza yayabaze nk'insimburamushahara, aho yafashe umushahara yabonaga ku munsi wa 931 (27.943Frw ku kwezi) x iminsi 30 x 75% x 45%= 20.847Frw, aho gufata umushahara we ku munsi wa 931 x30 x 85% x 20% =4.748Frw, akaba ariyo agomba kubona buri kwezi. Bavuga ariko ko hashingiwe ku ngingo ya 2 y'Iteka rya Perezida Nº 069/01 ryo ku wa 13/04/2018 ryongera amafaranga ya pansiyo n'ay`ibyago bikomoka ku kazi atangwa n'Ikigo cy'ubwiteganyirize mu Rwanda, Twagiramungu Eric yahabwa 13.000Frw buri kwezi.

[23] Me Karangwayire Epiphanie, Me Murekatete Marguerite na Twagirumugabe Alexis bunganira Twagiramungu, bavuga ko bemera ubumuga bwa 20% bw'umubiri bwa Twagiramungu bwagaragajwe n'Akanama k'Abaganga.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[24] Urukiko rusanga koko mu kugenera Twagiramungu amafaranga y`ubumuga, Urukiko Rukuru rwaranyuranyije n`ibiteganywa n`Itegeko kuko rwashingiye ku gipimo cy`ubumuga cya 45% cyagenwe n`umuganga wamuvuye, aho

140

kugenwa n'Akanama k'Abaganga nkuko biteganywa n'ingingo ya 6, igika cyayo cya 4 y'Iteka rya Minisitiri N° 1931 bis/06 ryo ku wa 08/12/1987 rishyiraho uburyo bwo kumenyesha impanuka n'indwara zikomoka ku kazi iteganya ko: ``[......], iyo habaye impaka ku byerekeye itariki umurwayi yakiriyeho, ku gihe ibikomere byoroheyeho cyangwa se ku kigereranyo cy'ubumuga bwe budatezuka, nyir'ubwite ashyikiriza ikibazo Akanama Karenganura, nako kakifashisha Akanama k'Abaganga gashyirwaho na Minisitiri ushinzwe ubuzima mu gukemura izo mpaka``.

[25] Urukiko rw'Ikirenga rusanga rero uburyo ayo mafaranga yabazwemo bitarakurikije amategeko kuko nk'uko byagaragajwe na Raporo y'Akanama k'Abaganga kashyizweho na Minisitiri w'ubuzima, Twagiramungu afite ubumuga bw'umubiri bungana na 20% aho kuba 45%, bityo akaba agomba kugenerwa amafaranga y'ubumuga bw'umubiri hashingiwe ku rugero rw'ubumuga bwa 20%, no ku gipimo cya 75% cy'umushara we wa buri munsi nk'uko biteganywa n'ingingo ya 23 y'Itegeko -Teka ryo ku wa 22/8/1974 rigena ubwiteganyirize bw'abakozi, nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu ivuga ko umukozi utarakira burundu, ni ukuvuga ufite ubumuga budahoraho, ahabwa amafanga angana na 75% by'umushara we wa buri munsi, akaba rero agomba kubona (931x30x75%x20%)= 4,189Frw buri kwezi. Rusanga ariko hashingiwe ku ngingo ya 2 y'Iteka rya Perezida Nº 069/01 ryo ku wa 13/04/2018 ryongera amafaranga ya pansiyo n'ay`ibyago bikomoka ku kazi atangwa n'Ikigo cy'Ubwiteganyirize mu Rwanda iteganyako amafaranga y'ubwiteganyirize bwa pansiyo n'ay'ibyago bikomoka ku kazi ahabwa uwiteganyirije adashobora kujya munsi y'ibihumbi cumi na bitatu (13.000Frw) ku kwezi``. Urukiko rusanga rero ayo Twagiramungu Eric agomba guhabwa ari 13.000Frw ku kwezi, aho kuba 20,947Frw nk'uko byari byemejwe mu rubanza rusabirwa gusubirishwamo ku mpamvu z'akarengane.

Kumenya ingano y'amafaranga y'insimburamushahara Twagiramungu Eric yagombaga guhabwa.

[26] Me Nsabimana James na Me Sekabuke Jean Paul baburanira RSSB bavuga ko indi mpamvu y'akarengane ishingiye ku mafaranga y'insimburamushahara yabariwe Twagiramungu, basobanura ko Urukiko rwamuhaye amafaranga kandi icyo gihe umukoresha we yarakomeje kumuhemba kuva yakora impanuka ku wa 23/11/2012. Bavuga ko yahembwe amezi ane (4): ukwezi kwa 11/2012, ukwa 12/2012, ukwa 01/2013 n'ukwa 2/2013, bakaba basanga ayo agomba guhabwa ari ayo kuva igihe umukoresha we yahagarikiye umushahara we, ko basanga agomba kubarirwa umushahara w`iminsi 21, aho kuba iminsi 119, ko kuba urukiko rwaramubariye iminsi ingana gutyo ari akarengane muri urwo rubanza gakwiye gukosorwa.

[27] Me Karangwayire Epiphanie, Me Murekatete Marguerite na Me Twagirumugabe Alexis bunganira Twagiramungu bo basanga ku mibare y'amafaranga yatanzwe n'Urukiko mu rubanza rusabirwa gusubirishwamo ku mpamvu z'akarengane ntaho rwibeshye, ko ayo mafaranga atahinduka.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[28] Urukiko rw'Ikirenga rusanga amafaranga y'insimburamushahara angana na 83,062 Frw mu gihe cy'iminsi 119 yagenwe n'Urukiko Rukuru ariyo Twagiramungu yagombaga guhabwa, kuko nta kimenyetso RSSB yatanze kigaragaza ko kuva aho yakoreye impanuka, yakomeje guhembwa mu gihe cy'iminsi 119 aho kuba 21, hashingiwe ku

142

ngingo ya 12 y'Itegeko N°22/2018 yo ku wa 29/4/2018 yerekeye imiburanishirize y`imanza z`imbonezamubano, iz`ubucuruzi, iz'umurimo n,iz,ubutegetsi ivuga ko "urega agomba kugaragaza ibimenyetso by`ibyo aregera, iyo abibuze uwarezwe aratsinda [...]", bityo hakaba nta karengane RSSB yagiriwe mu buryo bwo kubara amafaranga nsimburamushahara.

Kumenya niba ubumuga bwo mu mutwe bwa 80% Twagiramungu Eric afite bukomoka ku mpanuka y'akazi yagize ku wa 23/12/2012, ku buryo yahabwa amafaranga ajyana nabwo.

[29] Me Karangwayire Epiphanie, Me Murekatete Marguerite na Me Twagirumugabe Alexis bunganira Twagiramungu Eric bavuga ko ubumuga bwo mu mutwe Twagiramungu Eric afite bungana na 80% bwatewe n'uko RSSB itamuvuje neza, bagasobanura ko Raporo yakozwe n'Umuganga w'ibitaro byitiriwe Umwami Faysal igaragaza ko ubumuga bwo mu mutwe Twagiramungu afite bufitanye isano n'impanuka yagiriye ku kazi kuko yahanutse aho yubakaga (mu rwego rw'akazi) akubita umutwe mu kirahuri, ko ariko yavujwe akaguru konyine n'ubwo bagaragaje ko afite ikibazo mu mutwe hamwe n'icy`amenyo yacitse. Bagasobanura ko uko kutamuvura izo ndwara zindi byatumye ubumuga bwo mu mutwe buzamuka bukagera ku rugero rwa 80% rwagaragajwe n'Akanama k'Abaganga, bakaba basanga RSSB igomba kuryozwa ubwo burangare, bashingiye ku ngingo za 258, 259 na 260 z'Itegeko ryo ku wa 30 Nyakanga 1888 ryerekeye ibyerekeye imirimo nshinganwa cyangwa amasezerano, igaha Twagiramungu indishyi zinyuranye zasabwe mu rubanza cyane cyane ko yakoze impanuka akiri muto, ubu akaba ntacyo ashobora kwimarira.

[30] Me Nsabimana James na Me Sekabuke Jean Paul baburanira RSSB, bavuga ko Akanama k'Abaganga kagaragaje ko Twagiramungu afite ubumuga bwo mu mutwe bungana koko na 80%, ariko ko abamwunganira batagaragaza ko ubwo bumuga yabutewe n'impanuka yabaye ku wa 23/11/2012, ahubwo bakavuga ko yabutewe na RSSB kubera kutamuvuza. Basobanura ahubwo ko hari Raporo yakozwe n'Umuganga w'ibitaro bya CARAES Ndera yo ku wa 19/03/2019 igaragaza ko Twagiramungu Eric yagize ``traumatisme cranien``, bo bakaba basanga ubwo bumuga bwe bwo mu mutwe butaryozwa RSSB, ko bo bemera ko yagize impanuka akagira ikibazo ku kuguru gusa, kuko Twagiramungu akora impanuka yayikoreye ahantu hatari ``étage``, kuburyo nta kuntu yaba yaraguye akabanza umutwe hasi. Basaba ko harebwa ``medical file`` ye mu Bitaro by'Umwami Faysal niba yarigeze yivuza mu mutwe.

UKO URUKIKO RUBIBONA.

[31] Dosiye y'urubanza igaragaza inyandiko yo ku wa 21/9//2015 RSSB yandikiye ibitaro byitiriwe Umwami Faysal, iha Twagiramungu uburenganzira bwo kwivuriza muri ibyo bitaro, ikavuga ko icyo yishingiye ari ukuvurwa ukuguru gusa.

[32] Dosiye y'urubanza igaragaza ko mu nyandiko y'isuzumwa rya Twagiramungu Eric ku itariki ya 01/10/2016, Umuganga wa KFH (Neurosurgery Departement), Dr Nkusi E. yagaragaje ko Twagiramungu yagize ibikomere mu bwonko hamwe n'imvune y'ukuguru kw'ibumoso, abivuga muri aya magambo y'icyongereza: *Eric Twagiramungu, 25 years old: traumatic brain injury in 2012 and left leg injury.*

144 ____

[33] Dosiye igaragaza kandi inyandiko y`imiti iri mu rurimi rw`Icyongereza Umuganga w`amenyo w`ibitaro byitiriwe Umwami Faysal yandikiye Twagiramungu igaragaza ko yatakaje amenyo abiri (2) yangirika n`urwasaya ku buryo adashobora kurya neza`` (this above patient lost 2 units of teeth which affects themasticatory function. We recommend to replace the missing 2 units of flexible partial denture.... for 190,000RWF). Abimenyesha kandi RSSB.

[34] Dosiye igaragaza nanone raporo ya Dr Sebera Fidel aho yerekanye mu rurimi rw`igifaransa ko Twagiramungu Eric yagize "traumatisme cranien" ikomoka ku mpanuka y`akazi yagize mu mwaka wa 2012 "(L'Hôpital Caraes a recu Twagiramungu le 14/10/2016 avec un transfert de CHK avec un tableau Clinique dominé par errance, l`agressivité, comportement hallucinatoire, langage incohérent, instabilité biscomotrice, insomnia associé àdes céphalées. Ce tableau clinique est survenu à la suite d`un accident de travail ayant occasioné un traumatisme cranien. Cet accident est survenu en 2012 (cote 85)".

[35] Urukiko rw'Ikirenga rurasanga igihe Twagiramungu yagiraga impanuka, RSSB yari yishingiye kumuvuza gusa ubumuga bw'ukuguru nk'uko bigaragazwa n'inyandiko yo ku wa 21/9/2015 yandikiye ibitaro byitiriwe Umwami Faysal. Urukiko rurasanga ariko nkuko bigaragazwa na Raporo zakozwe n'abaganga batandukanye bagiye basuzuma Twagiramungu, mu bisobanuro byabo, bose bagaragaje ko igihe cy'impanuka habaye kwangirika mu bwonko, RSSB ikaba itarigize imuvuza ubwo burwayi bundi nyamara yari yabugaragarijwe n'abaganga bamukurikiranye. Urukiko rusanga rero RSSB ntaho yahera ihakana ko ubwo burwayi bwo mu mutwe budakomoka kuri iyo

mpanuka yagize ku wa 23/11/2012, ko ari indwara zo mu mutwe yari asanganywe nk`uko ishaka kubyemeza, cyangwa se yaba ari indi mpanuka yaba yarakoze yabiteye nk'uko ibivuga.

[36] Hashingiwe ku bimaze kugaragazwa, Urukiko rusanga kuba RSSB itaravuje Twagiramungu n'ubwo bumuga bwo mu mutwe bwatewe n'impanuka yagize yo ku wa 23/11/2012 kandi yaragombaga kubikora nkuko yabikoze ku bumuga bw'akaguru, hashingiwe ku ngingo ya 22 y'Itegeko-Teka ryo ku wa 22/8/1974 rigenga ubwiteganyirize bw'abakozi nk'uko ryavuguruwe kandi ryujujwe kugeza ubu iteganya ubuvuzi bw'umukozi wagize impanuka y'akazi, kuko iyi ngingo y'Itegeko itavuga ko RSSB yishingira gusa ubumuga bw'umubiri, ikaba rero igomba kuryozwa n'ikiguzi cy'ubuvuzi bw'ubumuga bwo mu mutwe bungana na 80% nk'uko Akanama k'Abaganga kabigaragaje muri Raporo yako yo ku wa 08/7/2019.

[37] Ku birebana n'amafaranga y'ubwo buvuzi bw'ubumuga bwo mu mutwe, Urukiko rusanga nk'uko amafaranga y'ubumuga bw'umuburi yabazwe ari nako amafaranga y'ubumuga bwo mu mutwe agomba kubarwa, bityo RSSB ikaba igomba guha Twagiramungu buri kwezi amafaranga abazwe mu buryo bukurikira: 931 x 30x75% x 80% = 16,758Frw buri kwezi, bityo yose hamwe harimo n'ay'ubumuga bw'umubiri RSSB ikaba igomba kujya imuha buri kwezi 16,758Frw +13,000 Frw =29,758Frw.

Kumenya niba ubujurire bwuririye ku bundi bwatanzwe na Twagiramungu Eric bufite ishingiro.

[38] Twagiramungu n'Abavoka bamwunganira basaba mu bujurire bwuririye ku bwa RSSB ko Urukiko rwategeka ko Twagiramungu avurizwa mu mahanga kubera ko RSSB yatinze kumuvuza, igashyira ubuzima bwe mu kaga kurushaho, bituma ubumuga bwe buzamuka kugeza mu mutwe. Basaba kandi ko yavurwa urwasaya rwangiritse igihe cy`impanuka akanasimburirwa amenyo abiri yatakaje icyo gihe.

[39] Bavuga ko ibyo kumwohereza mu mahanga bidashobotse, basaba ko Urukiko rwafata icyemezo cyo kumutandukanya na RSSB kuko yarangije kumukorera iyicarubozo, Urukiko rukaba rwamugenera 60.000.000 Frw yo kwivuza hamwe na 50.000.000Frw yo kubaho.

[40] Banasaba kandi ko RSSB yabimuhera indishyi z'akababaro na 60,000,000Frw igihembo cya Avoka n`amafaranga yakoresheje asiragizwa mu manza.

[41] Me Nsabimana James na Me Sekabuke Jean Paul baburanira RSSB bavuga ko ibyo kumuvuza hanze batigeze babyanga kuko atariwe waba abaye uwa mbere bavuje hanze y'igihugu, ko ariko ibyo bikorwa ari uko bitegetswe n'abaganga, nyamara kuri Twagiramungu Eric, ibyo bikaba bitarigeze bitegekwa, akaba ahubwo ariwe urushya RSSB yanga gukora ibyo imusaba.

[42] Me Nsabimana James na Me Sekabuke Jean Paul bavuga ko ayo mafaranga atatangwa kuko atari ko amategeko abiteganya, ko ibyo asaba atabyemererwa n'Urukiko.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[43] Ku byerekeye kuvurizwa hanze y'Igihugu Twagiramungu asaba, Urukiko rw'Ikirenga rusanga ntaho rwahera rubitegeka, kuko nta cyemezo cyafashwe n'umuganga kigaragaza ko agomba

kuvurizwa hanze bikemezwa n'Akanama k'Abaganga, hakurikijwe inzira zisanzwe zikoreshwa mu gihe ubuvuzi bwo mu gihugu butabifitiye ubushobozi.

[44] Ku birebana n'ibisabwa na Twagiramungu ko Urukiko rwamutandukanya na RSSB, rukamugenera amafaranga yo kwivuza no kubaho, Urukiko rurasanga ntaho rwahera rubyemeza kuko ubwo buryo bwo kugenera uwishingiwe amafaranga akimenya, ntaho biteganyijwe mu Itegeko rigena mu buryo bwihariye ibigenerwa abagize impanuka n'indwara zikomoka ku kazi. Urukiko rurasanga ahubwo RSSB igomba gukomeza kumuvuza indwara zose zikomoka ku mpanuka y'akazi yagize yo ku wa 23/11/2012 zirimo akaguru, urwasaya, gusimbura amenyo, indwara zo mu mutwe kuva aho agiriye impanuka no kugurirwa imiti yose yandikiwe na Muganga.

[45] Naho ku bijyanye n'indishyi zitandukanye Twagiramungu yasabye mu bujurire bwuririye ku bundi, zikaba zigomba gusuzumirwa hamwe n'indishyi zasabwe n'ababuranyi bombi muri uru rubanza.

Ku byerekeye indishyi RSSB isaba

[46] Me Nsabimana James na Me Sekabuke Jean Paul basaba indishyi zingana na 100.000 Frw zo gushorwa mu manza ku maherere.

[47] Abunganira Twagiramungu Eric basanga indishyi zisabwa na RSSB itazihabwa kuko ariyo yamushoye mu manza yanga kumuha ibyo amategeko amugenera nyuma yo gukora impanuka y`akazi kandi yari yarazigamiwe n`umukoresha we.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[48] Urukiko rw'Ikirenga rusanga indishyi zisabwa na RSSB zo gushorwa mu manza, itazihabwa kuko ariyo yashoje urubanza kuri uru rwego kandi hakaba hari ibyo itsindiwe

Ku byerekeye indishyi Twagiramungu Eric asaba.

[49] Twagiramungu Eric n`abamwunganira basaba RSSB indishyi zikurikira:

Indishyi zingana na 60.000.000Frw kubera ko RSSB yamurangaranye bituma atavurwa neza, ubumuga bw'umuburi n'ubwo mu mutwe bugenda bwiyongera.

amafaranga 1.000.000 yakoresheje mu ngendo akurikirana urubanza hamwe n'ay`igihembo cya Avoka angana na 1.000.000 Frw.

[50] Me Nsabimana James na Me Sekabuke Jean Paul baburanira RSSB bavuga ko amafaranga y'indishyi zitandukanye asabwa na Twagiramungu Eric atayahabwa kuko atari RSSB yamushoye mu manza.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[51] Urukiko rw'Ikirenga rusanga indishyi zisabwa na Twagiramungu Eric zishingiye ku burangare RSSB yamugiriye zifite ishingiro ku bijyanye no kwivuza kwe, imusiragiza mbere yo kumuha ibyemezo bimuhesha uburenganzira bwo kwivuza no kugura imiti, ndetse bikaba bigaragara ko kugeza ubu RSSB yagize uburangare n'umwete muke ntiyamuvuza uko bikwiye urwasaya, ngo inamugurire andi menyo, ibi bikaba byaratumye ubumuga bwe bukomeza kuzamuka hanaziramo n'izindi ndwara, ikaba igomba kubitangira indishyi hashingiwe ku ngingo ya 259 y'Itegeko ryo ku wa 30 Nyakanga 1888 ryerekeye ibyerekeye imirimo nshinganwa cyangwa amasezerano iteganya ko ''umuntu ataryozwa ibyangiritse biturutse ku bikorwa bye bwite gusa, ahubwo anaryozwa ibyangiritse kubera umwete we muke cyangwa ubwitonzi buke''. Urukiko rusanga ariko indishyi Twagiramungu asaba ari nyinshi, mu bushishozi bwarwo rukaba rumugeneye izingana na 12.000.000Frw, hakavanwamo 2.000.000Frw yo kubaho no kwivuza, n'ingendo byategetswe n'uru Rukiko mu rubanza rubanziriza urundi, mu gihe urubanza rwari rutaracibwa burundu, hagasigara10.000.000Frw agomba guhabwa.

[52] Urukiko rusanga kandi Twagiramugu yariyambaje Abavoka bamwunganira muri uru rubanza, hari n`amafaranga yagiye atanga akurikirana urubanza harimo ingendo n`ibindi, kubera iyo mpamvu RSSB ikaba igomba kumuha 1.500.000 Frw y`igihembo cyabo na 300.000Frw y`ikurikiranarubanza.

[53] Ku byerekeye amafaranga yo gusimbuza amenyo, Urukiko rw'Ikirenga rusanga amafaranga Twagiramungu asaba atayahabwa, ahubwo nk'uko byari byategetswe n.uru Rukiko mu rubanza rubanziriza urundi RS/INJUST/RAD 00004/2018/SC rwaciwe ku wa 25/6/2019, RSSB igomba gukomeza kumuvuza indwara zose zikomoka ku bumuga yatewe n'impanuka yo ku wa 23/11/2012, harimo kumuvuza urwasaya no kumugurira amenyo, mu bitaro byitiriwe Umwami Faysal no mu bitaro bya CARAES i Ndera, n'ahandi hose hagenwa n'abaganga b'ibyo bitaro.

III. ICYEMEZO CY'URUKIKO

[54] Rwemeje ko ikirego cyatanzwe na RSSB gisaba gusubirishamo ku mpamvu z'akarengane urubanza RADA 0007/15/HC/KIG rwaciwe n'Urukiko Rukuru rwa Kigali ku wa 30/04/2015 gifite ishingiro kuri bimwe;

[55] Rwemeje ko ubujurire bwuririye ku bundi bwatanzwe na Twagiramungu Eric bufite ishingiro kuri bimwe;

[56] Rwemeje ko imikirize y'urubanza RADA 0007/15/HC/KIG rwaciwe n'Urukiko Rukuru rwa Kigali ku wa 30/04/2015 ihindutse kuri bimwe;

[57] Rwemeje ko Twagiramungu Eric afite ubumuga bw`umubiri bungana na 20%, ubumuga bwo mu mutwe bungana na 80% nk`uko bwemejwe n`Akanama k`Abaganga muri Raporo yako yo ku wa 08/7/2019;

[58] Rwemeje ko ubumuga bwo mu mutwe bwa Twagiramungu Eric bukomoka ku mpanuka y`akazi yagize ku wa 23/11/2012;

[59] Rutegetse RSSB guha Twagiramungu Eric amafaranga y`ubumuga ya buri kwezi angana na 29.758Frw;

[60] Rutegetse ko RSSB igomba gukomeza kumuvuza indwara zose zikomoka ku mpanuka yagize y`akazi yo ku wa 23/11/2012 zirimo akaguru, urwasaya, gusimbura amenyo, indwara zo mu mutwe kuva aho agiriye impanuka y`akazi yo ku wa 23/11/2012, no kugurirwa imiti yose yandikiwe na Muganga kubera ubwo bumuga;

[61] Rutegetse RSSB guha Twagiramungu Eric indishyi zingana na 12.000.000Frw hakavanwamo 2.000.000Frw yahawe ategetswe n'uru Rukiko mu rubanza rubanziriza urundi rwaciwe ku wa 28/05/2019, ikanamuha 300.000Frw y'ikurikiranarubanza hamwe na 1.500.000Frw y'igihembo cya Avoka, yose hamwe akaba angana na 11.800.000Frw.

URUBANZA NSHINJACYAHA

Ø

9

UBUSHINJACYAHA v. NSENGIYUMVA N'ABANDI

[Rwanda URUKIKO RW'UBUJURIRE – RPA 00074/2018/CA (Muhumuza, P.J., Kaliwabo na Tugireyezu, J.) 12 Nyakanga 2019]

Amategeko mpanabyaha – Gucuruza amahembe y'inzovu – Gucuruza amahembe y'inzovu no kuyashakira isoko ntibigize icyaha cyo gushimuta, kwica, gukomeretsa cyangwa gucuruza inzovu nta n'ubwo bigize kuba icvitso mu gushimuta, kwica, gukomeretsa cvangwa gucuruza inzovu ahubwo bigize icvaha cyo kwakira, gutunga, guhisha cyangwa gutanga ngo bahishe ibicuruzwa bazi neza ko bibujijwe cyangwa bisabirwa uruhushya bvatumijwe cyangwa byinjijwe burvo bunvuranije ти n'amategeko Itegeko ry'Umuryango w'Afurika y'Iburasirazuba rigenga imicungire ya za Gasutamo, Ingingo ya 200 (d) (i) (ii).

Incamake y'ikibazo: Uru rubanza rwatangiriye mu Rukiko Rukuru urugereko rwa Rwamagana abaregwa bakurikiranywe n'Ubushinjacyaha ku cyaha cyo gukora ubucuruzi butemewe bw'amahembe y'inzovu mu mwaka wa 2012 kugeza muri Gicurasi 2015, Ubushinjacyaha bukavuga ko bagize uruhare mu kwica inzovu zo mu gihugu cya Tanzaniya, bagakurayo amahembe yazo bambutsaga mu Rwanda, bakayashakira isoko.

Urwo Rukiko rwemeje ko icyaha cyo kwica inzovu rwaregewe kitambuka imipaka kuko Ubushinjacyaha butagaragaje ibimenyetso by'aho inzovu zakuweho amahembe ziciwe, bityo rwemeza ko rudafite ububasha bwo kukiburanisha ku rwego rwa

mbere. Ku birebana n'Urukiko rufite ububasha bwo kuburanisha icyaha cyo gucuruza amahembe y'inzovu, urwo Rukiko rwasanze ibikorwa byo gucuruza amahembe y'inzovu no kuyashakira isoko nta tegeko ribihana mu Rwanda, bityo rwemeza ko urubanza nta Rukiko rugomba koherezwamo, rutegeka ko Nsengiyumva na Karambizi bari bakurikiranywe bafunze barekurwa.

Ubushinjacyaha ntibwishimiye imikirize y'urubanza, bujuririra Urukiko rw'Ikirenga, ubujurire buza koherezwa mu Rukiko rw'Ubujurire nyuma y'ivugururwa ry'inkiko. Mu bujurire bwabwo Ubushinjacyaha buvuga ko Urukiko rukwiye kwemeza ko abaregwa bagize uruhare mu kwica inzovu, kuko bitari gushoboka ko amahembe yazo aboneka zitabanje kwicwa cyangwa ngo zikomeretswe, Ubushinjacyaha bwongeraho ko banahamwa n'ibikorwa byo gucuruza amahembe y'inzovu kuko ngo abaregwa bari abahuza b'abica inzovu bakazikuraho amahembe yazo n'ababa bagomba kuyagura.

Ubushinjacyaha bukomeza busaba gukosora icyemezo cy'Urukiko Rukuru, Urugereko rwa Rwamagana rwavuze ko abaregwa badakwiye gukurikiranwaho icyaha cyo gucuruza amahembe y'inzovu ngo kuko nta tegeko ry'u Rwanda cyangwa amasezerano mpuzamahanga abihana, ko ahubwo Urukiko rwagombaga gushingira ku Itegeko ry'Umuryango w'Afurika y'Iburasirazuba rigenga imicungire ya za Gasutamo.

Muri uru rubanza kandi Urukiko rwemeje ko hatumizwa Inshuti y'urukiko kugirango igire ibyo isobanurira Urukiko ku birebana n'icuruza ry'amahembe y'inzovu n'ibiyakomokaho, ni muri urwo rwego hatumiwe Ikigo cy'igihugu cy'iterambere(RDB) maze iyo nshuti y'urukiko isobanura ko hari uburyo bune umuntu ashobora kubonamo amahembe y'inzovu, ubwa mbere akaba ari uko wayica maze ukayikuraho amahembe yayo, ubwa kabiri

156 _____

akaba ari uko wayikomeretsa mu gihe cyo kuyikuraho amahembe, ubwa gatatu akaba ari uko wayagura ku isoko naho ubwa kane akaba ari uko wayatora ku nzovu yipfushije. Yongeyeho kandi ko nubwo amategeko ahana yo mu Rwanda adateganya igihano ku bakora ubucuruzi bw'amahembe y'inzovu n'ibice by'izindi nyamaswa zirinzwe hariho Itegeko ry'Umuryango w'Afurika y'Iburasirazuba rigenga imicungire ya za Gasutamo rihana abakora ibyaha byo gucuruza ibice by'inyamaswa zirinzwe n'ibikomoka kuri izo nyamaswa biri ku rutonde rw'ibibanza gusabirwa uruhushya.

Abaregwa baburanye bahakana icyaha uretse Nsengiyumva waburanye yemera gucuruza amahembe y'inzovu ariko akavuga birebana n'Itegeko ry'Umuryango w'Afurika ku ko y'Iburasirazuba rigenga imicungire ya za Gasutamo, ko iryo tegeko ritashingirwaho kuko ngo Ubushinjacyaha butarigaragaje ngo baryisobanureho. Uwitwa Vunumwami we yaburanye avuga ko adakwiye gukurikiranwa ku bikorwa byo gucuruza amahembe y'inzovu kuko nta tegeko ribihana mu Rwanda, naho Semasaka viregura avuga ko Ubushinjacyaha butabashije kugaragaza uruhare rwe mu ikorwa ry'icyaha,bityo ngo akaba agomba kugirwa umwere naho Karambizi we aburana avuga ko Ubushinjacyaha bwahinduye imiburanire mu bujurire kuko ngo mu bujurire baregwa kwica inzovu aho kuba gucuruza amahembe y'inzovu no kuyashakira isoko, akavuga ko ibi byafatwa nk'imiburanire mishya.

Incamake y'icyemezo: 1. Gucuruza amahembe y'inzovu no kuyashakira isoko ntibigize icyaha cyo gushimuta, kwica, gukomeretsa cyangwa gucuruza inzovu nta n'ubwo bigize kuba icyitso mu gushimuta, kwica, gukomeretsa cyangwa gucuruza inzovu ahubwo bigize icyaha cyo kwakira, gutunga, guhisha

cyangwa gutanga ngo bahishe ibicuruzwa bazi neza ko bibujijwe cyangwa bisabirwa uruhushya, byatumijwe cyangwa byinjijwe mu buryo bunyuranije n'amategeko.

2. Urukiko Rukuru ntirwari kwemeza ko nta tegeko rihana gucuruza amahembe y'inzovu kubera ko rwagombaga gushingira ku ngingo ya 200 (d) (i) (ii) y'Itegeko ry'Umuryango w'Afurika y'Iburasirazuba rigenga imicungire ya za Gasutamo.

Ubujurire bufite ishingiro kuri bimwe; Imikirize y'urubanza rwajuririwe irahindutse.

Amategeko yashingiweho:

- Itegeko -Ngenga Nº 01/2012/OL ryo ku wa 02/05/2012 rishyiraho igitabo cy'amategeko ahana, ingingo ya 4 n'iya 78, 3°.
- Itegeko Nº 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, ingingo ya 1 n'iya 154.
- Itegeko Nº 30/2013 ryo kuwa 24/5/2013 y'Itegeko ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha, ingingo ya 165 n'iya 190.
- Itegeko Nº 15/2004 ryo ku wa 12/06/2004 ryerekeye ibimenyetso mu manza n'itangwa ryabyo, ingingo ya 110
- Itegeko ry'Umuryango w'Afurika y'Iburasirazuba rigenga imicungire ya za Gasutamo, ingingo ya 200 (d) (i) (ii).
- Itegeko Nº 72/2008 ryo ku wa 31/12/2008 rigena itangira gukurikizwa ry'Itegeko Nº1 ryo ku wa 01 Mutarama 2005 ry'Umuryango w'Afurika y'Iburasirazuba rigenga imicungire ya za gasutamo.

- Amasezerano yerekeye icuruzwa rikorerwa hagati y'ibihugu ku bwoko bw'inyamaswa n'ibimera mu gasozi byenda gucika yabereye i Washington ku wa 3/03/1973, ingingo ya 1,2 n'iya 3.
- Iteka rya Minisitiri Nº 007/2008 ryo ku wa 15/08/20084, rishyiraho urutonde rw'ubwoko bw'inyamaswa n'ibimera birinzwe.

Imanza zifashishijwe:

- Ubushinjacyaha vs Uwamurengeye, RPAA 0110/10/CS rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga, Icyegeranyo cy'ibyemezo by'inkiko V.1, Nyakanga 2014, p. 133-140.
- Ubushinjacyaha vs CPL Ngabonziza na SGT Biziyaremye, RPAA 0117/07/CS rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga, Icyegeranyo cy'ibyemezo by'inkiko, Igitabo cya kabiri 2011, Nº 9, P.57-62.
- Ubushinjacyaha vs Mukashema na Bihimana, RPA 0176/11/CS rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga, Icyegeranyo cy'ibyemezo by'inkiko, V.1-2017, P147-160.

Urubanza

I. IMITERERE Y'URUBANZA

[1] Uru rubanza rwatangiriye mu Rukiko Rukuru, Urugereko rwa Rwamagana, Ubushinjacyaha burega Nsengiyumva Vincent, Vunumwami Egide, Semasaka Silas na Karambizi Alphonse kuba barakoze ubucuruzi butemewe bw'amahembe y'inzovu mu mwaka wa 2012 kugeza muri Gicurasi 2015 ubwo batangiraga gukurikiranwa, Ubushinjacyaha bukavuga ko bagize uruhare mu kwica inzovu zo mu gihugu cya Tanzaniya, bagakurayo amahembe yazo bambutsaga mu Rwanda, bakayashakira isoko, amafaranga avuyemo bakayagabana.

[2] Ku wa 06/10/2016, Urukiko Rukuru, Urugereko rwa Rwamagana rwaciye urubanza RP 0013/15/HC/RWG, rwemeza ko icyaha cyo kwica inzovu rwaregewe kitambuka imipaka kuko Ubushinjacyaha buvuga ko budafite ibimenyetso by'aho inzovu zakuriweho amahembe ziciwe, bityo rukaba rutagifite ububasha bwo kukiburanisha ku rwego rwa mbere. Ku birebana n'Urukiko rufite ububasha bwo kuburanisha icyaha cyo gucuruza amahembe y'inzovu, Urukiko Rukuru, Urugereko rwa Rwamagana rwasanze ibikorwa byo gucuruza amahembe y'inzovu no kuyashakira isoko nta Tegeko ribihana mu Rwanda, bityo urubanza hakaba nta Rukiko rugomba koherezwamo, rutegeka ko Nsengiyumva Vincent na Karambizi Alphonse bari bakurikiranywe bafunze barekurwa.

[3] Ubushinjacyaha ntibwishimiye imikirize y'urubanza, bujuririra Urukiko rw'Ikirenga, buvuga ko Urukiko rwavuze ko butagaragaje ikimenyetso cy'uko abakurikiranywe bagize uruhare mu kwica inzovu, ariko ko ibi ari ukwirengagiza kuko ntawasobanura ukuntu yafatanywe amahembe y'inzovu atabanje kuyica cyangwa kuyikomeretsa, Urukiko Rukuru, Urugereko rwa Rwamagana rukaba rwarirengagije ko ibyo bikorwa bihanwa n'ingingo ya 417 y'Itegeko-Ngenga N° 01/2012 ryavuzwe haruguru.

[4] Mu bujurire, Ubushinjacyaha buvuga kandi ko mu kwemeza ko abaregwa badakwiye gukurikiranwa, Urukiko Rukuru, Urugereko rwa Rwamagana rwavuze ko nta Tegeko rihari, rihana ibikorwa byo gucuruza amahembe y'inzovu, rwirengagije ibiteganywa n'Itegeko ry'Umuryango w'Afurika y'Iburasirazuba rigenga imicungire ya za Gasutamo mu ngingo yaryo ya 200 (d) (i).

[5] Ubushinjacyaha busaba Urukiko kwemeza ko abaregwa bakoze mu buryo bw'impurirane icyaha cyo kwica inzovu no kuzikuraho amahembe yazo bakayacuruza, buri wese agahanishwa igihano cy'igifungo cy'imyaka 10 n'ihazabu iri hagati ya 500.000Frw kugeza na 5.000.000Frw hashingiwe ku ngingo ya 417 y'Igitabo cy'amategeko ahana.

[6] Nyuma y'ivugururwa ry'inkiko, ubujurire bw'Ubushinjacyaha bwoherejwe mu Rukiko rw'Ubujurire hashingiwe ku ngingo ya 52 na 105 z'Itegeko N° 30/2018 ryo ku wa 02/06/2018 rigena ububasha bw'inkiko¹, buhabwa N° RPA 00074/2018/CA.

[7] Urubanza rwaburanishijwe ruhame mu ku wa 24/06/2019, Nsengiyumva Vincent yunganiwe na Me Mujawamaliya Immaculée, Vunumwami Egide yunganiwe na Me Kampire Claudine, Semasaka Silas yunganiwe na Me Nyirabasinga Hélène, Karambizi Alphonse yunganiwe na Me Mukesha David, Ubushinjacyaha buhagarariwe na Habineza Jean Damascène, Umushinjacyaha ku Rwego rw'Igihugu, maze Urukiko ruvuga ko urubanza ruzasomwa ku wa 26/07/2019. Kuri uwo munsi Urukiko rwaciye urubanza rubanziriza urundi rwemeza ko iburanisha ripfundurwa hagatumizwa inshuti

¹ Ingingo ya 52 iteganya ko Urukiko rw'Ubujurire rufite ububasha bwo kuburanisha ku rwego rw'ubujurire bwa mbere, imanza zaciwe mu rwego rwa mbere n'Urukiko Rukuru, Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi n'Urukiko Rukuru rwa Gisirikare naho ingingo ya 105, igika cya 1, ivuga ko guhera igihe iri tegeko ritangiriye gukurikizwa, uretse imanza zatangiye kuburanishwa, imanza zose zitakiri mu bubasha bw'urukiko zaregewe, zohererezwa Urukiko rubifitiye ububasha hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko.

y'Urukiko kugirango igire ibyo isobanurira Urukiko ku birebana n'icuruza ry'amahembe y'inzovu n'ibiyakomokaho birebewe hamwe n'amategeko ahana y'u Rwanda, amategeko arengera ibidukikije, hamwe n'amasezerano mpuzamahanga n'ayo mu karere, u Rwanda rwashyizeho umukono. Hagati aho Perezida w'Urukiko yafashe icyemezo cyo kwagura inteko iburanisha.

[8] Urubanza rwongeye kuburanishwa mu ruhame ku wa 9/9/2019, ababuranyi bitabye Urukiko bunganiwe nka mbere, Ubushinjacyaha buhagarariwe na Rudatinya Gaspard, Umushinjacyaha ku Rwego rw'Igihugu, RDB nk'inshuti y'Urukiko, ihagarariwe na Richard Muvunyi, ukuriye ishami rishinzwe kubungabunga ibidukikije.

Nyuma yo kumva umwirondoro we, kumva inshingano ze [9] n'ubunararibonye bwe mu kubungabunga ibidukikije, Richard Muvunyi yamenyesheje Urukiko ko hari amasezerano yabereye i Washington muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika yerekeye icuruzwa rikorerwa hagati y'Ibihugu ku bwoko bw'inyamaswa zo ku gasozi n'ibimera byenda gucika, u Rwanda rwashyizeho umukono, ko ariko nta bihano byateganyirijwe muri ayo inyamaswa bacuruza cyangwa Masezerano ku ibice by'inyamaswa zirinzwe, akaba ariyo mpamvu buri gihugu mu bvashvize umukono kuri ayo masezerano, kigomba kwishyiriraho amategeko ahana ubucuruzi butemewe.

[10] Yasobanuriye Urukiko kandi ko nyuma yo gusesengura, muri RDB baje gusanga Itegeko-Ngenga N^o 04/2005 ryo ku wa 08/04/2005 rigena uburyo bwo kurengera, kubungabunga no guteza imbere ibidukikije mu Rwanda ndetse n'andi mategeko ahana y'u Rwanda yakozwe muri urwo rwego atarigeze ateganya ibihano ku bantu bakora ibyaha byo gucuruza ibice by'inyamaswa zirinzwe n'ibikomoka kuri izo nyamaswa, akaba

162 ____

ari yo mpamvu RDB yateguye umushinga w'itegeko rigamije kuziba icyo cyuho, ubu ukaba warashyikirijwe Guverinoma.

[11] Inshuti y'Urukiko yakomeje imenyesha Urukiko ko ariko n'ubwo amategeko ahana yo mu Rwanda adateganya igihano ku bakora ibikorwa by'ubucuruzi bw'amahembe y'inzovu n'ibice by'izindi nyamaswa zirinzwe, hariho Itegeko ry'Umuryango w'Afurika y'Iburasirazuba rigenga imicungire ya za Gasutamo rihana abakora ibyaha byo gucuruza ibice by'inyamaswa zirinzwe n'ibikomoka kuri izo nyamaswa biri ku rutonde rw'ibibanza gusabirwa uruhushya, kandi ko amahembe y'inzovu nayo ari kuri urwo rutonde.

[12] Inshuti y'Urukiko yanavuze kandi ko hari uburyo bune umuntu ashobora kubona amahembe y'inzovu, ubwa mbere akaba ari uko wayica maze ukayikuraho amahembe yayo, ubwa kabiri akaba ari uko wayikomeretsa mu gihe cyo kuyikuraho amahembe, ubwa gatatu akaba ari uko wayagura ku isoko naho ubwa kane akaba ari uko wayatora ku nzovu yipfushije; ko kandi uburyo bwose umuntu yaba abonyemo amahembe y'inzovu, aba agomba gusobanura aho yayakuye, kandi ko gucuruza amahembe y'inzovu bitemewe ku isi hose, haba ari ugucuruza amahembe ubwayo cyangwa se ibiyakomokaho keretse gusa ubifitiye uruhushya.

[13] Nsengiyumva Vincent aburana yemera gucuruza amahembe y'inzovu, agasaba imbabazi, Vunumwami Egide akavuga ko yabikijwe na Nsengiyumva Vincent amahembe y'inzovu ariko we azi ko ari ay'inka, Semasaka na Karambizi Alphonse bakaburana bahakana icyaha naho Ubushinjacyaha bwo bukavuga ko hari ibimenyetso bihamya icyaha Nsengiyumva Vincent na Vunumwami Egide ko ariko budafite ibimenyetso bihagije ku birebana na Semasaka na Karambizi Alphonse.

[14] Ibibazo bigomba gusuzumwa muri uru rubanza akaba ari ukumenya niba ibikorwa abaregwa bakurikiranyweho bigize icyaha n'Itegeko rigomba gushingirwaho mu kubihana no kumenya niba hari ibimenyetso bihamya abakurikiranywe icyaha.

II. IBIBAZO BIGIZE URUBANZA N'ISESENGURA RYABYO

II.1. Kumenya niba ibikorwa abaregwa bakurikiranyweho bigize icyaha n'Itegeko rigomba gushingirwaho mu kubihana.

[15] Uhagarariye Ubushinjacyaha avuga ko ibikorwa byabaye byo gucuruza amahembe y'inzovu bigize icyaha cyo kwica inzovu, gucuruza amahembe yazo no kuyashakira isoko, akanenga Urukiko Rukuru, Urugereko rwa Rwamagana kuba rwaremeje ko ibyo bikorwa bitagize icyaha, rwirengagije ingingo ya 417 y'Itegeko rishyiraho igitabo cy'amategeko ahana ryakoreshwaga ubwo icyaha cyakorwaga, ihana icyaha cyo gushimuta, gucuruza no kwica inyamaswa zirimo gucika.

[16] Akomeza asaba Urukiko kwemeza ko abaregwa ari ibyitso mu cyaha cyo kwica inzovu kuko amahembe yazo atari gushobora kuboneka, inzovu zitabanje kwicwa cyangwa ngo zikomeretswe, kandi ko banahamwa n'ibikorwa byo gucuruza amahembe yazo kuko bigaragara ko abaregwa ari abahuza (intermédiaires) b'abica inzovu bakazikuraho amahembe n'ababa bagomba kuyagura. Asaba kandi ko mu gufata icyemezo,

164

Urukiko rwazifashisha urubanza RPA ECON 00001/2018/CA rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire ku wa 6/12/2018 kuko rusa neza n'uru rubanza ku birebana n'ibikorwa byakozwe.

[17] Uhagarariye Ubushinjacyaha asaba gukosora icyemezo cy'Urukiko Rukuru, Urugereko rwa Rwamagana rwavuze ko abaregwa badakwiye gukurikiranwaho icyaha cyo gucuruza amahembe y'inzovu ngo kuko n'ubwo bibujijwe nta tegeko ry'u Rwanda cyangwa amasezerano mpuzamahanga abihana, kubera ko asanga Urukiko Rukuru, Urugereko rwa Rwamagana rwaragombaga gushingira ku Itegeko ry'Umuryango w'Afurika y'Iburasirazuba rigenga imicungire ya za Gasutamo mu ngingo yaryo ya 200 mu guhana icyo cyaha.

[18] Nsengiyumva Vincent na Me Mujawamaliya Immaculée umwunganira, bavuga ko Ubushinjacyaha mu Rukiko rw'Ubujurire bwahinduye ikirego kuko bwari bukurikiranye abaregwa ku cyaha cyo gucuruza amahembe y'inzovu gusa ariko ubu bukaba bwongeraho no kwica inzovu, asaba Urukiko ko rwasuzuma niba icyaburanishijweho mu Rukiko Rukuru ari nacyo kiburanishwaho mu Rukiko rw'Ubujurire, rukanareba niba kuba umuntu afite amahembe y'inzovu hagomba kwemezwa byanze bikunze ko aba yabanje kwica inzovu, kuko ushobora kuyabona uyaguze nk'uko byemejwe n'inshuti y'Urukiko. Avuga kandi ko nta rutonde rw'inyamaswa zirimo zicika Ubushinjacyaha bwagaragaje ngo bwerekane ko n'inzovu zirimo.

[19] Ku birebana n'Itegeko ry'Umuryango w'Afurika y'Iburasirazuba rigenga imicungire ya za Gasutamo, Me Mujawamaliya Immaculée wunganira Nsengiyumva Vincent asaba ko mu guca urubanza, iryo Tegeko ritashingirwaho, kuko Ubushinjacyaha butarigaragaje ngo baryisobanureho mu Rukiko rw'Ubujurire. [20] Vunumwami Egide na Me Kampire Claudine umwunganira bavuga ko ingingo ya 417 y'igitabo cy'amategeko ahana Ubushinjacyaha bushingiraho itakoreshwa muri uru rubanza, kuko ntaho ihuriye no gucuruza amahembe y'inzovu, uwo yunganira akaba adakwiye gukurikiranwaho iki cyaha. Avuga ko nk'uko bigaragara ku rupapuro rwa 5, urwa 7 n'urwa 10 rw'urubanza rwajuririwe, mu Rukiko Rukuru Ubushinjacyaha bwavuze ko nta bimenyetso bufite ko inzovu ziciwe muri Tanzaniya, ko icyo bukurikiranyeho abaregwa ari ugucuruza no gushaka aho bacururiza amahembe y'inzovu kandi ko byakorewe mu Rwanda, ibyo bikorwa, Vunumwami Egide akaba atagomba kubikurikiranwaho, kuko nta tegeko ribihana.

[21] Semasaka Silas na Me Nyirabasinga Helène umwunganira bavuga ko Ubushinjacyaha butabashije kugaragaza uruhare rwa Semasaka Silas mu ikorwa ry'icyaha, ko ku bw'ibyo agomba kugirwa umwere.

Karambizi [22] Alphonse Me Mukesha David na Ubushinjacyaha umwunganira, bavuga ko bwahinduve imiburanire mu bujurire bukavuga ko icyaha buregera ari ukwica inzovu aho kuba gucuruza amahembe y'inzovu no kuyashakira isoko, ibi bikaba byafatwa nk'imiburanire mishya (moyen nouveau), idashobora gushingirwaho bwa mbere mu rwego rw'ubujurire.

[23] Ku birebana n'Itegeko ry'Umuryango w'Afurika y'Iburasirazuba rigenga imicungire ya za Gasutamo, Me Mukesha David wunganira Karambizi Alphonse avuga ko iryo Tegeko ritashingirwaho kuko Ubushinjacyaha butigeze buriburanisha mu Rukiko rubanza kandi ko amahembe y'inzovu atari ibicuruzwa; ko ariko Urukiko rusanze rwarishingiraho rwareba niba u Rwanda rwararishyizeho umukono.

166 ____

UKO URUKIKO RUBIBONA

[24] Inyandiko ziri muri dosiye zigaragaza ko Ubushinjacyaha bukurikiranye abaregwa ku cyaha cyo kwica inzovu, kuba icyitso mu kwica inzovu kuko ngo bitari gushoboka kubona amahembe y'inzovu hatabayeho kubanza kuzica n'icyaha cyo gucuruza amahembe yazo no kuyashakira isoko, ariko Urukiko Rukuru, Urugereko rwa Rwamagana rukaba rwaremeje ko nta bimenyetso bigaragaza ko abakurikiranywe bagize uruhare mu kwica inzovu kandi ko gucuruza amahembe y'inzovu no kuyashakira isoko bitagize icyaha gihanwa n'ingingo ya 417 y'Itegeko rishyiraho igitabo cy'amategeko ahana cyangwa Itegeko-Ngenga N^o 04/2005 ryo ku wa 08/04/2005 rigena uburyo bwo kurengera, kubungabunga no guteza imbere ibidukikije mu Rwanda.

[25] Ku birebana n'icyaha cyo kwica inzovu, Ubushinjacyaha bushingira ku ngingo ya 417 y'Itegeko-Ngenga N^o 01/2012 ryo ku wa 02/05/2012 rishyiraho igitabo cy'amategeko ahana ryakoreshwaga ubwo Nsengiyumva Vincent na bagenzi be batangiraga gukurikiranwa iteganya ko umuntu wese ushimuta, ucuruza, ukomeretsa cyangwa wica ingagi cyangwa izindi nyamaswa zirengerwa ziriho zicika, ahanishwa igifungo kirenze imyaka itanu (5) kugeza ku myaka icumi (10) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana atanu (500.000) kugeza kuri miliyoni eshanu (5.000.000).

[26] Urukiko rurasanga n'ubwo koko inzovu iri ku rutonde rw'inyamaswa zirinzwe zivugwa mu Iteka rya Minisitiri Nº 007/2008 ryo ku wa 15/08/2008², rishyiraho urutonde

² Iteka rya Minisitiri № 007/2008 ryo ku wa 15/08/2008 ryasohotse mu Igazeti ya Leta № 22 yo ku wa 15/11/2008, iri teka rikaba ryarashyizweho hashingiwe ku ngingo ya 54 y'Itegeko- Ngenga № 04/2005 ryo ku wa 08/04/2005 rigena

rw'ubwoko bw'inyamaswa n'ibimera birinzwe (list of protected animal and plant species) ntabwo ingingo ya 417 y'Itegeko-Ngenga N^o 01/2012 rishyiraho igitabo cy'amategeko ahana yakoreshwa muri uru rubanza nk'uko biburanishwa n'Ubushinjacyaha, kubera ko nta bimenyetso bwagaragarije Urukiko rw'Ubujurire byemeza ko abakurikiranywe baba barakoze ibikorwa byo kwica inzovu cyane ko no mu miburanire yabwo mu Rukiko Rukuru bwari bwabanje kuvuga ko nta bimeyetso bifatika bufite byemeza ko abakurikiranywe bagize uruhare mu kwica inzovu, aho byabereye muri Tanzaniya.

[27] Hashingiwe ku bisobanuro bimaze kuvugwa haruguru, Urukiko rw'Ubujurure rurasanga, nk'uko byemejwe n'Urukiko Rukuru, Urugereko rwa Rwamagana ibikorwa Ubushinjacyaha bwaregeye byo kwica inzovu bidahura n'ibiteganyijwe mu ngingo ya 417 y'Itegeko-Ngenga Nº 01/2012 ryavuzwe haruguru ihana ibikorwa byo gushimuta, gucuruza, gukomeretsa cyangwa kwica ingagi cyangwa izindi nyamaswa zirengerwa ziriho zicika ryakoreshwaga ubwo Nsengiyumva Vincent na bagenzi be batangiraga gukurikiranwa.

[28] Ku birebana n'uko abakurikiranywe baba barabaye ibyitso by'abishe inzovu muri Tanzaniya ngo kuko bitari gushoboka kubona amahembe y'inzovu hatabayeho kubanza kuzica, Urukiko rw'Ubujurire rurasanga na none, hakurikijwe ingingo ya 98 y'Itegeko-Ngenga N°01/2012/OL ryo ku wa

168 ____

uburyo bwo kurengera, kubungabunga no guteza imbere ibidukikije mu Rwanda, rishyiraho urutonde rw'ubwoko bw'inyamaswa n'ibimera birinzwe (list of protected animal and plant species), ku mugereka wa mbere w'inyamabere rivuga inzovu hamwe n'izindi nyamaswa zitandukanye zirimo ingagi, impundu, inkura, inkoronko n'izindi, bikaba byumvikana ko inzovu nayo iri ku rutonde rw'inyamaswa zirinzwe zivugwa mu ngingo ya 417 yavuzwe haruguru.

02/05/2012 rishyiraho igitabo cy'amategeko ahana ryibukijwe haruguru³, nta gikorwa na kimwe Ubushinjacyaha bugaragaza cyerekana ko abaregwa babaye ibyitso mu kwica inzovu muri Tanzaniya mu buryo butandukanye buteganywa n'iyi ngingo. Ikindi kandi nta n'ubwo Ubushinjacyaha bwashoboye kugaragaza ko abafatanywe amahembe y'inzovu mu Rwanda baba barahishe babizi, ikintu cyangwa ibikoresho byakoreshejwe mu kwica inzovu, ibikoresho cyangwa inyandiko byabonetse bikomotse ku cyaha cyo kwica inzovu nk'uko byumvikana mu ngingo ya 327 y'Itegeko-Ngenga N°01/2012/OL ryo ku wa 02/05/2012 rishyiraho igitabo cy'amategeko ahana.

[29] Urukiko rurasanga ibyo Ubushinjacyaha buvuga ko abaregwa babaye ibyitso by'abishe inzovu kubera ko amahembe atari kuboneka hatabanje kwicwa inzovu ari ukugenekereza kuko ayo mahembe ashobora kuboneka ku bundi buryo nko kuyakura ku nzovu yapfuye, gukomeretsa inzovu uyikuraho amahembe, kuyatoragura cyangwa kuyagura n'abayacuruza mu buryo butemewe n'amategeko nk'uko inshuti y'Urukiko Muvunyi Richard ushinzwe kubungabunga ibidukikije muri RDB yabisobanuriye Urukiko.

[30] Hashingiwe kuri ibyo bisobanuro, Urukiko rw'Ubujurure rurasanga rero ibikorwa Ubushinjacyaha bwaregeye bidahura n'ibiteganyijwe mu ngingo ya 98 n'iya 327 y'Itegeko-Ngenga N^o 01/2012 ryo ku wa 02/05/2012 rishyiraho igitabo cy'amategeko ahana ryakoreshwaga ubwo Nsengiyumva Vincent na bagenzi be

³ Icyitso ni uwafashije uwakoze icyaha mu byagiteguye, mu byoroheje imikorere yacyo cyangwa mu byakinonosoye kandi yarabikoze abizi cyangwa uwoheje uwakoze icyaha. Yitwa kandi icyitso uwoheje uwakoze icyaha cyangwa uwahishe inkozi y'ibibi cyangwa uwazifashije guhisha mu buryo buteganywa n'ingingo ya 327 y'Itegeko-Ngenga rivugwa muri iki gika.

batangiraga gukurikiranwa kubera ko Ubushinjacyaha butashoboye kugaragaza ibimenyetso byashingirwaho mu kwemeza ko abakurikiranywe babaye ibyitso by'abahigi baba barishe inzovu muri Tanzaniya nk'uko byasobanuwe haruguru.

[31] Ku birebana no gucuruza by'umwihariko, Urukiko rurasanga ibikorwa bihanwa n'ingingo ya 417 y'Igitabo cy'amategeko ahana byo gucuruza inyamaswa zirinzwe harimo n'inzovu nta byakozwe n'abakurikiranywe, kuko ahubwo ibyabaye ari ugucuruza amahembe y'inzovu aho kuba gucuruza inzovu. Gucuruza inzovu no gucuruza amahembe yazo bikaba bidashobora kwitiranywa mu rwego rw'amategeko kubera ko iyi ngingo ya 417 yumvikanisha ko gucuruza bireba inyamaswa ubwayo, atari ibice byayo cyangwa ibiyikomokaho.

[32] Urukiko rusanga kwitiranya ibyo bikorwa byombi byo gucuruza inzovu no gucuruza amahembe yazo byaba ari ugusobanura amategeko nshinjabyaha mu buryo butandukira (Interprétation extensive), kandi ibyo bibujijwe mu rwego rw'amategeko ahana ibyaha nk'uko bivugwa mu ngingo ya 4 y'Itegeko Ngenga N° 01/2012/OL ryo kuwa 02/05/2012 rishyiraho igitabo cy'amategeko ahana ivuga ko amategeko ahana adashobora gukoreshwa ku buryo butandukira, ko ahubwo agomba gufatwa uko ateye.⁴

[33] Hashingiwe kuri ibyo bisobanuro bimaze kuvugwa haruguru rero, Urukiko rw'Ubujurire rurasanga ahubwo icyabaye ari kubika no ugucuruza amahembe y'inzovu mu gihe yarimo

⁴ Ibi bihuye n'ibiteganywa n'ingingo ya 4, igika cya mbere y'Itegeko n°68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange ivuga ko amategeko ahana agomba gufatwa uko ateye, ntashobora gukoreshwa ku buryo butandukira.

gushakirwa isoko kuko Nsengiyumva Vincent yemera ko yakiriye amahembe y'inzovu ayahawe n'abahigi bayambukije bayavanye muri Tanzaniya maze akayabitsa Vunumwami Egide mu gihe bari bategereje kuyashakira isoko, Vunumwami Egide nawe akemera kuyahisha mu gihe bagishakisha umuguzi ndetse bakaba barayafatanywe bagiye kuyashyikiriza uwashakaga kuyagura.

[34] Ingingo ya 1, 2 n'iya 3 z' Amasezerano yerekeye icuruzwa rikorerwa hagati y'ibihugu ku bwoko bw'inyamaswa n'ibimera mu gasozi byenda gucika yabereye i Washington ku wa 3/03/1973, yemejwe burundu n'Iteka rya Perezida N° 211 ryo ku wa 25/08/1980, zumvikanisha ko inzovu ari inyamaswa iri ku mugereka wa I (Annexe I) w'ayo Masezerano kandi ko icuruzwa ry'inyamaswa zenda gucika, rireba inyamaswa nzima, izapfuye, ibice by'izo nyamaswa cyangwa ibikomoka kuri izo nyamaswa (...) kandi ko icuruza rigomba kubahiriza ibiteganywa n'aya Masezerano harimo kuba icuruzwa ryatangiwe uruhushya n'umuyobozi ubifitiye ububasha.⁵

⁵ Convention sur le commerce international des espèces de faune et de flore sauvages menacées d'extinction Article I. Aux fins de la présente Convention et, sauf si le contexte exige qu'il en soit autrement, les expressions suivantes signifient:

a) "Espèces": toute espèce, sous-espèce, ou une de leurs populations géographiquement isolée;

b) "Spécimen":

i) tout animal ou toute plante, vivants ou morts;

ii) dans le cas d'un animal: pour les espèces inscrites aux Annexes I et II, toute partie ou tout produit obtenu à partir de l'animal, facilement identifiables, et, pour les espèces inscrites à l'Annexe III, toute partie ou tout produit obtenu à partir de l'animal, facilement identifiables, lorsqu'ils sont mentionnés à ladite Annexe; iii) (...).

Article II. L'Annexe I comprend toutes les espèces menacées d'extinction qui sont ou pourraient être affectées par le commerce. Le commerce des

[35] Ingingo ya 200 (d) (i) (ii) y'Itegeko ry'Umuryango w'Afurika y'Iburasirazuba rigenga imicungire ya za Gasutamo nayo yumvikanisha ko umuntu wakira, utunga, uhisha cyangwa utanga ngo bahishe ibicuruzwa azi neza ko bibujijwe cyangwa bisabirwa uruhushya byatumijwe cyangwa byinjijwe mu buryo bunyuranije n'amategeko ahanishwa igihano cy'igifungo kitarenze imyaka itanu (5) cyangwa ihazabu ingana na 50% y'umusoro byari busore cyangwa byombi⁶ naho umugereka wa 2, B w'iryo Tegeko, mu gace ka 8 ukaba ushyira amahembe y'inzovu ku rutonde rw'ibintu bicuruzwa bibanje gusabirwa uruhushya⁷.

c) un organe de gestion de l'Etat d'importation a la preuve que le spécimen ne sera pas utilisé à des fins principalement commerciales.

⁶ Any person who acquires, has in his or her possession, keeps or conceals, or procures to be kept or concealed, any goods which he or she knows, or ought reasonably to have known, to be (....) commits an offence and shall be liable on conviction to imprisonment for a term not exceeding five years or to a fine equal to fifty percent of the dutiable value of the goods involved, or both.

⁷ Ivory, elephant unworked or simply prepared but not cut to shape, worked ivory and articles of ivory

spécimens de ces espèces doit être soumis à une réglementation particulièrement stricte afin de ne pas mettre davantage leur survie en danger, et ne doit être autorisé que dans des conditions exceptionnelles.

Article III. 1. Tout commerce de spécimens d'une espèce inscrite à l'Annexe I doit être conforme aux dispositions du présent Article. 2. (...), 3. L'importation d'un spécimen d'une espèce inscrite à l'Annexe I nécessite la délivrance et la présentation préalables d'un permis d'importation et, soit d'un permis d'exportation, soit d'un certificat de réexportation. Un permis d'importation doit satisfaire aux conditions suivantes:

a) une autorité scientifique de l'Etat d'importation a émis l'avis que les objectifs de l'importation ne nuisent pas à la survie de ladite espèce;

b) une autorité scientifique de l'Etat d'importation a la preuve que, dans le cas d'un spécimen vivant, le destinataire a les installations adéquates pour le conserver et le traiter avec soin;

[36] Kubera ko rero abakurikiranywe batigeze bagaragariza Urukiko ko bahawe uruhushya rwo gucuruza amahembe y'inzovu bakuye muri Tanzaniya nk'uko bisabwa n'Itegeko ry'Umuryango w'Afurika w'iburasirazuba rigenga imicungire ya za Gasutamo ndetse n'amasezerano yabereye i Washington ku wa 3 Werurwe 1973 yerekeye icuruzwa rikorerwa hagati y'ibihugu ku bwoko bw'inyamaswa n'ibimera mu gasozi byenda gucika, bakaba kandi barinjije ayo mahembe mu buryo bunyuranije n'amategeko, Urukiko rurasanga ibikorwa abashinjwa bakurikiranyweho bigize icyaha cyo gucuruza amahembe y'inzovu giteganywa kandi gihanishwa ingingo ya ingingo ya 200 (d) (i) (ii) y'Itegeko ry'Umuryango w'Afurika y'Iburasirazuba rigenga imicungire ya za Gasutamo ihana kwakira, gutunga, guhisha cyangwa gutanga ngo bahishe ibicuruzwa bazi neza ko bibujijwe cyangwa bisabirwa uruhushya byatumijwe cyangwa byinjijwe mu buryo bunyuranije n'amategeko, ku bw'ibyo, Urukiko rukaba rusanga icyemezo cyari cyafashwe n'Urukiko Rukuru, Urugereko rwa Rwamagana cy'uko gucuruza amahembe y'inzovu bitagize icyaha nta shingiro gifite.

